

AMASHAKIRO Y'IBITABO BYO MURI B'IBILIYA

	<i>Urupapuro</i>		<i>Urupapuro</i>
<i>Ijambory'ibanze</i>	ii	<i>Amashakiro y'ibitabo</i>	vii

ISEZERANO RYA KERA

<i>Igitabo</i>	<i>Impinamagambo</i>	<i>Urupapuro</i>	<i>Igitabo</i>	<i>Impinamagambo</i>	<i>Urupapuro</i>
Itangiriro	Itang	1	Imigani	Imig	612
Kuv.	Kuva	51	Umubwiriza	Umubw	648
Abalewi	Lewi	95	Indirimbo	Ind	655
Kubara	Kub	126	Yes.y.	Yes	662
Gutegek. kw.			Yeremiy.	Yer	711
Kabiri	Guteg	170	Amaganya	Amag	765
Yosuw.	Yos	207	Ezekiyeli.	Ezek	773
Abacamanza	Abac	231	Daniyeli	Dan	823
Rusi	Rusi	255	Hosey.	Hos	838
1 Samweli	1 Sam	259	Yoweli.	Yow	845
2 Samweli	2 Sam	291	Amosi	Amosi	848
1 Abami	1 Abami	319	Obadiya	Obad	854
2 Abami	2 Abami	351	Yona	Yona	855
1 Ibyo ku Ngoma	1 Ngoma	382	Mika	Mika	857
2 Ibyo ku Ngoma	2 Ngoma	411	Nahumu	Nah	862
Ezira	Ezira	447	Habakuki	Hab	864
Nehemiya	Neh	457	Zefaniya	Zef	866
Esiteri	Esit	472	Hagayi	Hag	869
Yobu	Yobu	480	Zekariya	Zek	870
Zaburi	Zab	516	M.laki.	Mal	879

ISEZERANO RISHYA

<i>Igitabo</i>	<i>Impinamagambo</i>	<i>Urupapuro</i>	<i>Igitabo</i>	<i>Impinamagambo</i>	<i>Urupapuro</i>
Matayo	Mat	1	2 Timoteyo	2 Tim	215
Mariko	Mar	35	Tito	Tito	218
Luk.	Luka.	57	Filemoni	File	219
Yohan.	Yoh	93	Abaheburayo	Heb	221
Ibyakozwe			Yakobo	Yak.	233
n'Intumwa	Ibyak.	119	1 Petero	1 Pet	237
Abaroma	Rom	152	2 Petero	2 Pet	241
1 Abakorinto	1 Kor	166	1 Yohana	1 Yoh	243
2 Abakorinto	2 Kor	180	2 Yohana	2 Yoh	247
Abagaliya	Gal	189	3 Yohana	3 Yoh	247
Abefeso	Ef	194	Yuda	Yuda	248
Abafilipi	Fili	199	Ibyahishuwe	Ibyah	250
Abakolosa	Ko10	202			
1 Abatesalonike	1 Tes	206	<i>Uko amarangamirongo akoreshwa</i>		267
2 Abatesalonike	2 Tes	209	<i>Urutonde rw'itandukaniro</i>		268
1 Timoteyo	1 Tim	211	<i>Amakarita</i>		270

ISEZERANO RYA KERA

IGITABO CYA MOSE CYA MBERE CYITWA ITANGIRIRO

Imana irema isi n'ijuru
n'ibirimo byose

1 Mbere na mbere Imana yaremye ijuru n'isi. ²Isi yari itagira ishusho, yariho ubusa busa, umwijima wari hejuru y'imuhengeri, maze Umwuka w'Imana, yagendagendaga hejuru y'amazi. ³Imana iravuga iti "Habeho umucyo", umucyo ubaho. ⁴Imana ibona umucyo ko ari mwiza, Imana itandukanya umucyo n'umwijima. •Imana yita umucyo amanywa, umwijima iwita ijoro. Buragoroba buracya, **uwo ni umunsi wa mbere.**

⁶Imana iravuga iti "Habeho isanzure hagati y'amazi, rigabanye amazi n'andi mazi. ⁷Imana irema iryo sanzure, igabanya amazi yo muni y'isanzure n'ayo hejuru yayo, biba bityo. ⁸Imana yita iryo sanzure Ijuru. Buragoroba buracya, uwo ni umunsi wa kabiri.

⁹Imana iravuga iti "Amazi yo muni y'ijuru ataranye hamwe, ahumutse haboneke." Biba bityo. ¹⁰Imana yita ahumutse Ubutaka, iteraniro ry'amazi iryita Inyanja. Imana ibona ko ari byiza. ¹¹Imana iravuga iti "Ubutaka bumeze ubwatsi rfbimera byose byerere imbuto ku butaka, n'ibiti byerere imbuto ku butaka zirimo utubuto twabyo, igiti cyose cyere imbuto zikwiriye ubwoko bwacyo." Biba bityo. ¹²Ubutaka bumeze ubwatsi, ibimera byose byera imbuto zikwiriye amoko yabyo, n'ibiti byera imbuto zirimo utubuto twabyo, zikwiriye amoko yabyo. Imana ibona ko ari byiza. ¹³Buragoroba buracya, uwo ni umunsi wa gatatu.

¹⁴Imana iravuga iti "Mu isanzure ry'ijuru habeho ibiva bitandukanya amanywa n'ijoro, bibereho kuba ibimenyetso no kwerekana ibihe n'iminsi n'ima, ¹⁵ibereho kuvira mu isanzure ry'ijuru kugira ngo bivire isi." Biba bityo. ¹⁶Imana irema ibiva bibiri binini, ikiva kinini cyo gutegeka amanywa, n'igito cyo gutegeka ijoro, irema n'inyenyeri. ¹⁷Imana ibishyirira mu isanzure ry'ijuru kugira ngo bivire isi, ¹⁸kandi bitegeke amanywa n'ijoro, bitandukanye umucyo n'umwijima, Imana

ibona ko ari byiza. ¹⁹Buragoroba buracya, uwo ni umunsi wa kane.

²⁰Imana iravuga iti "Amazi yuzuremo ibyigenza byinshi cyane bifite ubugingo, kandi inyoni n'ibisiga biguruke mu isanzure ry'ijuru." ²¹Imana irema ibifi binini byo mu nyanja, n'ibintu byose byigenza bifite ubugingo, amazi biyuzura mo nk'uko amoko yabyo ari. Irema n'inyoni n'ibisiga byose nk'uko amoko yabyo ari, Imana ibona ko ari byiza. ²²Imana ibiha umugisha, iti "Mwororoke, mugwire, mwuzure amazi yo mu nyanja, inyoni n'ibisiga byororoke mu isi." ²³Buragoroba buracya, uwo ni umunsi wa gatanu.

²⁴Imana iravuga iti "Isi izane ibifite ubugingo, amatungo n'ibikururuka nk'uko amoko yabyo ari, n'inyamaswa zo mu isi nk'uko amoko yazo ari." Biba bityo. ²⁵Imana irema inyamaswa zo mu isi nk'uko amoko yazo ari, n'amatungo nk'uko amoko yayo ari, n'ibintu byose bikururuka hasi nk'uko amoko yabyo ari, Imana ibona ko ari byiza.

²⁶Imana iravuga iti "Turume umuntu agire ishusho yacu ase natwe, batware amafi yo mu nyanja, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'amatungo n'isi yose, n'igikururuka hasi cyose." ²⁷Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo, afite ishusho y'Imana ni ko yamuremye, umugabo n'umugore ni ko yabaremye. ²⁸Imana ibaha umugisha, Imana irababwira iti "Mwororoke mugwire, mwuzure isi, mwimenyereze ibiyirimo, mutware amafi yo mu nyanja, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'ibintu byose bifite ubugingo byigenza ku isi." ²⁹Kandi Imana irababwirira iti "Dore mabahaye ibimera byose byera. imbuto biri mu isi yose, n'igiti cyose gifite imbuto zirimo utubuto twacyo, bibaze ibyokurya byanyu. ³⁰Kandi inyamaswa yose yo mu isi, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'ikintu cyose gikururuka ku isi gifite ubugingo, mbihaye ibimera bibisi byose ngo bibe ibyokurya byabyo." Biba bityo. ³¹Imana ireba ibyo yaremye byose, n'uko byari byiza cyane. Buragoroba buracya, uwo ni umunsi wa gatandatu.

1:3: 2 Kor 4.6 1:6-8: 2 Pet 3.5 1:26: 1 Kor 11.7 2:27: Mat 19.4; Mar 10.6 1:27-28: Itang 5.1-2

2

ITANGIRIRO 2 - 3

Imana yeza umunsi wa karindwi

2 Ijuru n'isi n'ibirimo byinshi byose birangira kuremwa. ¹Ku muni wa karindwi Imana irangiza imirimo yakozze, iruhuka ku muni wa karindwi imirimo yayo yose yakozze. ³Imana iha umugisha umunsi wa karindwi iraweza, kuko ari wo Imana yaruhukiyemo imirimo yakozze YOS(1,

Imana ishyira Adamu muri Edeni

⁴ Uku ni ko kuremwa kw'ijuru n'isi, ubwo byaremwaga, ku muni Uwitaka Imana yaremyemo isi n'ijuru. ⁵Kandi akatsi kose ku mu gasozi kari kataraba ku isi, n'ikimera cyose cyo mu gasozi cyari kitariiruka, kuko Uwitaka Imana yari itaravuba imvura ku isi kandi nta, muntu wariho wo guhinga ubwoko bwose.

⁷ Uwitaka Imana irema umuntu mu mukungu wo hasi, imuhumekera mu mazuru umwuka w'uhugingo, umuntu ahinduka ubugingo buzima.

⁸ Uwitaka Imana ikaba ingobyi muri Edeni mu ruhande rw'iburasarubura, iyishyiramo umuntu yaremye. •Uwitaka Imana imezamo igiti cyose cy'igikundi-ro cyera imbuto ziribwa, imeza n'igiti cy'ubugingo hagati muri iyo ngobyi, imezamo n'igiti cy'ubwenge bumenyeshashya icyiza n'ikibi.

¹⁰ Umugezi u'uruka muri Edeni uretseha iyo ngobyi, uwo mugezi uvamo wigabanyamo ine. ¹¹Umwe witwa Pishoni, ari wo ugose igihugu cyose cy'j Havila kirimo izahabu, ¹²kandi izahabu yo muri icyo gihugu ni nziza. Iyo ni ho hari ubushishi buva ku giti bwitwa budola, n'amabuye yitwa shohamu. ¹³Undi witwa Gihoni, ari wo ugose igihugu cyose cy'i Kushi. ¹⁴Undi witwa Hidekelu, ni wo uca imbere y'igihugu cyitwa Ashuri. Uwa kane witwa Ufurate.

¹⁵ Uwitaka Imana ijyana wa muntu, imushyira muri iyo ngobyi yo muri Edeni, ngo ahingire ibirimo, ayirinde. ¹⁶Uwitaka Imana iramutegeka iti "Ku giti cyose cyo muri iyo ngobyi ujye urya imbuto zacyo uko ushaka, ¹⁷ariko igiti cy'ubwenge bumenyeshashya icyiza n'ikibi

2.2: Heb 4.4,10 2.2-3: Kuv.20.11 2.7: 1 Kor 15.45 2.9: Ibyah 2.7; 22.2.14 2.24: Mat 19.5; Mar 10.7-8; 1 Kor 6.16; Ef.5.31 3.1: Ibyah 12.9; 20.2
a Mugabo mu Ruheburayo ni Isb, umugore ni Isha.

ntuzakiryeho, kuko umunsi wakiriyeho no gupfa uzapfa."

Imana irema Eva

¹⁸ Kandi Uwitaka Imana iravuga iti "Si byiza ko uyu muntu aba wenyine, reka muremere umufasha umukwiriye." ¹⁹Uwitaka Imana irema mu butaka amatungo yose n'inyamaswa zo mu ishyamba zose, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere byose, ibizanzira uwo muntu ngo imenyeye uko abyita, kandi uko uwo muntu yise ikintu cyose gifite ubugingo, aba ari ryo riba izina ryacyo. ¹⁰Uwo muntu yita amatungo yose n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere n'inyamaswa zo mu ishyamba zose, ariko umufasha umukwiriye yari ataraboneka.

²¹ Uwitaka Imana isinziriza uwo muntu ubucira arasinzira, imukuramo ubavu rumwe ihasubiza inyama, ²²urwo rubavu Uwitaka Imana yakuye muri uwo muntu, iruhindura umugore imushyira uwo muntu, ²³Aravuga ati

"Uyu Ili igufwa ryo mu magufwa yanjye,

Ni akara ko mu maza yanjye,

Azitwa Umugore kuko yakuwe mu Mugabo."a

¹⁴Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe.

²⁵ Kandi uwo mugabo n'umugore we bombi bari bambaye ubusa, ntibakorwe n'isoni.

Inzoka yoshya Eva

3 Inzoka yarushaga uburiganya inyamaswa zo mu ishyamba zose, Uwitaka Imana yaremye. Ibaza uwo mugore iti "Ni ukuri koko Imana yarayuze iti 'Ntimuzayye ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi!'"

² Uwo mugore arayisubiza ati "Imbuto z'ibiti byo muri iyi ngobyi twemererwa kuzirya, ³keretse imbuto z'igiti kiri hagati y'ingobyi ni zo Imana yatubwiye iti 'Ntimuzazirye, ntimuzazikoreho, mutazapfa.'"

⁴ Iyo nzoka ibwirira umugore, iti "Gupfa ntimuzapfa, kuko Imana izi yuko ku muni mwaziriyeho, amaso

yanyu azahweza mugahindurwa nk'Imana, mukamenya icyiza n'ikibi."

6 Uwo mugore abonye yuko icyo giti glfi-e. byokurya byaza, kandi ko ari l-y Igikundiro, kandi ko ari icyo kwifunza kumenyeshya umuntu ubwenge, asor-ma ku mbuto zacyo, arazirya, ahaho n umugabo we wari kumwe na we arazirya. 7 Amaso yabo bombi arahweza: bamenya yuko bambaye ubusa, badoda-ibibabi by'imitini, biremeramo ibicocero.

Imana ihana inzoka na Adamu na Eva

8 Bumva imirindi y'Uwiteka Imana igendagenda muri ya ngobyi mu mafu ya nimunsi. wa mugabo n'umugore we bihisha hagati y'ibiti byo muri iyo ngobyi amaso y'Uwiteka Imana. •Uwiteka Imana ihamagara uwo mugabo, iramubaza ita "Uri he?"

10 Arayisubiza . ati "Numvise imirindi yawe muri iyi ngobyi, ntinyishwa n'uko bambaye ubusa, ndihisha."

11 Iramubaza: ita "Ni nde wakubwiye ko wambaye ubusa? Wariye kuri cya giti nakubujije kuryaho?"

12 Uwo mugabo arayisubiza ati "Umugore wampaye ngo tubane, ni we wampaye ku mbuto z'icyo giti, ndazirya."

13 Uwiteka Imana ibaza uwo mugore ita "Icyo wakoze icyo ni iki?"

Uwo mugore arayisubiza ati "Inzoka yanshukashutse ndazirya."

14 Uwiteka Imana ibwira iyo nzoka ita "Kuko ukoze ibyo, uri ikivume kirengeje amatungo yose n'inyamaswa zo mu ishyamba zose, uzajya ugenda ukurura inda, uzajya urya umukungugu iminsi yose y'ubugingo bwawe. 15 Nzashyira urwango hagati yawe n'uyu mugore, no hagati y'urubyarwo rwawe n'urwe, ruzagukomeretsa umutwe nawe uzarukomeretsa agatsinsino."

16 Kandi Uwiteka Imana ibwira uwo mugore ita "Kugwiza . . . nzagwiza . . . cyane umubabaro wawe ufite inda: uzajya ubyara abana ubabara, kwifuzwa kwawe kuzaherera ku mugabo wawe, na we azagutwara."

17 Na Adamu' iramubwira ita "Ubwwo wumviye umugore wawe ukarya ku giti

3.13: 2 Kor 11.3; 1 Tim 2.14 3.15: Ibyah 12.17 3.17-18: Heb 6.8 3.22: Ibyah 22.14 4.4: Heb 11.4

b imirindi: cyangwa, ijwi.

c Adamu risobanurwa ngo Umuntu.

d Eva risobanurwa ngo Ufite ubugingo. Mu Ruheburayo ni Hawa.

e Abakerubi ni umutwe umwe w'abamarayika.

nakubujije ko utazakiryaho, uzaniye ubutaka kuvumwa. Iminsi yose yo kubaho kwa:"e uzajya urya ibibuvamo ugomye kubirurura, 18 buzajya bukomeremo imikeri n'ibitovu, nawe uzajya urya imboga zo mu munna. 1. Gutubikana ko mu m-so hawe ni ko kuzaguhesha umutsima. unnde ugeza ubwo uzasubira mu hutaka kuko ari mo wak-we:uri umukungugu, mu mukungugu ni mo uzasubira."

20 Uwo mugabo yita umugore we Eva, d kuko ari we nyina w'ahafite ubugingo bose. 21 Uwiteka Imana iremera Adamu n'umugore we imyambaro y'impu, irayibambika.

Imana ikiira Adamu muri Edeni

22 Uwiteka Imana iravugaga ita "Dore uyu muntu ahindutse nk'imwe yo muri twe ku byo kumenya icyiza n'ikibi, noneho atarambura ukuboko agasoroma no ku giti cy'ubugingo, akarya akarama iteka ryose." 23 Ni cyo cyatumye Uwiteka Imana imwirukana muri ya ngobyi muri Edeni, kugira ngo ahinge ubutaka yavuyemo. 24 Nuko yirukana uwo muntu, kandi mu ruhande rw'iyi ngobyi yo muri Edeni rwerekeye iburasirazuba, ishyiraho-Abakerubi n'inkota yaka umuriro, izenguruka impande zose, ngo ibuze inzira ijya kuri cya giti cy'ubugingo.

Ibyerekeye Kayini na Abeli

4 Kandi uwo mugabo atwika Eva umugore we inda, abyara Kayini aravugaga ita "Mpeshejwe umuhungu n'Uwiteka." 2 Arongera abyara Abeli, murumuna wa Kayini. Abeli aba umwungeri w'intama, Kayini aba umuhinzi. 3 Bukeye Kayini azana ituro ku mbuto z'ubutaka, ngo ariture Uwiteka. 4 Na Abeli azana ku buriza bw'umukumbi we no ku rugimbu rwawo. Uwiteka yita kuri Abeli no ku ituro rye, maze ntiyita kuri Kayini n'ituro rye. Kayini ararakara cyane, agaragaza umubabaro. •Uwiteka abaza Kayini ati "Ni iki kiburakaje, kandi ni iki gitumye ugaragaza umubabaro? 'Nukora ibyiza ntuzemerwa? Ariko nudakora ibyiza, ibyaha byituguturira-

ku rugi, kandi ni wowe byifuza ariko ukwiriye kubitegeka." 1

8 Kayini abibwira Abeli murumuna we. Kandi bari mu gasozi, Kayini ahagurukira Abeli murumuna we, aramwica.

9 Uwiteka abaza Kayini ati "Abeli murumuna wawe ari he?"

Aramubaza ati "Ndabizi se? Ndi umurinzi wa murumuna wanjye?"

10 Aramubaza ati "Icyo wakoze icyo ni iki? Ijwi ry'amaraso ya murumuna wawe rirantakirira ku butaka. 11 Noneho uri ikivume ubutaka bwanga, kwasamuye akanwa kabwo kwakira amaraso ya murumuna wawe, ukuboko kwawe kwavushije. "Nuhinga ubutaka, uherye none ntibuzakwerera umwero wabwo, uzaba igicamuke n'inzererezi mu isi."

13 Kayini abwira Uwiteka ati "Igihano umpannye kiruta icyo nakwihangana. 14 Dore unyirukanye uyu muni ku butaka, no mu maso hawe nzahahishwa, nzaba igicamuke n'inzererezi mu isi kandi uzambona wese azanyica."

15 Uwiteka abwira Kayini ati "Ni cyo gituma uwica Kayini azahororerwa karindwi." Kandi Uwiteka ashyira kuri Kayini ikimenyetso, kugira ngo hatagira umubona, akamwica.

Urubyarwo rwa Kayini

16 Nuko Kayini ava mu maso y'Uwiteka atura mu gihugu cy'i Nodi, mu ruhande rw'iburasirazuba rwa Edeni.

17 Kandi Kayini atwika umugore we inda abyara Henoki, yubaka umudugudu awitirira umwana we Henoki. 18 Henoki abyara Iradi, Iradi abyara Mehuyayeli, Mehuyayeli abyara Metushayeli, Metushayeli abyara Lameki, Lameki arongora abagore babiri, umwe yitwa Ada, undi yitwa Zila. 20 Ada abyara Yabalu, aba sekuruza w'abanyamahema baragira inkota. 21 Murumuna we yitwa Yubalu, aba sekuruza w'abacuranzi n'abavuzi imyirongwe. 22 Na Zila abyara Tubalukayini, umucuzi w'ikintu cyose gikebeshwa cy'umuringa n'icyuma. Mushiki wa Tubalukayini yitwa Niima.

23 Lameki abwira abagore be ati

"Ada na Zila nimwumve ijwi ryanjye,

Baka Lameki, nimutegere amatwi amagambo yanjye.

Nishe umugabo muhura kunkomeretsa,

Nishe umusore muhura kuntera imibyimba.

24 Niba Kayini azahororerwa karindwi, Ni ukuri Lameki azahororerwa incuro mirongo irindwi n'indwi."

Vrubyarwo rwa Seti

25 Adamu arongera atwika umugore we inda, abyara umuhungu amwita Seti ati "Ni uko Imana inshumbushije urundi rubyarwo mu cyimbo cya Abeli, kuko Kayini yamwishe." 26 Na Seti abyara umuhungu amwita Enoshi, icyo gihe abantu ba'angira kwambaza izina ry'Uwiteka.

Urubyarwo rwa Adamu

(1 Ngoma 1.1-4)

5 Iki ni igitabo cy'urubyarwo rwa Adamu. Ku muni Imana YijTemeyemo umuntu, afite ishusho y'Imana ni ko yamuremye, umugabo n'umugore ni ko yabaremye, ibaha umugisha ibita Umuntu, ku muni baremeweho. 1 Kandi Adamu yamaze imyaka ijana na mirongo itatu avutse, abyara umuhungu ufite ishusho ye, usa na we, amwita Seti, 4 Amaze kubyara Seti, Adamu arongera amara imyaka magana inani, ayibyaramo abahungu n'abakobwa. 5 Iminsi yose Adamu yaramye ni imyaka magana urwenda na mirongo itatu, arapfa.

6 Seti yamaze imyaka ijana n'itanu avutse abyara Enoshi. 7 Amaze kubyara Enoshi, Seti arongera amara imyaka magana inani n'irindwi, ayibyaramo abahungu n'abakobwa. 8 Iminsi yose Seti yaramye ni imyaka magana urwenda na curni n'ibiri, arapfa.

9 Enoshi yamaze imyaka mirongo urwenda avutse abyara Kenani, 10 amaze kubyara Kenani, Enoshi arongera amara imyaka magana inani na cumi n'itanu, ayibyaramo abahungu n'abakobwa. 11 Iminsi yose Enoshi yaramye ni imyaka magana urwenda n'itanu, arapfa.

12 Kenani yamaze imyaka mirongo irindwi avutse abyara Mahalaleli. 13 Amaze

4.8: Mt 23.35; Luk. 11.51; 1 Yoh 3.12 4.10: Heb 12.24 4.24: Mt 18.22 5.1-2: Itang 1.27-28 5.2: Mat 19.4; Mar 10.6

1' ni wowe ... kubitegeka: . cyangwa, ni wowe azifuza, nawe uzamutwara.

kubyara Mabalaleli, Kenani arongera arnara imyaka magana inani na mirongo ine, ayibyaramo ababungu n'abakobwa. ¹Iminsi yose Kenani yaranyeni imyaka magana urwenda na cumi, arapfa.

¹⁵Mabalaleli yamaze imyaka mirongo itandatu n'itanu avutse abyara Yeredi. ¹⁶Amaze kubyara Yeredi, Mabalaleli arongera arnara imyaka magana inani na mirongo itatu, ayibyaramo ababungu n'abakobwa. ¹⁷Iminsi yose Mabalaleli yaranyeni ni imyaka magana inani na mirongo urwenda n'itanu, arapfa.

¹⁸Yeredi yamaze imyaka ijana na mirongo itandatu n'ibiri avutse abyara Henoki. . Amaze kubyara Henoki, Yeredi arongera arnara imyaka magana inani, ayibyaramo ababungu n'abakobwa. ²Iminsi yose Yeredi yaranyeni ni imyaka magana urwenda na mirongo itandatu n'ibiri, arapfa.

²¹Henoki yamaze imyaka mirongo itandatu n'itanu avutse abyara Metusela. "Amaze kubyara Metusela, Henoki agendana n'Imana imyaka magana atatu, ayibyaramo ababungu n'abakobwa. ²³Iminsi yose Henoki yaranyeni ni imyaka magana atatu na mirongo itandatu n'itanu. ²⁴Kandi Henoki yagendanaga n'Imana, ntiyaboneka, kuko Imanayarnwimuye.

²⁵Metusela yamaze imyaka ijana na mirongo inani n'irindwi avutse abyara Larneki. ²⁶Amaze kubyara Larneki, Metusela arongera arnara imyaka magana arindwi na mirongo inani n'ibiri, ayibyaramo ababungu n'abakobwa. ²⁷Iminsi yose Metusela yaranyeni ni imyaka magana urwenda na mirongo ilandatu n'icyenda, arapfa.

²⁸Larneki yamaze imyaka ijana na mirongo inani n'ibiri avutse, abyara umuhungu. ²Amwita Nowa ati "Uyu azaturamara umubabaro w'umurimo wacu, uva mu muruhu w'amaboko yacu, uva mu butaka Uwileka yavumye." ³⁰Amaze kubyara Nowa, Larneki arongera arnara imyaka magana atanu na mirongo urwenda n'itanu, ayibyaramo ababungu n'abakobwa. ³¹Iminsi yose Larneki yaranyeni ni imyaka magana arindwi na mirongo irindwi n'irindwi, arapfa.

³²Nowa yamaze imyaka magana atanu avutse, abyara Shemu na Hamu na Yafeti,

Abantu bahinduka babi cyane

⁶Abantu batangiye kugwira mu isi babyara abakobwa, Zabana b'Imana bareba abakobwa b'abantu. ari beza, barongoramo abo batoranyije bose. ³Uwiteka aravuga ati "Umwuka wanjye ntazabura aruhanya n'abantu iteka ryose, kuko ari abantu b'umubiri. Nuko rero iminsi yabizaba imyaka ijana na makumyabiri." ⁴Muri iyo minsi abantu barebare banini bari mu isi, no mu gihe cyo hanyuma, abana b'Imana barnaze kurongora abakobwa b'abantu babyarana na bo abana, ari bo za ntware za kera zari ibirangirire.

⁵Kandi Uwiteka abona yuko ingeso z'abantu zari mbi cyane mu isi, kandi ko kwibwira kose imitima yabo ilekerezaga ari kubi gusa iteka ryose. ⁶Uwiteka yicuza yuko yaremeye abantu mu isi, bimutera agabinda mu mutima. ⁷Uwiteka aravuga ati "Nzarimbura abantu naremeye, mballembe mu isi uhereye ku muntu n'inyamaswa n'amatungo n'ibikururuka n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, kuko nicujije yuko nabiremeye." ⁸Ariko Nowa agirira umugisha ku Uwiteka.

⁹Uru ni rwo rubyaro rwa Nowa. Nowa yari umukiranutsi, yatunganaga rwose mu gihe cyo. Nowa yagendanaga n'Imana. ¹⁰Kandi yabyaye ababungu balatu, Shemu na Hamu na Yafeti. ¹¹Kandi isi yari yononekaye mu maso y'Imana, yuzuye urugomo. ¹²Imanareba isi, ibona yuko yononekaye, kuko abafite umubiri bose bari bononnye ingeso zabo mu isi.

Imana itegeka Nowa kubiza inkuge

¹³Imana ibwira Nowa iti "Iherezo ry'abafite umubiri bose rije mu maso yanjye, kuko isi yuzuye urugomo ku bwabo, dore nzabarimbura n'isi. ¹⁴Nuko rero wibiirize inkuge mu giti cyitwaga goferu, ugabanyemo ibyumba, uyihome ubushishi imbere n'inyuma. "Uyibaze utya: uburebure bw'umurambararo bw'iyoyi nkuge bube mikono magana atatu, ubugari bwayo bube mikono mirongo itanu, uburebure bw'igihagararo bwayo bube mikono mirongo itatu. ¹⁶Kandi uzacemo idirishya, rizaba irya mukono umwe nuyirangiza hejuru, umuryango w'inkuge uzawushyire mu rubavu rwayo. Uzayishyiremo amazu, iyo hasi n'iya

5:24: Yuda 14; Heb 11.5 6:1-4: Yobu 1.6: 2.1 6.4: Kub 13.33
6.5-8: Mat 24.37; Luka 17.26; 1 Pet 3.20 6.9: 2 Pet 2.5

kabiri hejuru yayo n'iya gatatu. ¹⁷Nanjye dore nzazana umwuziire w'amazi mu isi, urimbure ibifite umubiri byose, birimo umwuka, w'ubugingo, ubitseme hasi y'ijuru., ibiri mu isi yose bipfe. ¹⁸Ariko nzakomeza isezzerano ryanjye nawe, uzinjirane muri iyo nkuge n'abana bawe n'umugore wawe n'abakazana bawe. ¹⁹Kandi mu moko yose y'ibibaho bifite umubiri byose, uzinjize muri iyo nkuge bibiri bibiri, ngo ubikorane nawe, bizaba ikigabo n'ikigore. ²⁰Mu nyoni. no mu bisiga nk'uko amoko yayo ari, no mu matungo nk'uko amoko yayo ari, no mu bikururuka hasi byose nk'uko amoko yayo ari, bibiri by'amoko yose bizaze aho uri, kugira ngo ubikorane. ²¹Kandi uzijyanire mu biribwa byose, ubyihuniki. re bizabe ibyo kubatungana n'ibyo muri kumwe." ²²Nowa agenze atyo, ibyo Imana yamutegetse byose aba ari byo akora.

Nowa yinjira mu nkuge, umwuziire urimbura abantu

⁷Uwiteka abwira Nowa ati "Injirana. mu nkuge n'abo mu nzu yawe mwe, kuko ari wowe nabonye ukiranuka mu maso yanjye muri iki gihe. ²Mu matungo yose oo mu nyamaswa zose zitazira, ujanemo birindwi birindwi, ibigabo n'ibigore, oo mu nyamaswa zizira, ujanemo ebyiri ebyiri, ingabo n'ingore, ³no mu nyoni n'ibisiga byo mu kirere, ujanemo birindwi birindwi, ibigabo n'ibigore, kugira ngo urubanyo rwabyo ruzarokoke rube mu isi yose. ⁴Kuko iminsi irindwi nishira, nzashyanisha imvura mu isi, iminsi mirongo ine ku manywa na nijoro, nkarimbura ibifite ubugingo naremeye byose, nkabitsamba mu isi." ⁵Nowa akora byose, uko Uwiteka yabimutegetse.

⁶Ubwu umwuziire w'amazi wabaga ku isi, Nowa yari amaze imyaka magana atandatu avutse. ⁷Nowa yinjirana muri iyo nkuge n'abana be n'umugore we n'abakazana be, ngo aticwa n'amazi y'umwuziire. ⁸Mu matungo, no mu nyamaswa zitazira, oo mu zizira, oo mu nyoni n'ibisiga, no mu bikururuka hasi byose, ⁹bibiri bibiri birinjira bisanga Nowa mu nkuge, ikigabo n'ikigore, uko Imana yamutegetse. ¹⁰Maze iyo minsi irinjirwa ishize, amazi y'umwuziire asandara mu isi.

6:22: Heb 11.7 7.7: Mat 24.38-39; Luka 17.27 7.11: 2 Pet 3.6

¹¹Mu mwaka wa magana atandatu w'ubukuru bwa Nowa, mu kwezi kwa kabiri, ku muni wako wa cumi n'irindwi, amasoko y'ikuzimu yose arazibuka, imigomero yo mu ijuru yose iragomerorwa. ¹²Imvura imara iminsi mirongo ine igwa mu isi, ku manywana nijoro. ¹³Kuri uwo muni Nowa yinjirana muri ya nkuge na Shemu na Hamu na Yafeti abana 00, n'umugore we, n'abakazana be, uko ari batatu. ¹⁴Binjiranamo n'inyamaswa zose nk'uko amoko yazo ari, n'amatungo yose nk'uko amoko yayo ari, n'ibikururuka hasi byose nk'uko amoko yayo ari, n'ibisiga byose nk'uko amoko yayo ari, n'inyoni zose n'ibifite amababa byose. ¹⁵Birinjira bisanga Nowa mu nkuge, bibiri bibiri mu bifite umubiri byose birimo umwuka w'ubugingo. ¹⁶Binjijye byari ikigabo n'ikigore byo mu bifite umubiri byose, uko Imana yamutegetse. Uwiteka amukingiriramo.

¹⁷Umwuziire umara mu isi iminsi mirongo ine, amazi aragwira aterura ya nkuge, ishyirwa hejuru y'isi. ¹⁸Amazi arakwira cyane arushaho kugwira cyane mu isi, ya nkuge iteremba ku mazi. ¹⁹Amazi arushaho gukwira cyane mu isi, imisozi miremire yose yo muni y'ijuru ryose irarerengerwa. ²⁰Amazi agera mu kirere hejuru nka mikono cumi n'itanu, imisozi irarerengerwa. ²¹Ibifite umubiri byose byigenza ku isi birapfa, uhereye ku nyoni n'ibisiga, n'amatungo n'inyamaswa, n'ibikururuka hasi byose n'abantu bose. ²²Ibifite umwuka w'ubugingo mu mazuru byose, ibiri ku butaka byose, birapfa. ²³Ibifite ubugingo byose biri ku butaka birarimbuka, uhereye ku bantu n'amatungo, n'ibikururuka n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, bitsembwa mu isi. Nowa wenyine, arokokana n'ibyo yari kumwe na byo muri ya nkuge. ²⁴Amazi amara iminsi ijana na miTongo itanu agikwiriyeye cyane mu isi.

Umwuziire urakama, Nowa asohoka mu nkuge

⁸Imana yibuka Nowa n'ibifite ubugingo byose n'amatungo yose byari kumwe na we mu nkuge, Imana izana umuyaga ku isi amuzi atangira gukama. ²Amasoko y'ikuzimu, araziba, imigomero yo mu ijuru iragomerwa, imvura iva mu

ijuru iricwa. 3 Amazi asubiraye, ava ku butaka ubudasiba, ya minsi ijana. na mirongo itanu ishize, amazi aragabanuka. 4 Mu kwezi kwa karindwi, ku munsi wako wa cumi n'irindwi, ya nkuge ihagarara ku misozi ya Ararati. 5 Amazi agabanuka ubudasiba ageza ku kwezi kwa cumi, mu kwezi kwa cumi. ku munsi wako wa mbere, impinga z'imisozi ziraboneka.

6 Iminsi mirongo ine ishize, Nowa akingura idirishya ryo mu nkuge yabijije, 7 yohereza igikona, kirajarajara, kugeza aho amazi yakamiye ku isi. 8 Maze yohezeza inuma kugira ngo amenye yuko amazi agabanutse ku isi. 9 Maze ntiyabona aho ishingira ikirenge cyayo imugarukaho ku nkuge, kuko amazi yar akiri ku isi yose, ayisingiriza ukuboko arayenda, ayisubiza mu nkuge. 10 Asiba iminsi irindwi, yongera kohereza icyo n'umunsi wako mu nkuge, 11 igaruka aho ari nimugoroba, ifite ikibabi kibisi cy'umunzenze mu kanwa kayo, icyo yakuye ku giti. Bituma Nowa amenya yuko amazi agabanutse ku isi. 12 Asiba indi minsi irindwi, yohereza ya n'umunsi wako mu nkuge, 13 mu nkuge yababwirako, 14 mu nkuge yababwirako, 15 mu nkuge yababwirako.

13 Mu mwaka wa magana atandatu n'umwe, mu kwezi kwa mbere, ku munsi wako wa mbere, amazi akama mu isi. Nowa akuraho igipfundikiye ya nkuge, ararabira, abona ubulaka bwumye. 14 Mu kwezi kwa kabiri, ku munsi wako wa makumyabiri... n'irindwi, isi iruma.

15 Imana ibwirira Nowa iti 16 "Sohokana mu nkuge n'umugore wawe n'abana bawe n'abakazana, bawe. 17 Kandi usohokana ibibaho byose muri kumwe, byo mu bifite umubiri byose, inyoni n'ibisiga n'amatungo n'ibikururuka, hasi byose, kugira ngo bibarire mu isi cyane byorokere bigwire mu isi." 18 Nowa asohokana o'abana be n'umugore we n'abakazana, be, amatungo yose n'inyamaswa zose n'ibikururuka byose, n'inyoni zose n'ibisiga byose, ibyigenza ku isi byose nk'uko amoko yabyo ari, bisohoka muri ya nkuge.

20 Nowa yubakira Uwiteka igicaniro, atoranya mu matungo yose no mu nyamaswa zose zitazira no mu nyoni n'ibisiga bitazira, atambira kuri icyo gicaniro ibitambo byoswa. 21 Uwiteka ahumirirwa n'umubabwe, Uwiteka arabwirira ati "8 inzongera ukundi kuvuma ubutaka ku bw'abantu, kuko gutekereza kw'imitima

y'abantu... ari kubi, uhereye mu bwana bwabo, kandi sinzongera kwica ibifite ubugingo byose nk'uko nakoze. 22 Isi ikirihwa, ibiba n'isarura, n'irimbaho n'ubushyuhwe, n'impeshyi n'urugaryi, n'ama-nywa n'ijoro, ntibizashira."

Imana isezeranira Nowa isezerano

9 Imana iha umugisha Nowa n'abana be, irababwirira iti "Mwororoke, mu-gwire, mwuzure isi. 2 Inyamaswa zo mu isi zose n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere byose bizabagirira ubwoba, bizabatinye. Murabihawe byo n'ibyuzuye, ku butaka byose, n'amafi, yo mu nyanja yose. 3 Ibyigenza byose bifite ubugingo bizaba ibyokurya byanyu, mbibahaye byose nk'uko nabahaye ibimera bibisi... 4 Ariko ntimukuryane inyama n'ubugingo bwayo, ni bwo maraso yayo. 5 Kandi amaraso yanyu, amaraso y'ubugingo bwanyu, sinzabura kuyahorera. Nzayahorera inyamaswa zose kandi umuntu na we nzayahorera ubugingo bw'umuntu, nzayahorera undi umuntu wese. 6 Uvushije amaraso y'umuntu, amaraso ye azavushwa n'abantu, kuko Imana yarémye umuntu, afité ishusho yayo.

7 "Namwe mwororoke mugwire, mu-byarire cyane rnu isi, mugwiremo."

8 Imana ibwirira Nowa n'abana be iti 9 "Ubwanjye nkomeje isezerano ryanjye namwe n'urubyarwo, rwanyu, ruzakurikira, ho, 1 n'ibifite ubugingo byose muri kumwe, inyoni n'ibisiga n'amatungo, n'inyamaswa zo mu isi zose. 11 Ndashyize isezerano ryanjye namwe: ibifite umubiri byose ntibizongera: kurimburwa n'amazi y'umwuzure, kandi ntihazabaho ukundi umwuzure urimbura isi." 12 Imana iravugaga iti "Iki ni cyo kimenyetso cy'isezerano nsezeranye namwe n'ibifite ubugingo byose muri kumwe, kugeza ibihe byose. 13 Nshyize umuheto wanjye mu gicu, ni wo mukororombya, uzaba ikimenyetso cy'isezerano ryanjye n'isi. 14 Nuko ubwo nzajya nzana igicu hejuru y'isi, umukororombya uzabonekera muri cyo, 15 nanjye nzajya nibuka isezerano riri hagati yanjye namwe n'ibibaho bifite umubiri byose: amazi ntakongere kuba umwuzure urimbura ibifite umubiri byose. 16 Umukororombya uzaba mu gicu, nanjye nzajya

nywureba kugira ngo nibuke isezerano rihoraho ry'Imana. n'ibibaho. bifite umubiri byose biri mu isi." 17 Imana ibwirira Nowa iti "Icyo ni cyo kimenyetso cy'isezerano nakomeje riri hagati yanjye n'ibifite umubiri byose biri mu isi."

18 Bene Nowa basohotse mu nkuge ni Shemu na Hamu na Yafeti... Hamu ni se wa Kanani... 19 Abo uko ari batatu ni bo Nowa yabyaye, ari bo bakomotsweho n'abakwiriyeye mu isi yose.

20 Nowa atangira guhinga ubutaka ateramo uruzabibu, 21 anywa vino' yarwo arasinda, yambarira ubusa mu ihema ryé. 21 Hamu se wa Kanani abona se yambaye ubusa, abibwirira bene se bari hanze. 23 Shemu na Yafeti benda umwambaro. bawushyira ku bitugu byabo bombi, bagenza imigongo batwikira ubwambure. bwa se, kandi kuko bari bamuteye imigongo ntibabwirira ubwambure. bwe. 24 Nowa arasinduka, amenya ibyo umuherezeye we yamugiriyeye. 25 Aravugaga ati

"Kanani avumwe,

Azabe umugaragu w'abagaragu kuri bene se."

26 Kandi ati

"Uwiteka ahimbazwe,

Ni we Mana ya Shemu, Kanani, abe umugaragu we.

27 Imana yaguye Yafeti,

Abe mu mahema ya Shemu, Kaniini abe umugaragu we."

28 Hanyuma ya wa mwuzure, Nowa amara imyaka magana atatu na mirongo itanu. 2 Iminsi yose Nowa yaramye ni imyaka magana urwenda na mirongo itanu, arapfa.

Urubyarwo rwa bene Nowa

(J Ngoma 1.5-23)

10 Uru ni urubyarwo rwa bene Nowa, ni bo Shemu na Hamu na Yafeti, babyaye abana hanyuma ya wa mwuzure.

2 Bene Yafeti ni Gomeri na Magogi, na Madayi na Yavani na Tubali, na Mesheki na Tirasi... 3 Bene Gomeri ni Ashikenazi na Rifati na Togaruma. 4 Bene Yavani ni Elisha na Tarushishi, na Kitimu na Dodanimu. 5 Abo ni bo bagabiye ibirwa by'abanyamahanga, nk'uko ibihugu byabo biri, umuntu wese nk'uko ururimi rwabo rumeze, nk'uko imiryango yabo iri, nk'uko amahanga yabo ari.

g vino yengwa mu mbuto zitwa inzabibu.

6 Bene Hamu ni Kushi na Misirayimu, na Puti na Kaniini. 7 Bene Kushi ni Seba na Havila, na Sabuta na Riima na Sabuteka, bene Riima ni Sheba na Dedani. 8 Kandi Kushi yabyaye Nimurodi, atangirira kuba umunyamaboko mu isi. 9 Yari umuhigi w'umunyamaboko imbere y'Uwiteka, ni cyo gituma bavuga bati "Nka Nimurodi, wa muhigi w'umunyamaboko imbere y'Uwiteka." 10 Igihugu yimyemo ubwa mbere ni Babeli na Ereki, na Akadi n'i Kalune mu gihugu cy'i Shinari... "Ava muri icyo gihugu ajya muri Ashuri, yubaka i Nineve n'i Rehoboturu n'i Kala, 12 n'i Reseni iri hagati y'i Nineve n'i Kala (\$0 ni ho wa mudugudu ukomeye).

13 Misirayimu yabyaye Abaludi n'Abanari, n'Abalehavi n'Abanafutuhi, 14 n'Abapaturisi n'Abakasiluhi. (ni bo bakomotsweho n'Abafilisitiyi), yabyaye n'Abakafutori...

15 Kaniini yabyaye irupfura ye Sidoni na Heti... 16 Yabyaye n'Abayebusi n'Abamori n'Abagirugashi, 17 n'Abahivi n'Abaruki n'Abasini, 18 n'Abanyaruvadi n'Abasemari n'Abahamati, ubwa nyuma imiryango y'Abanyakaniini irakwirira... Urugabano rw'Abanyakaniini rwaheraga i Sidoni, rukagenda rwerekeje i Gerari rukageza i Gaza, rukagenda rwerekeje i Sodornu n'i Gomora... na Adima n'i Seboryimu rukageza i Lesha. 20 Abo ni bo buzukuruza ba Hamu, nk'uko imiryango yabo iri, nk'uko indimi zabo ziri, nk'uko ibihugu byabo biri, nk'uko amahanga yabo ari.

21 Na Shemu, mukuru wa Yafeti, sekuruza w'urubyarwo, rwa Eberi rwose, na we abyara abana... 22 Bene Shemu ni Elamu na Ashuri, na Arupakisadi na Ludi na Aramu. 23 Abana ba Aramu ni Usi na Huli, na Geteri na Mashi... 24 Arupakisadi yabyaye Shela, Shela yabyaye Eberi. 25 Eberi yabyaye abahungu babiri: umwe yitwa Pelegi kuko mu gihe cy'arimo isi yagabanirijwemo, kandi murumuna we yitwa Yokitani. 26 Yokitani yabyaye Alu-modadi na Shelefu, na Hasarumaveti na Yera, 27 na Hadoramu na Uzali na Dikila, 28 na Obalu na Abimayeli na Sheba, 2. na Ofifi na Havila na Yobabu. Abo bose ni bene Yokitani. 30 Urugabano rw'igihugu cyabo rwaheraga i Meshu, rukagenda rwerekeje i Sefarti, rukageza ku musozo

9.1: Itang 1.28 9.4: Itang 7.26-27; 17.10-14; Lewi 19.26; Guteg 12.16,23; 15.23
9.6: Itang 1.26; Kuva 20.13 9.7: Itang 1.28

w'iburasirazuba. 3IAbu ni bo buzukuruza ba Shemu, nk'uko imiryango yabo iri, nk'uko indimi zabo ziri, mu bihugu byabo no mu mahanga yabo.

32Iyo ni yo miryango ya bene Nowa nk'uko yabyaranye mu mahanga yabo, muri bo ni ho amahanga yose yagabani-rijwe mu isi hanyuma ya wa mwuzure.

Imana inyuranya indimi z'abantu

11 Isi yose yari ifite ururimi rumwe n'amagambo amwe. 'Bagenda berekeye iburasirazuba, babona ikibaya kiri mu gihugu cy'i Shinari, barahatura. 3Barabwirana bati "Mureke tubumbe amatafari, tuyotse cyane." •Kandi bagiraga amatafari mu cyimbo cy'amabuye, bakayafatanisha ibumba mu cyimbo cy'ibyondo. 4 Baravuga bati "Mureke twiyubakire umudugudu n'inzu y'amatafari ndende, izagere ku ijuru, kugira ngo twibonere izina rimenyekana, twe gutatanzira gukwira mu isi yose."

5 Uwiteka amanurwa no kureba umudugudu n'inzu ndende, abana b'abantu bubatse. 6 Uwiteka aravugaga ati "Dore aba ni ubwoko bumwe n'ururimi rumwe, ibyo ni byo babanje gukora none ntakizabananira gukora bagishatse. 7Reka tumuke tuhahiririre ururimi rwabo, rubemo nyinshi zinyuranye, be kumvana." 8Uwiteka abatataniriza gukwira mu isi yose, barorera kubaka wa mudugudu. 9Ni cyo cyatumye witwa Babeli, kuko ari yo Uwiteka yahinduriye ururimi rw'abo mu isi bose, rukavamo nyinshi zinyuranye, kandi ari yo yabakuriyeyo, akabata-taniriza gukwira mu isi yose.

Urubyaro rwa Shemu
(1 Ngomo 1.24-27)

10Uru ni rwo rubyaro rwa Shemu. Shemu yamaze imyaka ijana avutse, abyara Arupakisadi mu mwaka wa kabiri wa mwuzure ushize. 11Amaze kubara Arupakisadi, Shemu arongera amara imyaka magana atanu, ayibyaramo abahungu n'abakobwa.

12Arupakisadi yamaze imyaka miron-go itatu n'itanu avutse, abyara Shela. 13Amaze kubara Shela, Arupakisadi aJ'ongera amara imyaka magana ane n'itatu, ayibyaramo abahungu n'abakobwa.

14Shela yamaze imyaka miron-go itatu avutse, abyara Eberi. 15Amaze kubara Eberi, Shela arongera amara

imyaka magana ane n'itatu, ayibyaramo abahungu n'abakobwa.

16Eberi yamaze imyaka miron-go itatu n'ine avutse, abyara Pelegi. 17Amaze kubara Pelegi, Eberi arongera amara imyaka magana ane na miron-go itatu, ayibyaramo abahungu n'abakobwa.

18Pelegi yamaze imyaka miron-go itatu avutse, abyara Rewu. 19Amaze kubara Rewu, Pelegi arongera amara imyaka magana abiri n'icyenda, ayibyaramo abahungu n'abakobwa.

20Rewu yamaze imyaka miron-go itatu n'ibiri avutse, abyara Serugi. 21Amaze kubara Serugi, Rewu arongera amara imyaka magana abiri n'irindwi, ayibyaramo abahungu n'abakobwa.

22Serugi yamaze imyaka miron-go itatu avutse, abyara Nahori. 23Amaze kubara Nahori, Serugi arongera amara imyaka magana abiri, ayibyaramo abahungu n'abakobwa.

24Nahori yamaze imyaka makumyabiri n'icyenda avutse, abyara Tera. 25Amaze kubara Tera, Nahori arongera amara imyaka ijana na cumi n'icyenda, ayibyaramo abahungu n'abakobwa.

Kuvuka kwa Aburamu

26Tera yamaze imyaka miron-go irindwi avutse, abyara Aburamu na Nahori na Harani.

27Uru ni rwo rubyaro rwa Tera. Tera yabyaye Aburamu na Nahori na Harani, Harani yabyaye Loti. 28Harani apfira aho Tera se ari, mu gihugu yavukiyemo, ahitwa Uri y'Abakaludaya. 29Aburamu na Nahori bararongora, umugore wa Aburamu yitwa Sarayi, umugore wa Nahori yitwa Miluka, umukobwa wa Harani, ni we se wa Miluka na Yisika. 30 Sarayi yari ingumba, ntiyari afite umwana.

31Tera ajyana Aburamu umwana we na Loti mwene Harani umwuzukuru we, na Sarayi umukazana we, umugore wa Aburamu umuhungu we, bava muri Uri y'Abakaludaya barajyana, bavanwayo no kujya mu gihugu cy'i Kanani, bagera i Harani barahatura. 32Minsi Tera yaranye ni imyaka magana abiri n'itanu. Tera apfira i Harani.

Uwiteka yohereza Aburamu i Kanini

12 Uwiteka ategeka Aburamu ati "Va mu gihugu cyanyu, uSigeumuryango wanyu n'inzu ya so, ujye mu gihugu

nzakwereka. 2Nzaguhindura ubwoko bu-Komeye, nzaguha umugisha, nzogeza izina ryawe, uzabe umugisha. 3Kandi nzaha umugisha abakwifuriza umugisha, kandi uzakuvuma nzamuvuma, kandi muri wo-we ni mo imiryango yose yo mu isi izaberwa umugisha."

4 Aburamu aragenda nk'uko Uwiteka yamutegetse, Loti ajyana na we. UJ:>wo yavaga i Harani, Aburamu yari amaze imyaka miron-go irindwi. n'itanu avutse. •Aburamu ajyana Sarayi umugore we, na Loti umuhungu wabo; n'ubutunzi. bwose bari batunze, n'abantu baronkeye i Harani. Bavanwayo no kujya mu gihugu cy'i Kanani, Kanini ubwabo ni ho basohoye. 6Aburamu anyura muri icyo gihugu, agera abitwa i Shekemu, abari igiti cyitwa umwe-10ni cya More. Muri icyo gihe Umunyakanini yari muri icyo gihugu. 7Uwiteka abonekera Aburamu aramubwira ati "Uru-byaro rwawe nzaruha iki gihugu." Yubakiraye igicaniro Uwiteka wamubonekeye. 8Avayoye aya ku musizi w'iruhande rw'iburasirazuba rw'i Beteli, abamba ihema rye. Beteli iri iruhande rw'iburangerazuba, na Ayi iri iruhande rw'iburasirazuba, yubakiraye Uwiteka igicaniro, yambaza izina ry'Uwiteka. 9Aburamu akomeza kugenda yerekeje i Negebu.^h

Aburamu na Sarayi baja muri Egipta

10 Inzara itera muri icyo gihugu, Aburamu aramantuka aya muri Egipta asuhukiraye, kuho inzara yari nyinshi muri icyo gihugu. 11Ari bugufi bwo gusohora muri Egipta, abwira Sarayi umugore we ati "Dore nzi yuko uri umugore w'igikundi, 12nuko Abanyegiputa nibakubona bazavugaga bati 'Uyu ni umugore we', maze banyice nawe bagukize. 13Ndakwinginze, uzajye ubabwira uti 'Ndi mushiki we', kugira ngo ngirirwe neza ku bwawe, ukirishe ubugingo bwanjye." 14 Aburamu ageze muri Egipta, Abanyegiputa bareba uko wa mugore ari mwiza cyane. 13Abatware ba Farawo baramuramba baramumushimira, wa mugore ajyanywe kwa Farawo. 16Agirira Aburamu neza ku bwa Sarayi, kandi yari afite intama n'inka n'indogo be z'ingabo, n'abagaragu n'abaja n'indogobe z'ingore n'ingamiya.

12.1: Iby.k 7.2-3; Heb 11.8 12.3: 0.13.8 12.7: Iby.k 7.5; 0.13.16 12.13: Jt.ng 20.2; 26.7 13.10: It.ng 2.10

^h Negebu ni igihugu cy'ikusi y'J' Kanani: reba Itang 13.14.

17Uwiteka abanisha Farawo n'inzu ye ibyago bikomeye, amuhora Sarayi umugore wa Aburamu. 18Farawo abamagaza Aburamu aramubaza ati "Icyo wanyirye iki ni iki? Ko utambwira yuko ari umugore wawe? 19Ni iki cyatumye umbwira ko ari mushiki wawe, nanjye nkamwenda nkamugira umugore wanjye? Nuko nguyu umugore wawe mujyane wigendere." 2.Farawo amuha abantu bo kumherekeza, bamuherekezanya n'umugore we n'ibyo yari afite byose.

Aburamu na Loti baratandukana

13 Aburamu avana muri Egipta n'umugore we n'ibye byose, na Loti ajyana na we, baja i Negebu. 2Aburamu yari afite ubutunzi, bwinshi bw'amatumbo n'ifeza n'izababu. 3Aragenda, ava i Negebu agera i Beteli, agera abo mbere yabanje kubamba ihema rye, hagati y'i Beteli na Ayi, abari igicaniro yubatswe mbere. Aburamu yambarizabo izina ry'Uwiteka.

5Kandi na Loti wagandanaga na Aburamu, yari afite imikumbi n'amashyo n'amabema. 6Icyo gihugu ntiyabakwiriye kugituranamo, kuko ubutunzi bwabo bwari bwinshi, bibabuzaga guturana. 7Habaho intonganya z'abashumba b'inka za Aburamu n'ab'iza Loti, kandi muri icyo gihe Abanyakanini n'Abaferizi babaga muri icyo gihugu.

8Aburamu abwira Loti ati "He kubaho intonganya kuri jye nawe, no ku bashumba bacu, kuho turi abavandimwe. 9Mbese igihugu cyose ntikiri imbere yawe? Ndakwinginze tandukana nanjye. Nuhitamo kujya ibumoso nanjye nzajya iburyo, cyangwa nuhitamo kujya iburyo nanjye nzajya ibumoso."

10 Loti arambura amaso, abona ikibaya cyo ku ruzi Yorodani cyose, yuko kinese hose hose. Uwiteka atarimbura i Sodomu n'i Gomora, icyo kibaya kugeza i Sowari cyari kimeze nka ya ngobyi y'Uwiteka, nk'igihugu, cya Egipta. 11Nuko Loti yihitiramo ikibaya cyose cyo kuri Yorodani, aya iburasirazuba, baratandukana. 12Aburamu atura mu gihugu cy'i Kanani, Loti atura mu midugudu yo muri cya kibaya, yimura ihema rye, agera i Sodomu. 13Kandi Abasodomu bari babi, bari abanyabyaha bacumura ku Uwiteka cyane.

14 Loti amaze gutandukana na Aburamu, Uwiteka abwira Aburamu ati "Rambura amaso urebe, uhare aho uri hano, ikasikazi n'ikusi, i n'ihurasirazuba n'iburengerazuba. 15 Gihugu cyose ubonye ni wowe nzagaha n'urubyarwo rwawe iteka ryose. 16 Kandi nzagwiza urubyarwo rwawe ruhwanze n'umukungugu wo hasi. Umuntu... yashobora kubara umukungugu wo hasi, urubyarwo rwawe na rwo rwazabarika. 17 Haguruka ugende, unyure muri iki gihugu mu burebure bwacyo no mu bugari bwacyo, kuko ari wowe nzagaha." 1. Aburamu yimura ihema rye aragenda, aturuka ku bitu byitwaga imyeloni bya Mamure biri i Heburoni, yubakiraye Uwiteka igicaniro...

Loti afatwa mpiri, Aburamu aramurengera

14 Ku ngoma za Amurafeli, umwami w'i Shinari, na Ariyoki umwami, wa Elasari; na Kedorulawomeri umwami wa Elamu, na Tidalj umwami w'i Goyimu, 2 abo bami barwanije Bera umwami w'i Sodomu, na Birusha umwami w'i Gomora, na Shinabu umwami wa Adima, na Shemeberi umwami w'i Seyoyimu, n'umwami w'i Bela (ni ho Sowari). 3 Abo bese bateraniye mu gikombe cya Sidimu (aho ni ho Nyanja y'Umunyu). 4 Bamaze imyaka cumi nibiri bakorera Kedorulawomeri, mu mwaka wa cumi n'itatu baragoma. 5 Mu mwaka wa cumi n'ine, Kedorulawomeri n'abami bari kumwe na we baraza, baneshereza Abarafamuri Ashiteroti Karunayimu, baneshereza n'Abasuzi i Hamu, baneshereza n'Abemi i Shavekiryatayimu, 6 baneshereza n'Ababori ku musozi wabo Seyiri, baraburukana babageza muri Eliparani, iri hafi y'ubutayu... 7 Basubiraye, bagera muri Enimishipati (ni ho Kadeshi), banesha Abamaleki mu gihugu cyabo cyose, n'Abamori batuye Hasasonitamari...

8 Maze hatabara umwami w'i Sodomu, n'umwami w'i Gomora, n'umwami wa Adima, n'umwami w'i Seyoyimu, n'umwami w'i Bela (ni ho Sowari), bashingira urugamba mu gikombe cya Sidimu. 9 Barwanya Kedorulawomeri umwami wa Elamu, na Tidalj umwami, w'i Goyimu, na Amurafeli umwami w'i

Shinari, na Ariyoki umwami wa Elasari, abane barwanya abatanu. 10 Kandi icyo gikombe cya Sidimu cyari cyuzuyemo imyobo irimo ibumba, abami b'i Sodomu n'i Gomora barabunga bagwamo, abacitse ku icumu babungira ku musozi. 11 Banyaga ibintu by'i Sodomu n'i Gomora n'ibyokurya byabo byose, baragenda... 12 Na Loti bamufatiraye mpiri, umuhungu... wabo wa Aburamu wari utuye i Sodomu, banyaga ibintu bye barigendera.

13 Haza umuntu umwe wacitse ku icumu, abibwira Aburamu Umuhebura-yo. Yari atuye ku bitu byitwaga imyeloni bya Mamure Umwamori, mwene se wa Eshikoli na Aneri, bari basezeranye na Aburamu. 14 Aburamu yumvise yuko mwene wabo yafashwe mpiri, atabarana n'umutwe we wigishijwe kurwana, bavukiye mu rugo rwe, magana atatu, na cumi n'umunani barabakurikira bagera i Dani. 15 Aburamu n'abagaraga be bigabanyamo, imitwe nijoro barabatera, barabanasha, baraburukana babageza i Hoba, iri ibumoso bw'i Damasika. 16 Agarura iminyago yose, na Loti mwene wabo n'ibye, n'abagore na bo n'abandi bantu.

17 Atabarutse avuye gutsinda Kedorulawomeri n'abandi bami bari kumwe na we, umwami w'i Sodomu amushanganyirira mu gikombe cya Shave (ni cyo gikombe cy'umwami). 1 Kandi Melikisedeki umwami w'i Salemu azana imitsima na vino, yari umutambyi w'Imana. Isumbabyose. 19 Amuhesha umugisha ati "Aburamuhabwe umugisha n'Imana. Isumbabyose, nyir'ijuru... n'isi, 20 kandi Imana Isumbabyose ihimbazwe, yakugabije ababisha bawe." Nuko Aburamu amuha kimwe mu icumi cya byose.

21 Umwami w'i Sodomu abwira Aburamu ati "Mpa abantu, ibintu, ubyijyanire."

22 Aburamu asubiza umwami w'i Sodomu ati "Ndahirishirije Uwiteka kumanka ukuboko kwanyje, ni we Mana Isumbabyose, nyir'ijuru n'isi, 23 yuko ntazatwara akadodo cyangwa agashumi k'inkweto ko mu byawe, kugira ngo utibwira uti 'Ni jye utungishije Aburamu.' 24 Keretse gusa wishyura irupamba nabaye abagaragu. banyje, kandi uhe abo twatabaranye umugabane. Aneri na Eshikoli na Mamure bo bajyane umugabane wabo."

Aburamu yizera Uwiteka; Uwiteka amusezeranya isezeranya

15 Hanyuma y'ibyo, ijamba ry'Uwiteka riza kuri Aburamu, mu iyerekwira riti "Aburamu, witinye ni jye ngabo igukingira, uzagororerwa ingororano ikomeye cyane."

2 Aburamu aramubaza ati "Mwami Uwiteka, uzagororerwa iki ko ngenda ndi incike, kandi uzazungura urugo rwanjye ari Eliyezeri Umunyadamasiko?" 3 Ati "Dore nta rubyarwo wampaye, kandi uwavukiye mu rugo rwanjye azaragwa ibyanjye."

4 Maze ijamba ry'Uwiteka riza kuri we riti "Uwo si we uzaragwa ibyawe, ahubwo uzakomoka ku rukiryi rwawe ni we uzabiragwa." 5 Aramusohokana aramubwira ati "Rarama urebe ijuru, ubare inyenyeri niba wabasha kuzibara." Ati "Urubyarwo rwawe ni ko ruzangana."

6 Nuko yizera Uwiteka, abiruhwanzira no gukiranuka.

7 Aramubwira ati "Ni jye Uwiteka wakuvanyije muri Uri y'Abakaludaya kugira ngo makurage iki gihugu."

8 Aramubaza ati "Mwami Uwiteka, icyanyesha yuko nzakiragwa ni iki?"

9 Aramusubiza ati "Enda iriza y'inka imaze imyaka itatu ivutse, n'ibuguma y'ihene imaze imyaka itatu, n'impfizi y'intama imaze imyaka itatu, n'intungura imwe, n'icyana cy'inuma." 10 Maze ye nda ibyo byose abicamo kabiri, arabyerekeranya, keretse za nyoni ni zo atagabaniye. 11 Inkongoro zagwaga ku mirambo, Aburamu akazigurutsa.

12 Ku kirengereka Aburamu asinzira ubuticira, uhwoba butewe n'umwijima w'icuraburindi buramufata. 13 Uwiteka abwira Aburamu ati "Menya neza yuko urubyarwo rwawe ruzaba abashyitsi mu gihugu kitari icyabo, bazakorera ab'aho, na bo bazababaza imyaka magana ane. 14 Nanjye nzacira ho iteka iryo shyamba bazakorera, ubwa nyuma bazarivamo banyemo ubutunzi." Ariko wehoho uzasanga ba sogokuruza amahoro, uzahambwa ushaje neza. 16 Ubuwizi bw'abazajyayo ni bwo buzagaruka ino, kuko gukiranirwa kw'Abamori kutaruzura."

17 Maze izuba rirenze hatakibona, ikome ricumba n'urumuri rwaka binyura

15.5: Rom 4.18; Heb 11.12 15.6: Rom 4.3; Ga13.6; Yak 2.23 15.12: Yobu4.13,14 15.13: Kuva 1.1-14; Ibyak 7.6 15.14: Kuva 12.40-41; Ibyak 7.7 15.18: Ibyak 7.5

j Ishimayeli risobanurwa ngo Imana irumva.

hagati ya bya bice. 18 Kuri uwo muni Uwiteka asezeranya Ahuramu isezerano, ati "Urubyarwo rwawe nduhaye iki gihugu, uhereye ku ruzi rwa Egiputa ukageza ku ruzi runini ari rwo Ufurate, 19 gihugu cy'Abakeni n'icy'Abakenizi n'icy'Abakadimoni, 20 n'icy' Abaheti n'icy' Abaferizi n'icy' Abarafa, 21 n'icy' Abamori n'icy' Abanyakanan, n'icy' Abagirugashi n'icy' Abayebusi."

Aburamu acyura Hagari; na we asuzugura Sarayi, maze Sarayi aramwirukana

16 Sarayi umugore wa Aburamu nti-bari babyaranye, kandi yari afite umuja w'Umunyegiputakazi... witwaga Hagari, 2 Sarayi abwira Aburamu ati "Dore Uwiteka... yanyirye urubyarwo. Ndakwinginze gira umuja wanjye inshoreke, ahari nazabonera urubyarwo kuri we." Aburamu yumvira Sarayi, 3 Nuko Aburamu amaze imyaka cumi atuye mu gihugu cy'i Kanani, Sarayi umugore we, ajyana Hagari Umunyegiputakazi... umuja we, amushyirigira Aburamu umugabo we. 4 Aryamana na Hagari asama inda, abonye yuko asamye inda. bimuzuguzura... nyirabuja.

5 Sarayi abwira Aburamu ati "Guhe-murwa kwanyje kube kuri wowe, ko nashyize umuja wanjye mu gituzo cyawe, maze abonye yuko asamye inda biramun-suzuguzura. Uwiteka abe ari we uducira urubanza wowe nanjye." 6 Aburamu asubiza Sarayi ati "Dore umuja wawe mwitegekere, umugire uko ushatse kose." Sarayi amugirira nabi, na we aramuhunga.

7 Marayika w'Uwiteka amubonekera mu butayu, ari hafi y'isoko yo mu nzira ijya i Shuri, 8 Aramubaza ati "Hagari muja wa Sarayi, urava he ukajya he?" Aramusubiza ati "Mpunze, mabuja Sarayi."

9 Marayika w'Uwiteka aramubwira ati "Subiraye kwa nyokobuja, wemere ibyo akugirira." 10 Marayika w'Uwiteka arongera aramubwira ati "Nzagwiza... cyane urubyarwo rwawe, rwe kubarika." 11 Marayika w'Uwiteka arongera aramubwira ati "Dore, uratwite uzabyara umuhungu, uzamwite Ishimayeli, kuko Uwiteka yumvise kubabazwa kwawe. 12 Hagati ya bantubantu azamera nk'iraparage, azagira undi

13.15: Ibyak 7.5 14.18-20: Heb7.1-10

i ikasikazi ni mu majyaruguru; ikusi ni mu majyepfo.

muntu wese umubisha we, n'abandi bose bazamugira umubisha wabo, azatura imbere ya bene se bese."

13 Ahimba Uwiteka wavuganye na we izina ati "Uri Imana ireba." Ati "Mbese Indeba nayiboneye na hano?" 14 Ni cyo cyatumye rya riba ryitwa Iriba rya Lahayiroyi, riri hagati y'i Kadeshi n'i Beredi.

15 Aburamu abyarana na Hagari umuhungu. Aburamu yita umuhungu we Hagari yabyaye, Ishimayeli. 16 Aburamu yari amaze imyaka mirongo inani n'itandatu avutse, ubwo yabyaranaga na Hagari Ishimayeli.

Imana ihindura amazina ya Aburamu na Sarayi

17 Aburamu amaze imyaka mirongo urwenda n'icyenda Uwiteka aramubonekeramubwira ati "Ni jye Mana Ishoborabyose, ujye ugendera imbere yanjye kandi utungane rwose. 2 Nanjye ndasezerana isezerano ryanjye nawe, nzakugwiza cyane." 3 Aburamu arubama, Imana irarubwira: iti 4 "Dore isezerano ryanjye ubwanjye ndariguhaye, nawe uzaba sekuruza w'amahanga menshi. Kandi ntuzitwa ukundi Aburamu, ahubwo wiswe Aburahamu kuko nkugize sekuruza w'amahanga menshi. 6 Kandi nzakororotsa cyane, nzatuma amahanga agukomokaho, n'abami bazagukomokaho.

7 "Kandi nzakomeza isezerano ryanjye nawe n'urubyaro rwawe ruzakurikiraho, rigeze ibihe byose, ribe isezerano rihoraho, kugira ngo nkubere Imana wowe n'urubyaro rwawe ruzakurikiraho. 8 Kandi wowe n'urubyaro rwawe ruzakurikiraho, nzabaha igihugu cy'ubushuke bwawe, igihugu cy'i Kaniini cyose kuba gakondo yiteka, nanjye nzaba Imana yabo."

Imana ishyiraho gukebwa ho ikimenyetso cy'isezerano ryayo

9 Imana yongera kubwira Aburahamu iti "Nawe uzakomeza isezerano ryanjye, wowe n'urubyaro rwawe ruzakurikiraho kugeza ibihe byabo byose. I-Iri ni ryo sezerano ryanjye muzakomeza, riri hagati yanjye namwe n'urubyaro rwawe ruzakurikiraho, umugabo wese muri mwe azakubwa. 11 Muzakubwa umunwa w'ibyo

mwambariye, kizaba ikimenyetso cy'isezerano ryanjye namwe. 12 Umuhungu wese muri mwe uzaba amaze iminsi munani avutse azakubwa, bigeze ibihe by'ingoma zanyu zose. Uzaba avukiye mu rugo rwawe, cyangwa utari uwo mu rubyaro rwawe waguzwe n'ifeza n'abanyamahanga, 13 uvukira mu rugo rwawe n'uwaguzwe igiciro bakwiriye gukebwa, kandi isezerano ryanjye rizaba ku mibiri yanyu, ribe isezerano rihoraho. 14 Kandi umugabo utakubwe umunwa w'icyo yambariye azakurwa mu bwoko bwe, azaba yishe isezerano ryanjye."

Imana isezeranya yuko Sara azabyara umuhungu

15 Imana yongera kubwira Aburahamu iti HSarayi umugore wawe ntukamwite ukundi Sarayi, ahubwo ujye umwita Sara. 16 Nanjye nzamuha umugisha kandi nzaguhaha umwana w'umuhungu kuri we. Nzamuha umugisha koko kandi azaba nyirakuruza w'amahanga, abami b'amahanga bazakomoka kuri we."

17 Maze Aburahamu arubama, araseka aribaza ati "Mbese umwana azabyarwa n'umaze imyaka ijana avutse? Kandi na Sara umaze imyaka mirongo urwenda, azabyara?" 18 Aburahamu abwira Imana ati "Icyamba Ishimayeli akabaho, ari imbere yawe!"

19 Imana irarusubiza iti "Ahubwo Sara umugore wawe ni we uzabyaraho umuhungu, uzamwite Isaka". Nanjye nzakomeza isezerano ryanjye na we, ngo ribere urubyaro ruzakurikiraho isezerano ridashira. . Kandi ibya Ishimayeli ndakumviye: dore muhaye umugisha, nzamworotsa mugwize cyane, azabyara abatwara cumi na babiri kandi nzamuhindura ubwoko bukomeye. 21 Ariko isezerano ryanjye nzarikomeza na Isaka, uwo uzabyarana na Sara mu gihe nk'iki cy'umwaka utaha, kuko ari icyo nashyizeho." 22 Imana irorerera kuvugana na we, irazamuka, iva aho Aburahamu ari.

23 Aburahamu ajyana Ishimayeli umuhungu we, n'abandi bose bavukiye mu rugo rwe, n'abo yaguzwe ifeza ze, umugabo wese w'abo mu rugo rwe, abakeba kuri uwo muni uko Imana yari yarinutegetse. 4 Aburahamu yari amaze

umyaka mirongo urwenda n'icyenda avutse, ubwo yakebwaga umunwa w'icyo yambariye. 25 Ishimayeli umuhungu we yari amaze imyaka cumi n'itatu, ubwo yakebwaga. 26 Ku muni umwe Aburahamu akebanwa n'umuhungu we Ishimayeli. 27 N'abagabo bose bo mu rugo rwe, abaruvukiyemo n'abo yaguzwe n'abanyamabanga, bakebanwa na we.

Imana yongera gusezeranya yuko Sara azabyara umuhungu

18 Uwiteka abonekeramubwira Aburahamu kuri bya biti byitwa imye 10 ni bya Mamure. Yari yicaye mu muryango w'ihema rye ku manywa y'ihangu, yubura amaso abona abagabo batatu babagaze imbere ye, ababonye ava mu muryango w'ihema arukanka arabasanganira, yikubita hasi 3 aravuga ati "Datubuja, niba nkugiriyeho umugisha, ndakwinginze we kunyura ku mugaragu wawe, 4 abubwo bazane utuzi mwoge ibirenge muruhukire muni y'igiti. 5 Kandi nanjye mbazanire utwo kurya mvice isari, mubone kugenda ubwo muje ku mugaragu wanyu."

Baramusubiza bati "Ubigenze uko uvuze."

6 Aburahamu arihuta yinjira mu ihema, asanga Sara aramubwira ati "Tunganya vuba indengo n'umucagata by'arnafu meza, uvugemo imitsima." 7 Aburahamu arihukana aya mu bushyo, azana ikimasa cyoroshye cyiza agiba umusongozi we, arihuta aragiteka. 8 Yenda amavuta n'amata n'inyama z'icyo kimasa yatetse abishyira imbere yabo, abahagarara iruhande muni ya cya giti bararya.

9 Baramubaza bati "Sara umugore wawe ari he?"

Arabasubiza ati "Ari mu ihema."

10 Undi aramubwira ati "Iki gihe cy'umwaka nikigaruka, sinzabura kugaruka aho uri, Sara umugore wawe abyare umuhungu."

Sara abyumva ari mu muryango w'ihema uri inyuma ye. 11 Aburahamu na Sara bari bashaje, bageze mu za bakuru, kandi Sara ntiyari akijya mu mihango y'abakobwa. 12 Sara asukera mu mutima ati "Ko maze gukucura, nzanzezerwa ntyo kandi umutware wanjye akaba ashaje?"

t8.2: Heb 13.2 t8.10; Rom 9.9 18.12: 1 Pet 3.6 18.14: Luk.1.37

13 Uwiteka abaza Aburahamu ati "Ni iki gishekeje Sara, akibaza ati 'Ni ukuri koko nzabyara, nkecyeye?' 14 Hari ikinanira. Uwiteka se? Mu gihe cyashyizweho, iki gihe cy'umwaka, nikigaruka nzakugarukaho, Sara abyare umuhungu."

15 Maze Sara arabakana ati "Sinsetse", kuko yatinyaga.

Aramusubiza ati "Oya, urasetse."

Imana ibwira Aburahamu ko igiye kurimbura i Sodomu

16 Abo bagabo barabaguruka, baragenze, berekeza amaso i Sodomu, Aburahamu arababerekeza. 17 Uwiteka aribaza ati "Aburahamu namuhisha icyo ngiye gukora? 18 Kuko Aburahamu atazabura guhinduka ubwoko bukomeye bw'ubunyarnaboko, kandi amahanga yose yo mu isi azaherwa umugisha muri we. 1. Kuko icyatumye mumenya, ari ukugira ngo ategeke abana be n'abo mu rugo rwe bazakurikiraho, gukomeza mu nzira y'Uwiteka, bakora ibyo gukiranuka. baca imanza zitabera, kugira ngo Uwiteka azanire Aburahamu ibyo yamuvuzeho."

20 Uwiteka aravuga ati "Ubwo gutaka kw'abarega i Sodomu n'i Gomora ari kwinshi, ibyaha byaho bigakabya cyane, 1 ndamanuka ndebe ko bakora ibihwanye rwose no gutaka kw'abarega kwangezeho, kandi niba atari ko bimeze, ndabimenya."

22 Abo bagabo barahindukira, bava aho bagenda berekeje i Sodomu, Aburahamu agihagaze imbere y'Uwiteka.

Aburahamu asabira i Sodomu

23 Aburahamu aramwegera aramubaza ati "Warimburana. abakiranutsi n'abanyabyaha? 24 Ahari muri uwo mudugudu harimo abakiranutsi mirongo itanu. Warimburana se ukanga kuhareka ku bw'abakiranutsi mirongo itanu bahari? 25 Ntibikaguturukaho kugira utyo, kurimburana abakiranutsi n'abanyabyaha... abakiranutsi bagahwanya n'abanyabyaha... kirakazira! Umucamanza w'abari mu isi bose ntiyabakora ibyo kutabera."

26 Uwiteka aramusubiza ati "Nimbona i Sodomu abakiranutsi mirongo itanu bari muri uwo mudugudu, nzahababarira hose ku bwabo."

27 Aburahamu arongerera aramubwira ati "Mpangaye kuvugana n'umwami wanjye, nubwo ndi umukungugu n'ivu gusa. 28 Ahari ku bakiganutsi mirongo itanu hazaburaho batanu, uzarimbura umudugudu wose, kuko habuzeho batanu?"

Aramusubiza ati "Sinzawurimbura nimbonayo mirongo ine na batanu."

29 Arongerera aramubwira ati "Ahari hazabonekamo mirongo ine."

Aramusubiza ati "Sinzawurimbura ku bw'abo mirongo ine."

30 Aramubwira ati "Umwami ye kurakara, nanjye ndavuga. Ahari hazabonekamo mirongo itatu."

Aramusubiza ati "Sinzawurimbura nimbonayo mirongo itatu."

31 Aramubwira ati "Dore mpangaye kuvugana, n'umwami wanjye. Ahari hazabonekamo makumyabiri."

Aramusubiza ati "Sinzawurimbura ku bw'abo makumyabiri."

32 Aramubwira ati "Umwami ye kurakara, reka mvuge rimwe gusa. Ahari hazabonekamo icumi."

Aramusubiza ati "Sinzawurimbura ku bw'abo cumi." 33 Uwitwaga arigendera, amazwe kuvugana na Aburahamu, Aburahamu asubira iwe.

Abamarayika bagera i Sodomu; ab'aho babagirira nabi

19 Ba bamarayika bombi bagera i Sodomu nimugoroba, Loti yari yicaye mu marembo y'i Sodomu. Loti ababonye arahaguruka ngo abasanganire, yikubita hasi yubainye. 2 Arababwira ati "Ndabinginze ba databuja, nimwinjire mu nzu y'umugaragu wanyu, muhare bucyeye, mwogeye ibirenge, ejo muzazinduke mugende."

Baramusubiza bati "Oya, turarara mu nzira bucyeye."

3 Arabahata bajya iwe, binjira mu nzu ye. Abatekera ibyokurya, yotsa imitsirna idasembuwe, bararya.

4 Batararyama, abagabo bo muri uwo mudugudu Sodomu bagota iyo nzu, abato n'abakuru bose, bavuye ahantu hose ho muri wo. 5 Bahamagara Loti baramubaza bati "Abagabo binjije iwawe muri iri joro bari he? Basohore turyamane na bo."

19.5-8: Abac 19.22-24 19.11: 2 Abami 6.18 19.16: 2 Pet 2.7

"barongoye: cyangwa, bari bagiyeye kurongora.

6 Loti ajya ku rugi, arasohoka, arukinze ngira inyuma ye. 7 Arababwira ati "Bene data, ndabinginze ntimukore icyaha kingana gityo. 8 Dore mfite abakobwa babiri batararyamana n'abagabo, ndababwira mubagirira ibyo mushaka. byose. Gusa abo bagabo mwe kugira icyo mubatwara, kuko bageze muni y'ipfundo ry'inzu yanjye."

9 Baramusubiza bati "Have tubise!" Bati "Uru rugabo rwaje rusuhuka, none rwigize umucamanza. Turakugirira inabi iruta iyo tugiyeye kugirira ba bandi." Basunika, Loti cyane, begera urugi kurumena. 10 Maze ba bagabo basingiriza Loti amaboko, bamwinjira mu nzu, bakingira urugi. 11 Batera ubuhumyi abagabo bo ku rugi rw'inzu, abato n'abakuru, birushya bashaka urugi.

12 Ba bagabo babaza Loti, bati "Hari abandi bantu ufite? Umukwe wawe n'ababwira bawe n'abakobwa bawe, n'abo ufite mu mudugudu bose, bakuremo. 13 Tugiyeye kurimbura aha hantu, kuko gutakira kw'abaharega kwagwiriyeye imbere y'Uwitwaga, akadutuma kuharimbura."

14 Loti arasohoka, avugana n'abakobwe be barongoye abakobwa be, arababwira ati "Nimuhaguruke, muve aha hantu, kuko Uwitwaga agiyeye kurimbura uyu mudugudu." Ariko abakwe be bo babigize nk'ibikino.

Abamarayika bakura Loti i Sodomu, Imana iraharimbura

15 Nuho bukyeye mu gitondo, ba bamarayika batera Loti; uwete bati "Haguruka, ucyane n'umugore wawe n'aba bakobwa bawe bombi bari hano, kugira ngo utarimburira mu gihano cy'umudugudu." 16 Maze azaririyeye, abo bagabo bafata uku-boko kwe n'ukw'umugore we n'ay'abakobwa be bombi, Uwitwaga amubabariye, baramusohora, bamushyirira inyuma y'uwo mudugudu. 17 Bamaze kubakuramo, umwe muri bo aravugaga ati "Hunga udapfa. Ntorebe inyuma kandi ntutinde utararangiza iki kibaya, hungira ku musozo utarimbuka."

18 Loti arababwira ati "Bye kuba bitoye Mwami, ndakwinginze. 19 Dore umugaragu wawe nkugiriyeho umugisha, kandi ugwiye imbabazi zawe ungiyeye, ubwo ukijije ubugingo bwanjye. Sinahunga ngo ngere

kuri uriya musozo icyo cyago kitaramfata ngo mpfe. 20 Dore uriya mudugudu ni wo uri bugufi bwo guhungiriraho kandi, ni muto. Reka nywuhungiremo, ubugingo bwanjye bukirere. Nturora ko ari muto?"

21 Aramusubiza ati "Dore ku byo uvuze ibyo, ndakwemereye kutarimbura umudugudu uvuze. 22 Hute uhungireyo, kuko ari nta cyo mbasha gukora utaragerayo." Ni cyo cyatumye uwo mudugudu witwaga Sowari. "

23 Loti agera i Sowari izuba rirashe. 2. Maze Uwitwaga agusha kuri Sodomu n'i Gomora amazuku n'umuriro. bivuye ku Uwitwaga mu ijuru. 25 Atsemba iyo midugudu yose na cya kibaya cyose n'abayituyemo bose, n'ibyameze ku butaka. 2. Ariko muka Loti arakubuka, areba inyuma amukurikiye, ahinduka inkikingi y'umunyuma.

27 Aburahamu azinduka kare, aja aho yari yahagarariye imbere y'Uwitwaga, 2. yerekeza amaso i Sodomu n'i Gomora n'igihugu cyose cya cya kibaya, abona umwotsi waho ucumba nk'umwotsi w'ikome.

29 Ubwo Imana yarimbura imidugudu yo muri icyo kibaya, yibutse Aburahamu, yohereza Loti. ngo ave muri iryo tsembwa, ubwo yatsembaga imidugudu Loti yari atuyemo.

Inkomoko y'Abamowabu n'Abamoni

30 Loti ava i Sowari, arazamuka aja ku musozo, abanayo n'abakobwa be bombi kuko yatinyaga gutwara i Sowari, abana n'abakobwa be bombi mu buvumo. 31 Uw'impfura abwira murumuna we ati "Data arashaje, kandi nta muntu mu isi wo kuturongora nk'uko abo mu isi bose bakora. 32 Reka dutereke data vino, turyamane na we, kugira ngo dukikure data." 33 Batera se vino muri iryo joro, uw'impfura aragenda aryamana na se, se ntiyamena ko yaryamye cyangwa ko yabyutse.

34 Bukeye bwaho, uw'impfura abwira murumuna we ati "Iri joro ryakeye naryamane na Oota. Twongere tumutereke n'iri joro, nawe ugenye uryamane na we, dukikure Oota." 35 N'iryo joro bongera gutereka se, umuto arahaguruka aryamana na we, se ntiyamena ko yaryamye cyangwa ko

yabyutse. 36 Uko ni ko abakobwa ba Loti bombi basamye inOOza se. 37 Uw'impfura abayara umuhungu ariwita. Mowabu. Uwo ni we sekuruza w'Abamowabu na bugingo n'ubu. "Umuto na we abyara umuhungu amwita Benami, ari we sekuruza w'Abamoni na bugingo n'ubu.

Umwami w'i Gerari acyura Sara, Imana imutegeka kumusubiza Aburahamu

20 Aburahamu avayo agenda yerekeje i Negebu, atura hagati y'i Kadeshi n'i Shuri, asuhukira i Gerari. 2 Aburahamu avuga Sara umugore we ati "Ni mushiki wanjye", Abimeleki umwami w'i Gerari atumira Sara aramujyana. 3 Maze Imana ibonekerera Abimeleki mu nzozi nijoro, iramubwira iti "Umeze nk'intumbi ku bwa wa mugore wenze, kuko afite umugabo."

4 Ariko Abimeleki yari ataramwegera, arayibaza ati "Mwami, wakwiza ishyamba nubwirikirantuka? 5 Ubwese wavuze ati 'Ni mushiki wanjye?' N'umugore na we ubwe ntiyavuze ati 'Ni musaza, wanjye?' icyo nkoze icyo, ngikozeye mfite umutima ukiranutse n'afubako atanduye."

6 Imana imusubiriza mu nzozi iti "Koko nzi yuko ukoze ibyo ufite umutima ukiranutse, kandi nanjye nakubujije kuncumuraho, ni cyo cyatumye ntagukundira kumukoraho. 7 Noneho subiza uwo mugabo umugore we, kuko ari umuhanuzi, azagusabira ukarama. Ariko nutamumusubiza, umenye yuko utazabura gupfana n'abawe bose."

8 Abimeleki azinduka, kare kare, ahamagaza abagaragu be bose, abatekerereza ibyo byose, baratinya cyane. 9 Maze Abimeleki ahamagaza Aburahamu aramubaza ati "Watugize ibiki? Nagucumuyeho iki, cyatumye unshyiraho jwewe n'ubwami bwanjye icyaha gikomeye? Wankoreye ibidakwiriyeye gukorwa." 10 Abimeleki arongerera abaza Aburahamu ati "Wabonye iki cyagukoresheje ibyo?"

11 Aburahamu aramusubiza ati "Ni uko nibwiraga ntashidikanya yuko aha hantu nta kubaha Imana guhari, kandi nanjye nari nzi ko bazanyica bampora umugore wanjye. 12 Erega ni mushiki wanjye, ni mwene data, ariko si mwene

19.24-25: Mat 10.15; 11.23-24; Luka 10.12; 17.29; 2 Pet 2.6; Yuda 7 19.26: Luka 17.32 20.2: Itang 12.13; 26.7

"Sowari: risobanurwa ngo, Umuto.

mama, kandi koko naramurongoye. 13Kandi ubwo Imana yankuraga mu nzu ya data ikanzerereza, naramubwiye nti 'Iyo ni yo neza uzajya ungingira, aho tuzajya tugera hose ujye uvuga yuko ndi musaza wawe.' "

14 Abimeleki azana intama n'inka n'abagaragu n'abaja, abihaga Aburahamu, amusubiza na Sara umugore we. 15 Abimeleki aramubwira ati "Iguhugu cyanyije kiri imbere yawe, uture aho uzashaka hose." 16 Abwira na Sara ati "Dore mpaye musaza wawe ibice by'ifeza igihumbi, ni byo bizaba ibyo gukinga mu maso y'abo muri kumwe bose, ngukuyeho umugayo imbere ya bese."

17 Aburahamu asaba Imana, ikiza Abimeleki n'umugore we n'abaja be, barabyara. 18 Kuko Uwiteka yari yazibye inda z'abo mu rugo rwa Abimeleki bese, abahora Sara umugore wa Aburahamu.

Sara abyara Isaka

21 Uwiteka agenderera Sara nk'uko yavuze, Uwiteka agiye Sara ibyo yasezeranije. 25 Sara asanga inda ya Aburahamu ashaje, babyaranga umuhungu igihe Imana, yamubwiye kigeze. 3 Aburahamu yita umuhungu yabyaye Isaka, uwo yabyaranye na Sara. 4 Aburahamu akeba Isaka umuhungu we amaze iminsi munani, avutse, uko Imana yamutegetse. 5 Aburahamu yabyaye uwo muhuru we Isaka, amaze imyaka ijana avutse. 6 Sara aravugaga ati "Imana iranshekeje, abazabyumva bese bazasekana, nanjye." 7 Ati "Ni nde uba warabwiye Aburahamu, yuko Sara azonsa abana? Ko mubariye umuhungu ashaje."

Sara asendesha Hagari na Ishimayeli

8 Umwana arakura arakura, ku muni Isaka yacukiyeho Aburahamu ararika abantu benshi arabagaburira.

9 Sara abona umuhungu wa Hagari Umunyegiputakazi; uwo yabyaranye na Aburahamu, abaseka. 10 Ni cyo cyalumye abwira Aburahamu ati "Senda uyu muja n'umuhungu we, kuko umuhungu w'uyu muja atazaraganwa n'umuhungu wanjye Isaka." 11 Ibyo by'ubu muhuru we bitera Aburahamu agahinda kenshi. 12 Imana ibwira Aburahamu iti "We kugirira uwo muhuru agahinda n'umuja wawe, ibyo Sara akubwira byose

21.2: Heb 11.11 21.4: Itang 17.12; Ibyak 7.8 21.11: Gai 4.29-30 21.12: Rom 9.7; Heb 11.18 21.22: Itang 26.26

umwumvire, kuko kuri Isaka ari ho urubyaro ruzakwitirirwa. 13 Kandi umuhungu w'uwo muja na we n'umuhungu ubwoko, kuko ari urubyaro rwawe."

14 Aburahamu azinduka, kare kare, yenda umutima n'imvumba y'uruhu, irimo amazi, abihaga Hagari abishyirira ku rutugu rwe, amuha n'uwo mwana aramubwira, avayo azerera mu butayu bw'i Berisheba. 15 Ya mvumba ishiramo amazi, arambika umwana, muni y'igihuru cy'aho. 16 Aragenda yicara amwerekeye, amuhaye intera nk'aho umuntu yashyirirwa umwambi, kuko yibwiraga ati "Ne kureba umwana wanjye apfa." Yicara amwerekeye atera hejuru, ararira.

17 Imana yumva ijwi ry'uwo muhuru, marayika w'Imana ari mu ijuru, ahamagara Hagari aramubaza ati "Ubaye ute, Hagari? Witinye kuko Imana yumvuye ijwi ry'uwo muhuru aho ari. 18 Haguruka, byutsa umuhungu, umufate mu maboko, kuko n'umuhungu ubwoko bukomeye." 19 Imana imuhumura amaso, abona iriba, aragenda avoma amazi, yuzuye ya mvumba, ayaramiza umuhungu we. 20 Nuko Imana ibana n'uwo muhuru, arakura, atura mu butayu, aba umurasha. 21 Aba mu butayu bw'i Parani, nyina amusabira Umunyegiputakazi.

Aburahamu na Abimeleki barasezerana

22 Muri icyo minsi, Abimeleki na Fikoli umutware w'ingabo ze babwira Aburahamu bati "Imana iri kumwe nawe mu byo ukora byose. 23 Nuko rero, undahire Imana, yuko utazandiganya cyangwa umwana, wanjye cyangwa umwuzukuru wanjye, ahubwo ineza nakugirira ko uzayinyirira, jywewe n'igihugu wasuhukiyemo."

24 Aburahamu aramusubiza ati "Ndahira."

25 Aburahamu azimuzira Abimeleki ku by'iriba, abagaraga, ba Abimeleki bamunyaze. 26 Abimeleki aramusubiza ati "Sinzi uwakoze ibyo, nawe ntwigeze kubimbwira, kandi sinigeze kubyumva keretse none." 27 Aburahamu azana intama n'inka, abihaga Abimeleki, bombi barasezerana. 28 Aburahamu arobanurwa abagazi b'intama barindwi bo mu mukumbi we. 2. Abimeleki abaza Aburahamu ati

"Abo biigazi b'intama barindwi urobanuye, biso banuye iki?"

30 Aramusubiza ali "Aba biigazi b'intama uko ari barindwi, ndabagubera kugira ngo bimbere umugabo, yuko ari jye wafukuye iryo riba." 31 Ni cyo cyalumye yita aho hanu Berisheba, kuko ari ho bahiriye bombi.

32 Nuko basezeranira i Berisheba, Abimeleki ahagurukana, na Fikoli umutware w'ingabo ze, basubira mu gihugu cy' Abafilisitiya. 33 Aburahamu atera igihe cyitwa umwesheri i Berisheba, yambirizayo izina ry'Uwiteka, Imana ihoraho. 34 Aburahamu amara iminsi myinshi asuhukiye mu gihugu cy' Abafilisitiya.

Imana igerageza Aburahamu, imutegeka kuyitambira Isaka

22 Hanyuma y'ibyo, Imana igerageza Aburahamu, iramuhamagaza iti "Aburahamu." Aritaba ati "Karame."

2 Iramubwira iti "Jyana umwana wawe, umwana wawe w'ikinege ukunda Isaka, ujye mu gihugu cy'i Moriya umutambireyo ku musozi ndi bukubwire, abe igitambo cyoswa."

3 Aburahamu azinduka kare kare, ashyira amatandiko ku ndogobe ye, ajyana n'abagaragu be babiri, na Isaka umwana we. Yasa inkwi zo kosa igitambo, arahaguruka ajya ahanu Imana yamubwiye. 4 Ku muni wa gatalu Aburahamu aramburama amaso, yitegereza aho hanu hari kure. 5 Aburahamu abwira abo bagaragu be ati "Musigirane hano indogobe, jye n'uyu muhuru, tujye hirya hariya dusenge, lubagarukeho."

6 Aburahamu yenda za nkwi zo kosa igitambo, azikorera Isaka umuhungu we, ajyana n'umuriro n'umushyamba, bombi barajyana. 7 Isaka ahamagara se Aburahamu ati "Data."

Aramwitaba ati "Ndakwitaba, mwana wanjye."

Aramubaza ati "Dore umuriro n'inkwi ngibi, ariko umwana w'intama uri he, w'igitambo cyo koswa?"

8 Aburahamu aramusubiza ati "Mwana wanjye, Imana iri bwibonere umwana w'intama w'igitambo cyo koswa." Nuko bombi barajyana.

22.1-13: Heb 11.17-19 22.2: 2 Ngoma 3.1 22.9: Yak 2.21 22.16-17: Heb 6.13-14 22.17: Heb 11.12 22.18: Ibyak 3.25

o Berisheba risobanurwa ngo Iriba ry'indahira.

p Yehovayire: risobanurwa ngo Uwiteka azatuma kiboneka.

Aburahamu agiye gutamba Isaka, Imana iramubaza

9 Bagera ahantu Imana yamubwiye, Aburahamu yubakaye igicaniro yarariyako za nkwi, aboha Isaka umuhungu we, amurambika kuri icyo gicaniro hejuru. y'inkwi. 10 Aburahamu arambura ukuboko, yenda wa mushyamba ngo asogote umuhungu we. 11 Marayika w'Uwiteka amuhamagaza ari mu ijuru ati "Aburahamu, Aburahamu."

Aritaba ati "Karame."

12 Aramubwira ali "Ntukoze ukuboko kuri uwo muhuru, ntugire icyo umutwara, kuko ubu menye yuko wubaha Imana, kuko utanyimye umwana wawe w'ikinege."

13 Aburahamu yubura amaso arareba, abona inyuma ye impfizi y'intama, amahembe yayo afashwe mu gihuru. Aburahamu aragenda, yenda ya ntama, ayitambaho igitambo cyoswa mu cyimbo cy'umuhungu we. 14 Aburahamu yita aho hanu Yehovayire, nk'uko bavugaga bugingo n'ubu bati "Ku musozi w'Uwiteka kizabonwa."

Imana iha Aburahamu umugisha ukomeye

15 Maze marayika w'Uwiteka arongerera ahamagara Aburahamu ari mu ijuru, 16 aramubwira ati "Ndirahiye, ni ko Uwiteka avugaga, ubwo ugenjeje utyo n'umwana umwana wawe w'ikinege, 17 yuko no kuguha umugisha nzaguba umugisha, no kugwiza nzagwiza urubyaro rwawe ruhwane n'inyenyeri zo mu ijuru, kandi ruhwane n'umusenyi wo mu kibaya cy'inyanja, kandi ruhahindura amaremba y'ababisha barwo. 18 Kandi mu rubyaro rwawe ni mo amahanga yose yo mu isi azaherwa umugisha kuko wanyumviye." 19 Aburahamu asubira aho abagaragu be bari, barahaguruka bajyana i Berisheba, ageze yoraharaha.

20 Hanyuma y'ibyo babwira Aburahamu bati "Na Miluka yabyaranye na mwene so Nahori abana." 21 Impfura ye ni Usi, hakurikiraho Buzi murumuna we, na Kesedi se wa Aramu, 22 na Kesedi na Hazo na Piludashi, na Yidilafu na Beluweli.

23 Betuweli yabyaye Rebeka. Abo uko ari umunani, Miluka yababyaranye na Nahori mwene se wa Aburahamu. 24 Inshoreke ye yitwa Rewuma, na yo yabyaye Teba na Gahamu, na Tahashi na Miika.

Sara arapfa; Aburahamu agura ubuvumo bwo kumuhambamo

23 Sara yaramye imyaka ijana na makumyabiri n'irindwi, iyo ni yo myaka Sara yaramye. 8 Sara apfira i Kiriyataruba (ari ho Heburoni) mu gihugu cy'i Kanani, Aburahamu aza kuborogera Sara, amuririra.

3 Aburahamu arahaguruka ava ku ntumbi ye, abwira Abaheti ati 4 "Ndi umushyitsi n'umusuhuke muri mwe, mumpempe gakondo yo guhambamo, mpambe **umupfu wanjye, mwivane mu maso.**"

5 Abaheti basubiza Aburahamu: bati 6 "Databuja, utwumve uri umuntu ukomeye cyane muri twe, uhambe umupfu wawe mu mva yacu uri buhitemo muri zose, nta wo muri twe uri bukwise imva ye ngo we guhambamo umupfu wawe."

7 Aburahamu arahaguruka, yikubita imbere ya bene igihugu, ni bo Baheti. 8 Avugana na bo arababwira ati. "Nimwemera yuko mpamba umupfu wanjye ngo **mwivane mu maso, munyumvire, munyingingire** Efuroni mwene Sohari, 9 ampe ubuvumo bw'i Makipela afite, buri ku mpera y'isambu ye. Abungurishirize hagati yanyu igiciro. kibukwiriye kitagabaniye, bube gakondo yo guhambamo."

10 Efuroni yari yicaye hagati mu Baheti, Efuroni Umuheti. asubiza Aburahamu, Abaheti bamwumva, abinjiraga mu irembo ry'umudugudu wabo bose ati 11 "Ahubwo databuja, nyumva. Iyo sambu ndayiguhaye, n'ubuvumo burimo ndabuguhaye, mbiguhereye imbere y'abubwo-ko bwacu, hamba umupfu wawe."

12 Aburahamu yikubita imbere ya bene igihugu. 13 Abwira Efuroni bene igihugu bamwumva ati "Ndakwinginze... nyumvira. Ndakwishyura igiciro cy'iyi sambu, cyemere nkiguhe, mpambemo umupfu wanjye."

14 Efuroni asubiza Aburahamu ati 15 "Databuja, nyumvira. Agasambu kaguzeshakeli magana ane z'ifeza kanteranya nawe? Nuko hamba umupfu wawe."

23.4: Heb 11.9,13; Ibyak 7.16

r shekeli imwe ni nka garama cumi n'eshanu.

16 Aburahamu yumvira Efuroni agerera Efuroni ifeza avuze, Abaheti bamwumva, shekeli magana ane z'ifeza, zemerwa n'abagenza...

17 Nuko isambu ya Efuroni yari i Makipela, iri imbere y'i Mamure, yo n'ubuvumo burimo n'ibiti byo muri yo byose byayigotaga hose ku mpera yayo, bikomerezwa Aburahamu 18kuba gakondo ye, imbere y'Abaheti, imbere y'abinjiraga mu irembo ry'umudugudu wabo bose.

19 Hanyuma y'ibyo, Aburahamu ahamba Sara umugore we muri ubwo buvumo bwo mu isambu y'i Makipela, iri imbere y'i Mamure (ni ho Heburoni) mu gihugu cy'i Kanani. Nuko Abaheti bakomereza Aburahamu iyo sambu n'ubuvumo buyirimo kuba gakondo yo guhambamo.

Aburahamu aluma igisonga cye gusabira Isaka umugeni

24 Aburahamu yari ashaje ageze mu za bukuru, kandi Uwiteka yari arahaye Aburahamu. umugisha kuri byose. Aburahamu abwira umugaragu we, umukuru wo mu rugo rwe wategekaga ibye byose ati "Ndakwinginze, shyira ukuboko kwawe muni y'ikibero cyanjye, 3 nanjye ndakurahiza Uwiteka, ni we Mana nyir'ijuru, ni we Mana nyir'isi, yuko utazasabira umwana wanjye Umunyakanikazi, abo ntuyemo. 4 Ahubwo uzajye mu gihugu cyacu kuri bene wacu, usabireyo umwana wanjye Isaka umugeni."

5 Uwo mugaragu aramusubiza ati "Ahari umukobwa ntazemera ko tuZaria muri iki gihugu, byaba bityo naba nkwiriyeye gusubiza umwana wawe mu gihugu wavuyemo?"

6 Aburahamu aramusubiza ati "Wiri-nde gusubizayo umwana wanjye. 7 Uwiteka Imana nyir'ijuru, yankuye mu nzu ya data no mu gihugu navukiyemo, ikarubwira indahira ita Urubya rwawe nzaruha iki gihugu, iyo ni yo izatuma marayika wayo akujya imbere, nawe uzasabireyo umwana wanjye umugeni. 8 Kandi umukobwa yaramuka... yanze, ntuzafatwa n'iyi ndahiro undahiyeye. icyakora ntuzasubizeyo umwana wanjye." 9 Uwo mugaragu ashya-ru ukuboko muni y'ikibero cya Aburahamu shebuja, arabimurahirira.

10 Uwo mugaragu ajyana ingamiya cumi zo mu ngamiya za shebuja, agenda afite ibyiza bya shebuja by'uburyo bwose, arahaguruka aya muri Mesopotamiya, agera ku mudugudu w'aba Nahori, 11 Apfukamisha izo ngamiya ku iriba riri inyuma y'uwo mudugudu. Hari nimugoroba, igihe abagore basohokera kuvoma. 12 Arasenga ati "Uwiteka Mana ya databuja Aburahamu, ndakwinginze, umpe hirwe uyu muni, ugirire neza databuja Aburahamu. 13 Dore mpagaze ku isoko, abakobwa b'abo mu mudugudu basohotse kuvoma. 14 Bibe bitya; umukobwa ndi bubwire nti 'Ndakwinginze, cisha bugufi ikibindi cyawe nyweho', akansubiza ati 'Nywaho nduhira n'ingamiya zawe', abe ari we watoranirije Isaka umugaragu wawe. Ibyo ni byo bizamenyesha yuko ugiriyeye databuja neza."

15 Nuko agisenga atyo, Rebeka arashohoka, wabyawe na Betuweli mwene Miluka, muka Nahori, mwene se wa Aburahamu, ashye ikibindi ku rutugU. 16 Uwo mukobwa yari umunyagikundiyo cyinshi kandi yari umwari, nta mugabo wigeze kuryamana na we, aramanuka aya ku isoko, aravoma arazamuka. 17 Uwo mugaragu aritukankana aramusanganira, aramubwira ati "Ndakwinginze, mpa utuzi mu kibindi cyawe, nyweho."

18 Aramusubiza ati "Databuja, nywaho." Atengamirira vuba ikibindi cye, aramuha aranywa. 19 Amaze kuyamuha aramubwira ati "Nduhira n'ingamiya zawe zeguke." 20 Ayasuka vuba mu kibumbiro aritukankana, yongera kujya ku iriba kudahira, adahirira ingamiya ze zose. 21 Uwo mugabo amwitegereza acecetse, kugira ngo amenye yuko Uwiteka yahaye urugendo rwe amahirwe, cyangwa ataryahaye.

22 Nuko ingamiya zimaze kweguka, uwo mugabo yenda impeta y'izahabu, kuremera kwayo kwari nk'igice cya shekeli, n'ibimeze nk'imiringa bibiri byo kwambara ku maboko, kuremera kwabyo ni shekeli cumi z'izahabu, arabimwambika. 23 Aramubaza ati "Uti mwene nde? Ndakwinginze mbwira. Kandi kwa so hari aho twarara?"

24 Aramusubiza ati "Ndi mwene Betuweli wa Miluka na Nahori." 25 Kandi ati "Dufite inganagano n'ibyokurya bizi-hagije, kandi dufite n'aho kubaraza."

26 Uwo mugabo arunama, yikubita hasi, asenga Uwiteka. 27 Ati "Uwiteka ahimbazwe, Imana ya databuja Aburahamu, itaretse kugirira databuja imbabazi n'umurava, nanjye Uwiteka anyoboye inzira ijya kwa bene wabo wa databuja."

28 Uwo mukobwa aritukankana, abwira abo mu nzu ya nyina uko byabaye. 29 Kandi Rebeka yari afite musaza we witwa Labani. Labani uwo arashohoka, aya gusanganirira uwo mugabo ku iriba. 30 Abonye ya mpeta na za zahabu zimeze nk'imiringa, biri ku maboko ya mushiki we, kandi yumvise amagambo ya Rebeka mushiki we ati "Ibyo ni byo uwo mugabo yambwiye", ni ko kujya aho uwo mugabo ari. Asanga ahagaze iruhande rwa za ngamiya ku isoko. 31 Aramubwira ati "Ngwino winjire, uhiriwe ku Uwiteka, ni iki kiguhagaritse hanze, ko niteguye inzu n'ikiraro cy'ingamiya?"

32 Uwo mugabo yinjira mu nzu, Labani akura imitwara kuri izo ngamiya, atanga inganagano n'ibyokurya by'ingamiya, n'amazi yo kumwoza ibireng n'ayo koza iby'abo bari kumwe. 33 Bamuzanira ibyokurya, maze arababwira ati "Sindya ntaravuga ubutumwa."

Labani aramubwira ati "Buvuge."

34 Aramubwira ati "Ndi umugaragu wa Aburahamu. 3. Kandi Uwiteka yahaye databuja imigisha myinshi ahinduka umuntu ukomeye, kandi yamuhaye imikumbi n'amashyamba, n'ifeza n'izahabu, n'abagaragu n'abaja, n'ingamiya n'indogobe. 36 Kandi na Sara muka databuja yamubonye umuhungu akucuye, ni we yahaye ibye byose. 37 Kandi databuja yarandahirije ngo ne kuzasabira umwana we Umunyakanikazi, abo atuyemo. 38 Ahubwo ngo nzajye mu nzu ya se no muri bene wabo, ngo abe ari bo nsabiriramo umwana we. 39 Mbwira databuja nti 'Ahari umukobwa azanga ko tuzana.' 40 Aransubiza ati 'Uwiteka ngendera imbere, azatuma marayika we ngo ajyane nawe, azaha urugendo rwawe ihirwe, maze nawe uzasabireyo umwana wanjye umugeni wo muri bene wacu, mu nzu ya data. 41 Nugera kuri bene wacu, ni bwo utazafatwa n'indahiro nkurahije. Baramuka bamukwimye, ntuzafatwa n'indahiro nkurahije.'

r agenda ... bwose: cyangwa, aragenda kuko ihyiza bya shebuja byose byari ku mutwe we.

42 "Maze uyu muni ngera ku is6ko, ndasenga nti 'Uwiteka Mana ya databuja Aburahamu, niba uhaye urugendo nge-nda ihirwe, 43 dore mpagaze ku is6ko, bibe bitya: umukobwa usohoka kuvoma nkamubwira nti "Ndakwinginze, mpa utuzi ku kibindi cyawe nyweho", 44 akansubiza ati "Nywaho ubwawe kandi nduhira n'ingamiya zawe", abe ari we uba umugeni Uwiteka yatoranirije mwe-ne databuja.' ., Ngisengera mu mutima wanjye, Rebeka asohoka ashuye ikibindi ku rutugu, aramanuka aya ku is6ko, aravoma. Ndamubwira nti 'Ndakwinginze, mpa nyweho.' 6 Acisha bugufi ikibindi n'ingoga agikuye ku rutugu rwe, arambwira' ati 'Nywaho, nduhira' n'ingamiya zawe.' Ndanywa; kandi yuhira n'ingamiya zanjye. '7 Ndamubaza... nti 'Uri mwene nde?' Aransubiza ati 'Ndi mwene Betuweli wa Nahori na Miluka.' Mpera ko nkatira impeta ku zuru rye n'imiringa ku maboko ye. 8 Ndunama, nikubita hasi, nsenga Uwiteka, mpim-baza Uwiteka Imana ya databuja Aburaha-mu, yanyooye inzira ikwiriyeye ngo mbo-neremo umukobwa wabo wa databuja, musabire umwana we. 9 Nuko nimusha-ka kugirira databuja neza, ntimumure-rege nimumbwire, kandi nimutabyemera nimumbwire, nanjye mpindukire nje iburyo cyangwa ibumoso."

50 Labani na Betuweli baramusubiza bati "Ibyo bituritse ku Uwiteka, nta kindi tubasha kukubwira, ari icyiza, ari n'ikibi. 51 Dore Rebeka ari imbere yawe, mujyane abe muka mwene shobuja, nk'uko Uwiteka yavuze." ., Umugaragu wa Aburahamu yumvise amagambo ya-bo, yikubita hasi, aramya Uwiteka. 53 Uwo mugaragu azana ibintu by'ifeza n'iby'izahabu n'imyenda abihira Rebeka, kandi aha na musaza we na nyina ibintu by'igiciro cyinshi.

54 We n'abo bazanye bararya baranywa, baraharara buracya, babyukaga mu gitondo, arababwira ati "Nimusezerere nsubira kwa databuja."

55 Musaza w'umukobwa na nyina baramusubiza bati "Umukobwa nasigara-ne natwe iminsi cumi cyangwa isagaho, azabone kugenda."

56 Arabasubiza ati "Mwintanza kutu Uwiteka yahaye urugendo rwanjye ihirwe, nimusezerere nsubira kwa databuja."

57 Baramusubiza bati "Reka duhama-gare umukobwa tumubaze; turwye iri-muva mu kanwa." 58 Bahamagara" Rebe-ka, baramubaza bati "Urajyana n'uyu mugabo?"

Arabasubiza ati "Turajyana..."

59 Basezera kuri ReOoka mushiki.. wa-bo n'umurezi we, basezera umugaragu wa Aburahamu n'abantu. 00. 60 Bifuriza Rebeka umugisha baramubwira bati

"Mushiki.. wacu, uzabe nyirakuruza; w'abantu inzovu ibihumbi,

Urubyaro' rwawe ruzahindiire."

amaremo .y'abanzi.. barwo."

6' ReOoka ahagurukana... n'abaja 00 bajya ku ngamiya, zirababwira bakurikira uwo mugabo.. uwo mugaragu ajyana Rebeka aragenda.

62 Bukeye Isaka aza; aturitse mu nzira yo ku iriba ryitwa Lahayiroyi, kuko yari atuye mu gihugu cy'i Negebu. 63 Isaka arasohoka, aya kwibwirira.. mu i;asozi nimugoroba, yubura amaso, abona ingamiya ziza. 64 ReOoka yubura amaso, abonye Isaka, ava ku ngamiya. 6' Abaza wa mugaragu ati "Uriya mugabo.. ni nde ugenda ku gasozi, tugiyeye guhura?"

Uwo mugaragu aramusubiza ati "Ni databuja." ReOoka yenda umwenda we, yitwikira mu maso.

66 Uwo mugaragu atekerezeza.. Isaka ibyo yakozwe byose. 67 Isaka azana ReOoka mu ihema rya nyina Sara, aramurongora, aba umugore we, aramukundyakoze... Isaka ashira umubabaro. wa nyina yapfushije.

Urubyaro rwa Keturah

(J Ngoma 1.32-33)

25 Aburahamu.. arongora ungi mugore witwa Keturah. 2 Babyaranga. Zimurani na Yokishani... na Medani.. na Midiyani.. na Yishibaki.. na Shuwa. 3 Y Okishani, yabyaye Sheba na Dedani, Bene Dedani ni Abashuri n'Abaletuhi; n'Abaleyumi. • Bene Midiyani.. ni Efa na Eferi; na Henoki na Abida na Eluda. Abo bese ni urubyaro' rwa Keturah.

5 Aburahamu.. yahaye Isaka ibye byose. 6 Ariko abana b'inshoreke Aburahamu yari afite, abaha impano akiraho, arabohereza ngo batandukane.. na Isaka umwana we, bagende berekeje iburasirazuba, bajye mu gihugu cy'iburasirazuba.

Urufu rwa Aburahamu

7 Iminsi Aburahamu yaramye ni imyaka ijana na mirongo irindwi n'itanu. 8 Aburahamu ageze mu za bukuru, aramye imyaka myinshi, umwuka urahera, apfa ashaje neza, asanga bene wabo. • Abana be. Isaka na Ishimayeli, bamuhamba muri-bwa buvumo bw'i Makipela, buri mu isambu ya Efuroni mwene Sohari Umuhe-ti, iri imbere y'i Mamure; 10 Ni yo sambu Aburhamu' yaguze.. n' Abaheti, ari ho bahambye Aburhamu' na Sara umugore we. 11 Aburahamu amaze gufa Imana iha umugisha Isaka umwana we, Isaka yari atuye hafi ya rya riba ryitwa Lahayiroyi.

Urubyaro rwa Ishimayeli

(1 Ngoma 1.28-31)

12 Uru ni rwo rubyaro' rwa Ishimayeli, umwana wa Aburahamu, uwo Hagari Umunyegiputakazi, .. umuja wa Sara yabyaranye na Aburhamu.. 13 Uku ni ko abana ba Ishimayeli bitwaga, nk'uko amazina yabo ari, nk'uko babyaranye. Impfura ya Ishimayeli .. ni Nebayoti, hakurikira Kedari na Adibeli na Mibusamu, 14 na Mishuma na Duma na Masa, 15 na Hadadi na Tema na Yeturi; na Nafishi na Kedema. 16 Abo ni bo bana ba Ishimayeli, ayo ni yo mazina yabo, nk'uko imidugudu yabo iri, nk'uko ingo zabo ziri.. Ni abatware' cumi na babiri, nk'uko amoko yabo ari. 17 Imyaka Ishimayeli yaramye ni ijana na mirongo itatu n'irindwi, umwuka urahera arapfa, asanga bene wabo. 18 Bahera i Havila baturu, bageza.. i Shuri, iri imbere ya Egipta, aherekereye Ashuri. Yari atuye imbere ya bene se bese.

Kuvuka kwa Esawu na Yakobo

19 Uru ni urubyaro' rwa Isaka, umwana wa Aburahamu. Aburahamu yabyaye Isaka, 20 Isaka yari amaze imyaka mirongo ine avutse, ubwo yarongoraga Rebeka, mwene Betuweli Umwaramu w' Padanaratu, mushiki wa Labani; Umwaramu. 21 Isaka yingingira umugore we Uwiteka kuko yari ingumba, Uwiteka yemera kwinginga kwe, Rebeka umugore we asama inda. 22 Abana bakiranira mu nda ye aribaza ati "Ubwu bimeze bityo,

25.10: Ilang23.3-16 25.23: Rom9.12 25.33: Heb 12.16

i bimbereye: cyangwa, mberaho.

u Edomu: risobanurwa ngo Utukura.

ibi bimbereyeho' iki?" Aragenda aya kubaza Uwiteka.

23 Uwiteka aramusubiza ati "Inda yawe irimo amahanga abiri, Amoko abiri azatandukana, Ahereye igihe azavira mu mara yawe.

Ubwoko bumwe buzarusha ubundi amaboko,

Umukuru' azaba umugaragu w'umuto."

24 Maze igihe cyo kubyara; kwe gisohoye, zari impanga mu nda ye. 25 Gakuru.. avuka atukura, ari cyoya nk'umwenda w'ubwoya, bamwita Esawu. 26 Hakurikira Gato, afashe agatsinsino ka Esawu, bawita Yakobo. Kandi Isaka yari amaze imyaka mirongo itandatu avutse, ubwo Rebeka yababwaraga.

Esawu aguzwa Yakobo ubutware bwe

27 Abo bahungu barakura: Esawu, aba umuhigi w'umuhanga w'umunyeshyamba; . Yakobo we yari umunyamahane make, yabaga mu mahema. 28 Maze Isaka yakundiraga Esawu kuko yajyaga aya ku muhigo we, Rebeka we yakundaga Yakobo.

29 Bukeye Yakobo ateka imboga, Esawu arinjira avuye mu ishyamba, ak6za. 30 Esawu.. abwira Yakobo ati "Ndakwinginze, ngaburira ku bitukura utetse, kuri ibyo bitukura byawe, kuko nk6za." Ni cyo cyatumye yitwa Edomu. u

31 Yakobo aramusubiza; ati "Keretse twagura ubutware bwawe uyu muni."

32 Esawu aramusubiza.. ati "Ubu se ko ngiye gufata, ubwo butware bumariye iki?"

33 Yakobo aramubwira ati "Ndahira uyu muni." Aramuhira.. agushira Yakobo ubutware bwe. 34 Yakobo aha Esawu umutsima n'ibishyimo yatetse, ararya aranywa, arahaguruka.. arigendera. Uko ni ko Esawu.. yasuzuguye ubutware bwe.

Isaka azerera mu gihugu cy' Abafilisitiya

26 Indi nzara itera muri icyo gihugu.. itari iyateraga mbere Aburhamu akiraho. Isaka aya i Gerari kwa Abimeleki, umwami w'Abafilisitiya. 2 Uwiteka aramubonekera aramubwira ati "Ntuma-nuke ngo uje muri Egipta, uzature mu

gihugu nzakubwira. 3 Suhukira muri iki gihugu, nanjye nzabana nawe, nguhe umugisha kuko wowe n'urubyarwo rwawe nzabaha ibi bihugu byose, kandi nzakomeza indahiro narahiye Aburahamu so. 4 Kandi nzagwiza urubyarwo rwawe ruhwane n'inyenyeri zo mu ijuru, kandi nzaha urubyarwo rwawe ibi bihugu byose. Kandi mu rubyarwo rwawe ni mo amahanga yose yo mu isi azaherwa umugisha, kuko Aburahamu yanyurviraga, akitondera ibyonyo namwihanangirije n'ibyo nategetse, n'amategako nanjye nandikishije n'ayo navuze."

6 Isaka atura i Gerari. 7 Abantu b'aho bamubaza iby'umugore we, arabasubiza ati "Ni mushiki wanjye", kuko yatinye kuvuga ati "Ni umugore wanjye." Ati "Abantu b'aha be kunyica bampora Rebeka", kuko yari umunyagikundiro. 8 Amaze yo igihe kirekire, Abimeleki umwami w'Abafilisitiya arungurukira mu idirishya, abona Isaka akinisha umugore we. 9 Abimeleki ahamagaza Isaka aramubwira ati "Biragaragara yuko ari umugore wawe, ko wavuze uti 'Ni mushiki wanjye?'"

Isaka aramusubiza ati "Ni uko nibwiraga nti 'Be kunyica bamumpora.'"

10 Abimeleki aramubaza ati "Ibyo watugize ibyonyo nibiki? Byashigajeho hatwawe mu bantu banjye akaryamana n'umugore wawe, ukadushyirishaho. icyaha." 11 Abimeleki yihanangiriza abantu be bose ati "Uzakura uyu mugabo cyangwa umugore we ntazabura gucirwaho iteka."

12 Isaka abiba muri icyo gihugu, muri uwo mwaka yeza ibirutaho incuro ijana. Uwitete amuha umugisha. 13 Uwo mugabo aba umukire, agenda arushaho, ageza aho yabereye umukire cyane. 14 Yari afite imikumbi n'amashyamba n'abagaragu benshi, atera Abafilisitiya ishyira. 15 Amariya yose abagaragu ba se bafukuye, Aburahamu se akirihwo, Abafilisitiya bari bayashyirishije ibitaka.

16 Abimeleki abwira Isaka ati "Genda utweme, kuko uturuta cyane." 17 Isaka avayeho, abamba amahema ye mu gikombe cy'i Gerari, aturayo. 18 Isaka asibiiza amariba bafukuye, Aburahamu se akirihwo, kuko Abafilisitiya bari bayashyirishije, Aburahamu amaze gupfa. Ayita amazina se yayise.

19 Abagaragu ba Isaka bafukura muri icyo gikombe, babonamo. iriba ry'amazi adububiza. 20 Abashumba b'i Gerari batonganira ayo mazi n'aba Isaka, bati "Ni ayacu." Isaka yita iryo riba Eseki, kuko bamugishije impaka.

21 Bongera gufukura irindi riba, na ryo bararitonganira, aryita Sifina. "Avayeho afukuzwa irindi riba, ryo ntibaritonganira, aryita Rehoboti, aravugaga ati "None Uwitete adushyize ahagutse, natwe tuzorokera muri iki gihugu."

23 Avayo arazamuka, ajya i Berisheba. 24 Uwitete amubonekera iryo joro aramubwira ati "Ndi Imana ya so Aburahamu, ntutinye kuko uri kumwe nanjye, kandi nzaguhaha umugisha, ngwize urubyarwo rwawe ngiriyeho umugaragu wanjye Aburahamu." 25 Yubakaye igicaniro, yambaza izina ry'Uwitete, abambaye ihema rye, kandi abagaragu ba Isaka bahafukura n'iriba.

26 Maze Abimeleki ava i Gerari, ajyana aho ari na Ahuzati incuti ye, na Fikoli umutware w'ingabo ze. 27 Isaka arababaza ati "Ni iki kibazanyeho aho ndi kandi munyanga, mwaranyirukanyeho aho muri?"

28 Baramusubiza bati. "Twabonye neza yuko Uwitete ari kumwe nawe, turavugaga tuti 'Dushyire indahiro hagati yacu nawe, kandi dusezerane nawe' yuko utazatugirira nabi, nk'uko natwe tutakwakuye, ahubwo twakugiriyeho neza gusa, tugusezeraho amahoro." None uhiriye ku Uwitete." 3 Nuko Isaka abatekera ibyokurya bararya, baranyaba. 31 Bazinduka kare bararahiranyaga, Isaka arabazereza bamusiga amahoro.

32 Kuri uwo muni abagaragu ba Isaka baraza, bamubwira ibyiriba bafukuye, bati "Tubonye amazi." 33 Aryita Sheba. Ni cyo gituma uwo mudugudu witwaga Berisheba na bugingo n'ubu.

34 Esawu amaze imyaka mironko ine avutse arongora Yudit mwene Beri Umuheti, na Basemati mwene Eloni Umuheti... 35 bababaza imitima ya Isaka na Rebeka.

Rebeka yoshya Yakobo kuriganya se
27 Isaka ashaje, amaso ye amaze kuba ibirororori, ahamagara irimpfura ye Esawu ati "Mwana wanjye." Aritaba ati "Karame."

2 Aramubwira ati "Dore ndi umusaza, sinzi igihe nzapfira. 3 None ndakwinginze, enda ibyonyo uhigisha, ikirimba cyawe n'umuheto wawe, uyje mu ishyamba umpigireyo umuhigo, 4 untekere inyama ziryoshye nk'izo nkunda, uzinzanire nzirye mbone kuguhesha umugisha ntarapfa."

5 Rebeka yumva Isaka abwira umwana we Esawu. Esawu ajya mu ishyamba guhiga, ngo ahigurire se umuhigo. 6 Rebeka abwira Yakobo umwana we ati "Numvise so abwira Esawu mwene so ati 7 Mpigurira umuhigo, untekere inyama ziryoshye nzirye, nguheshereze umugisha mu maso y'Uwitete ntarapfa." 8 Nuko none mwana wanjye, wumvire ibyonyo ngiyeho kugutegeka. 9 Jya mu mukumbi unzanire abana b'ihene beza babiri, nanjye ndabatekera so babe inyama ziryoshye zimeze nk'izo akunda, 10 nave uzishyire so azirye, aguheshe umugisha atarapfa."

11 Yakobo asubiza Rebeka nyina ati "Dore Esawu mukuru, wanjye ni cyoya, jyweweho umubiri wanjye ni umurembe. 12 Ahari data yankorakora, akamenya ko ndi umuriganya, nkizanira umuvumo mu cyimbo cy'umugisha."

13 Nyina aramubwira ati "Mwana wanjye umuvumo wawe ari jye ubaho, nyumvira gusa ugende uzinzanire." 14 Aragenda arazizana azihya nyina, nyina ateka inyama ziryoshye nk'izo se akunda. 15 Rebeka yenda imyambaro myiza ya Esawu impfura ye, iyo yari afite mu nzu, ayambika Yakobo umuhererezi. 16 Kandi ashyira impu z'abo bana b'ihene ku bikonjo bye no ku ijosi rye, aharembekereye. 17 Aha umwana we Yakobo za nyama ziryoshye yatetse n'umutsima yavuze.

Yakobo ahabwira umugisha na se

18 Ajya aho se ari aramuhamagara ati "Data." Aritaba ati "Ndakwitaba. Uri nde mwana wanjye?"

19 Yakobo, asubiza se ati "Ndi impfura yawe Esawu, nkoze ibyonyo wantegutse. Ndakwinginze, byuka urye ku muhigo wanjye, kugira ngo umpeshe umugisha."

20 Isaka abaza umwana we ati "Ni iki kiwukubonesheje vuba utyo, mwana wanjye?"

Aramusubiza ati "Ni uko Uwitete Imana wawe impave ishya."

27.27-29: Heb 11.20 27.29: Itang 12.3

21 Isaka abwira Yakobo ati "Mwana wanjye, igira hino ndakwinginze, ngukorakore, menye yuko uri umwana wanjye Esawu. koko, cyangwa ko utari we." 22 Yakobo yegera Isaka se, aramukorakora aravugaga ati "Ijwi ni irya Yakobo, ariko ibikonjo ni ibya Esawu." 23 Ntiyamenya uwo ari we, kuko ibikonjo bye biriho ubwoya nk'ibya mukuru we Esawu, nuko amuhesha umugisha. 24 Aramubaza ati "Uri umwana wanjye Esawu koko?"

Aramusubiza ati "Ndi we."

25 Aramubwira ati "Wunyegereze, nanjye ndye ku muhigo w'umwana wanjye, kugira ngo nguheshe umugisha." Arawumwegera ararya, amuzanira vino, ashozaho. 26 Se Isaka aramubwira ati "Mwana wanjye, nyegera unsome." 27 Aramwegera, aramusoma, yumva impumuro y'imyambaro ye, amuhesha umugisha ati

"Impumuro y'umwana wanjye, Imeze nk'icyo umurima Uwitete Yahaye umugisha.

"Nuko Imana iguhe ku kime kiva mu ijuru,

No ku mwero w'ubutaka, N'imyaka y'irmpeshe myinshi, Na vino nyinshi.

2. Amoko agukorerere, Amahanga akwibukite imbere, Utware bene so, Bene nyoko bakwibukite imbere. Uzakuvuma wese avumwe, Uzakwifuriza umugisha wese awuhabwe."

Esawu asabana amarira umugisha

30 Isaka arangije guhesha Yakobo umugisha, Yakobo akiva mu maso ya Isaka se, Esawu mukuru we arahiguka. 31 Na we ateka inyama ziryoshye azizanira se, abwira se ati "Data, byuka urye ku muhigo w'umwana wawe, kugira ngo umpeshe umugisha."

32 Isaka se aramubaza ati "Uri nde?" Aramusubiza ati "Ndi umwana wawe w'impfura Esawu."

33 Isaka ahinda umushyitsi mwinshi cyane ati "Ni nde wahize umuhigo akawuzanira, nkaba nariye kuri byose utaraza, nkamuhesha umugisha? Kandi koko azanawuhabwaga."

34 Esawu yumvise amagambo ya se, aboroga umuborogo mwinshi w'umunya-mubabaro abwira se ati "Jye na-ye mpesha umugisha, data wambayeye."

35 Aramusubiza ati "Murumuna wawe yazanye uburiganya, yiba umugisha wawe."

36 Aramubwira ati "Yakobo' ni Yakobo koko, izina ni ryo muntu. Ubu ni ubwa kabiri andiganya, yankuyeho ubware dore none ankuyeho n'umugisha." Arongerera aramubaza ati "HNta mugisha wansigiyeye?"

37 Isaka asubiza Esawu ati "Dore namuhaye kugutwara, na bene se bose nabamuhaye kuba abagaragu be, kandi namugaburiye vino n'imyaka y'impeke. Nagukorera iki, mwana wa-ye?"

38 Esawu abaza se ati "Nta mugisha n'umwe usigiranye data? Jye nanjye mpesha umugisha, data." Esawu araturika ararira.

39 Isaka se aramusubiza ati "Ubuturo bwawe buzaba kure y'umwero w'ubutaka,

Buzaba kure y'ikime kiva mu ijuru.

40 Inkota yawe ni yo izakubeshaho, Kandi uzakorera murumuna wawe Kandi nugoma uzukuraho uburetwa yagushyizeho." a

Esawu ashaka kwica Yakobo

41 Esawu yangira Yakobo umugisha se yamuhesheje. Esawu aribwira ati "Iminsi yo kwiraburira data iri bugufi, ni bwo nzica murumuna wanjye Yakobo."

42 Babwira Rebeka amagambo ya Esawu impfura ye, atumira Yakobo umuherezezi aramuhwira ati "Dore mukuru wawe Esawu agiye kwimarisha agahinda wamuteye kukwica. 43 Nuko rero mwana wanjye nyumvira, haguruka uhungite i Harani kwa Labani musaza wanjye, 44 umarane na we iminsi itari myinshi, ugeze aho uburakari bwa mukuru wawe buzashirira, 45 ugeze aho inzika ya muku-fu wawe izakuviraho akibagirya ibyo wamugiriyeye, maze nzabona kugutumira ugaruke. Ni iki cyatumye mbapfushiriza rimwe mwembi?"

27.36: Itang 25.29-34 27.38: Heb 12.17 27.39-40: Heb 11.20 27.40: Itang 36.8; 2 Abami 8.20 28.4: Itang 17.4-8 28.12: Yoh 1.51 28.13: Itang 13.14-15 z Yakobo risobanurwa ngo Uwinjira undi cyangwa, Uriganya undi.

a Dugoma ... yagushyizeho: mu Ruheburayo byanditswe ngo, "Uzamenya nira yagushyizeho, iva ku ijosi ryawe." Nira ni ikintu kibajwe gitambikwa ku ijosi ry'inka ihingishwa gifatanye n'icyuma ikurura. Reba Lewi 26.13; Gutege 28.48.

46 Rebeka abwira Isaka ati "Ubugingo bwanyje burambiwe ba Baheti-kazi. Yakobo yarongora. Umuheti-kazi nka ba bandi, ubugingo bwanyje bwamariraye iki?"

Isaka yohereza Yakobo i Padanaramu gusabayo umugeni

28 Isaka ahamagara Yakobo amuhesha umugisha, aramwihanangiriza ati "Ntuzarongore Umunyakani-nikazi, Haguruka ujye i Padanaramu kwa Betuweli sogokuri, usabayo umugeni mu bakobwa ba Labani nyokorume. 3 Kandi Imana Ishoborabyose iguhe umugisha, ikororotse ikugwize ube iteraniro ry'ama-hanga, 4 kandi wowe n'urubyarwawe na rwo ibahe umugisha yahaye Aburamu, kugira ngo uragwe igihugu cy'ubusuhuke bwawe, icyo Imana yahaye Aburamu." 5 Isaka yohereza Yakobo, aragenda ajya i Padanaramu, kwa Labani mwene Betuweli Umwaramu, musaza wa Rebeka, nyina wa Yakobo na Esawu.

6 Kandi Esawu abonye yuko Isaka yahesheje Yakobo umugisha, akamwohera i Padanaramu gusabayo umugeni, kandi ko yamwihanangiriyeye akimuhesha umugisha ati "Ntuzarongore Umunyakani-nikazi", 7 kandi ko Yakobo yumviye se na nyina, akajya i Padanaramu, 8 Esawu abona yuko Abanyakani-nikazi batanzeze se Isaka. • Ajya kwa Ishimayeli, asabayo Mahalati umukobwa wa Ishimayeli ya Aburamu, mushiki wa Nebayoti, amuharika. ba bagore afite.

Imana ibonekera Yakobo mu nzizi

10 Yakobo' ava i Berisheba, agenda yerekeje i Harani. 11 Agera ahanu, aharara buracya, kuko izuba ryari rihenze. Yenda ibuye mu mabuye y'aho araryise-gura, aryamaho arasinzira. 12 Ararota, abona urwego rushinzwe hasi rukageza umutwe mu ijuru, abamarayika. b'Imana baruzamukiraho bakarumankiraho. 13 Kandi Uwitete yari ahagaze hejuru yarwo, aramubwira ati "Ndi Uwitete Imana ya sogokuri Aburamu, Imana ya Isaka, iki gihugu uryamyeho nzakiguhira ubwawe n'urubyarwawe, 14 urubyarwawe

ruzahwana n'umukungugu' wo hasi, uzakwira iburengerazuba n'iburazuba n'ikasukazi n'ikusi, kandi muri wowe no mu rubyarwawe ni mo imiryango yose yo mu isi zaherwa umugisha. 15 Dore ndi kumwe nawe, nzakurindira aho uzajya hose, kandi nzakugarura muri iki gihugu, kuko atazagusiga ntarakora ibyo nkubwiye."

16 Yakobo arakunguka aravugaga ati "Ni ukuri Uwitete ari aha hantu, nanjye nari ntabizi." 17 Aratinya aravugaga ati "Erega aha hantu hateye ubwoba! Aha hantu nta kindi ni inzu y'Imana, aha ni ho rembo ry'ijuru."

18 Yakobo azinduka kare kare, yenda ibuye yiseguye, ararishinga ngo ribe inkingi, arisukaho amavuta ya elayo. b 19 Aho hantu ahita Beteli, ariko mbere uwo mudugudu witwaga Luzi. 20 Yakobo ahigamuhigo ati "Imana nibana nanjye, ikandindira muri uru rugendo ngenda, ikajya impa ibyokurya n'ibyo kwambara, 21 Inkazagaruka kwa data amahoro, Uwitete azaba Imana yanjye, 22 n'iri buye nshinze nk'inkingi izaba inzu y'Imana, kandi ku byo uzajya umpa byose, sinzabura kuguha kimwe mu icumi."

Yakobo ajya kwa Labani, atendera Rasheli imyaka irindwi

29 Yakobo akomeza urugendo, agera mu gihugu cy'abanyaburasirazuba. 2 Abona iriba riri mu gasozi, ririho imikumbi y'intama itatu ziyamye, kuko kuri iryo riba buhiriraga imikumbi kandi igitare kigomeye amazi cyari kinini. 3 Aho ni ho imikumbi yose yateraniraga, bagatembagaza cya gitare, bakagikura ku munwa w'iriba, bakuhira intama, bakagisubiza ku munwa w'iriba aho gihora.

4 Yakobo abaza abungeri ati "Bene data murava he?"

Baramusubiza bati "Turi Abanyaharani."

5 Arababaza ati "Muzi Labani mwene Nahori?"

Baramusubiza bati "Turamuzi."

6 Arababaza ati "Araho?"

Baramusubiza bati "Araho kandi dore umukobwa we Rasheli azanye intama."

28.14: Itang 12.3: 22.18

b clayo ni imbuto zigiti zivamo amavuta meza yo gucana no kunywa no kuvura indwara n'inguma. c amaraso ... bwanyije: mu Ruheburayo ni igufwa ryanjye n'umubiri wanjye.

7 Arababwira ati "Dore ntuburira, igihe cy'amahindira ntikirasohora, mwuhire intama mugende muziragire."

8 Baramusubiza bati "Ntitubibasha imikumbi yose itaraterana, bagatembagaza igitare bakagikura ku munwa w'iriba, ni bwo turi bubone kuhira intama."

9 Akivugana na bo Rasheli azana intama za se, kuko ari we uziragira. 10 Nuko Yakobo abonye Rasheli, mwene Labani nyirarume, n'intama za Labani nyirarume, yegera iriba, atembagaza cya gitare, agikura ku munwa w'iriba, yuhira umukumbi wa Labani nyirarume. 11 Yakobo asoma Rasheli, araturika ararira. 12 Yakobo abwira Rasheli yuko ari mwene wabo wa se, ko ari mwene Rebeka, aririkanka abibwira se.

13 Nuko Labani yumvise inkuru ya Yakobo mwishywa we, aririkanka aramusanganira, aramuhohera aramusoma, amujyana iwe. Abwira Labani ibyabaye byose. 14 Labani aramubwira ati "Ni ukuri uri amaraso yanjye n'ubura bwanyije. Abana na we ukwezi kumwe."

15 Labani abaza Yakobo ati "Kuko uri mwene wacu, ni cyo gituma unkorera ku busa? Urashaka ko nzaguhemba iki?" 16 Kandi Labani yari afite abakobwa babiri: umukuru yitwaga Leya, umuto yitwaga Rasheli. 17 Leya yari afite amaso atabengerana, ariko Rasheli... yari mwiza wese, oo mu maso ari heza.

18 Yakobo abunguka Rasheli asubiza Labani ati "Ndagutendera imyaka irindwi, uzanshyingire Rasheli umukobwa wawe muto."

19 Labani aramusubiza ati "Kumugaha biruta kumuha undi muntu wese, gumana nanjye." 20 Nuko Yakobo atendera imyaka irindwi kugira ngo ahabwe Rasheli, imuhwanira n'iminsi mike ku bw'urukundo amukunze.

Labani arabanza amushyiringira Leya

21 Yakobo atebutsa kuri Labani, ati "Nshyiringira umugeni wanjye, murongore kuko ndangije iminsi yanjye." 22 Labani atora abakwe baho bose, arabatekera arabagaburira. 23 Nimugoroba azana Leya umukobwa we aramushyiringira, aramurongora. 24 Labani atanga Zilupa umujya we, amuha umukobwa we Leya ho

indongoranyo. 2SMu gitondo Yakobo abona ari Leya. Abaza Labani ati "Wangize ibiki? Rasheli si we natendeye? Ni iki gitumye undiganya utyo?"

26 Labani aramusubiza ati "Iwacu ntibagenza batyo, gushyingira umuto bawize umukuru. 27 Mara iminsi irinclwi y'uwo, tubone kugushyingira n'uriya iyindi myaka irindwi uzatenda."

Yakobo atendera Rasheli indi myaka irindwi

28 Yakobo abigenza atyo amara iminsi irindwi ya Leya, Labani amushyiringira Rasheli. umukobwa we. 29Kandi Labani atanga Biluha umuja we, amuha Rasheli umukobwa we ho indongoranyo. 30 Yakobo arongora na Rasheli, akundwakaza Rasheli, anyungwakaza Leya, atenda kuri Labani indi myaka irindwi.

31 Uwiteka abona ko Leya anyungwakaye azibira inda ye, ariko Rasheli yari ingumba. 32 Leya asama inQa abyara umuhungu, amwita Rubeni ati "Ni uko Uwiteka yabonye umubabaro wanjye, noneho umugabo wanjye azankunda." 33 Asama indi nda abyara umuhungu ati "Kuko Uwiteka yumvise nyungwaka ye, ni cyo gitumye anyongera n'uyu." Amwita Simeyoni. 34 Asama indi nda abyara umuhungu ati "Noneho ndafatana n'umugabo wanjye, kuko twabanyaranye abahungu batatu." Ni cyo cyatumye yitwa Lewi. 35 Asama indi nda abyara umuhungu ati "Ubu ndashima Uwiteka." Ni cyo cyatumye amwita YudaJ Aba arekeye aho kubyara.

Abaza babyarana na Yakobo

30 Rasheli abonye yuko atabanyaranye na Yakobo agirira mukuru we ishyari, abwira Yakobo ati "Mpa abana, nutabampa simbaho."

2 Rasheli yikongereza uburakari bwa Yakobo aramubaza ati "Ndi mu cyimbo cy'Imana se, ko ari yo yakwimye imbuto iva mu nda yawe?"

d Simeyoni risobanurwa ngo Kumva.

e Lewi risobanurwa ngo Gufatanywa.

f Yuda risobanurwa ngo Ushimirwa.

g Dani risobanurwa ngo Guca Urubanza.

h Nafutali risobanurwa ngo Gukirana.

i Gadi risobanurwa ngo Umugisha.

j Asheri risobanurwa ngo Kwita undi umunyehirwe.

k amadudayimu ni imbuto Abisirayeli bibwiraga yuko uziriye zimukundisha uwazimuhaye, nk'uko bamwe babyibwirira ku nzaratsi.

[Isakari risobanurwa ngo Ibihembo.]

3 Aramusubiza ati "Dore umuja wanjye Biluha umugire inshoreke, kugira ngo abyarire ku mavi yanjye, nanjye mbonere urubyarwo kuri we." 4 Amushyiringira Biluha umuja we, Yakobo amugira inshoreke. 5 Biluha asama inda, abyarana na Yakobo umuhungu. 6 Rasheli aravugaga ati "Imana inciriye urubanza n'atsinda, kandi inyumviye impa umuhungu." Ni cyo cyatumye amwita Dani. 7 Biluha umuja wa Rasheli asama indi nda, abyarana na Yakobo umuhungu wa kabiri. 8 Rasheli aravugaga ati "Nkiranije mwene data gukirana gukabije, ndamutsinda." Amwita Nafutali.^h

9 Leya abonye yuko yarekeye aho kubyara, yenda Zilupa umuja we, amushyiringira Yakobo. 10 Zilupa umuja wa Leya abyarana na Yakobo umuhungu. 11 Leya aravugaga ati "Mbonye umugisha." Amwita Gadi. 12 Zilupa umuja wa Leya abyarana na Yakobo umuhungu wa kabiri. 13 Leya aravugaga ati "Ndahiriwe, kuko abakobwa bazanyita umunyehirwe." Amwita AsherU

14 Mu isarura ry'ingano, Rubeni ajya mu gasozi, abona amadudayimu, ayazanyira nyina Leya. Rasheli abwira Leya ati "Ndakwinginze, mpa ku madudayimu y'umwana wawe."

15 Na we aramusubiza ati "Kuntwara umugabo biroroheje, none urashaka kuntwara n'amadudayimu y'umwana wanjye?"

Rasheli aramusubiza ati "None iri joro arakururira numpa amadudayimu y'umwana wawe."

16 Yakobo nimugoroba aya mu rwuri, Leya arasohoka aramusanganira, aramubwira ati "Ukwiriye kundarira, kuko ntanze amadudayimu y'umwana wanjye ho ibihembo." Amururira iryo joro.

17 Imana yumvira Leya asama inda, abyarana na Yakobo umuhungu wa gatanu. 18 Leya aravugaga ati "Imana impaye ibihembo, kuko nashyinye umugabo wanjye umuja wanjye." Amwita Isakari.ⁱ

19Leya asama indi nda, abyarana na Yakobo umuhungu wa gatandatu. 20Leya aravugaga ati "Imana impaye impano nziza, noneho umugabo wanjye azabana nanjye, kuko twabanyaranye abahungu batandatu." Amwita Zebuluni. 21Hanyuma abyara umukobwa, amwita Dina.

Rasheli abyara Yosefu

22 Imana yibuka Rasheli iramwumvira, izibura inda ye. 23Asama inda abyara umuhungu ati "Imana inkuyeho igitutsi." 24Amwita Yosefu" ati "Uwiteka anyongere undi muhungu."

Yakobo ashaka gusubirayo

25 Nuko Rasheli amaze kubyara Yosefu, Yakobo abwira Labani ati "Nsezerera ngende, njye iwacu mu gihugu cyacu. 26Mpa abagore banjye n'abana banjye nagutenderagaho nigendere, kuko uzi gutenda nagutenzeho."

27 Labani aramubwira ati "Icyampa nkakugiriraho umugisha! Kuko nahanuye yuko ari ku bwawe Uwiteka yampereye umugisha." 2. Ati "Nca ibihembo nzagaha, nzajya mbitanga."

29 Aramusubiza ati "Uzi uko nagutenzeho, kandi uko amatungo yawe yabaye nyaragira. 30Kuko ayo wari ufite ntaraza yari make, none yarorotse aba menshi cyane. Uwiteka yaguhaye umugisha aho naganaga hose, none nzabona ryari ibitungisha urwanjye rugo?"

31 Aramubaza. ati "Nzaguhamba iki?"

Yakobo aramusubiza ati "Nta cyo uzampemba, ahubwo nunkorera iki, nzongera nkuragirire umukumbi, nywuri nde. 32Uyu muni ndaca mu mukumbi wawe wose, nkuremoo intama z'ubugondo zose n'iz'ibitobo. zose n'intama z'ibikara zose, n'ihene z'ibitobo n'iz'ubugondo, izimeze zityo zizaba ibihembo byanjye. 33Gukiranuka kwanjye kuza mbururira gutya hanyuma: nuzi kwitegereza ibihembo byanjye biri imbere yawe, ihene yose itari ubugondo cyangwa igitobo, n'intama yose itari igikara nizimbonekaho, uzazite inyibano."

34 Labani aramusubiza ati "Nkunze ko byaba bityo." 35Nuko uwo muni arobanura amapfizi y'ihene y'ibihuga,

mZebuluni risobanurwa ngo Ubuturo.

n Yosefu risobanurwa ngo Kongeraho.

o nkuremo: cyangwa, nawe ukuremo.

n'inyagazi. z'ubugondo n'iz'ibitobo. zose, ihene yose ifite ibara ry'umweru, n'intama z'ibikara zose, aziha abahungu be. 36Hagati yabo na Yakobo ahashyiriragurugendo rw'iminsi itatu. Yakobo aragira imikumbi ya Labani isigaye.

37 Yakobo yenda uduti tw'imilebeni tubisi, n'utw'imiluzi n'utw'imyarumoni, adushishuraho amabara maremare asa n'imisengo, agaragaza umweru wo kuri two. 3. Ashyira uduti yashishuye ku bibumbiro byo ku mabuga aho imikumbi iri bunywere. Zarindaga uko zije kunywa. 39Imikumbi yarindiraga imbere y'utwo duti, zikabyara iz'ibihuga n'iz'ubugondo n'iz'ibitobo.

40 Yakobo akarobanura izivutse, akerekeranya izo mu mukumbi wa Labani n'iz'ibihuga n'iz'ibikara, agashyira imikumbi ye ukwayo, ntayiteranye n'ya Labani.

41 Kandi uko inziza zo mu mukumbi zirinze, Yako bo yashyiraga twa duti ku bibumbiro imbere y'umukumbi, kugira ngo zitegere hagati yatwo. 42Ariko zaba mbi ntadushyireho, bituma imbi ziba iza Labani, inziza zikaba iza. Yakobo. 43Uwo mugabo agwiza ubutunzi: cyane, agira imikumbi myinshi n'abaja n'abagaragu, n'ingamiya n'indogobe.

Yakobo ahungana n'abagore be n'abana

31 Bukeye Yakobo yumva amagamba y'abahungu ba Labani, ko bavugaga bati "Ibyari ibya data Yakobo yabimwate byose, kandi ku byari ibya data ni ho yakuye ubutunzi afite bwose." 2Yakobo abona yuko Labani atakimureba nk'uko yamurebaga mbere. 3Uwiteka abwira Yakobo ati "Subira mu gihugu cya ba sogokuruzi muri bene wanyu, nanjye nzahana nawe."

4 Yakobo atumira Rasheli na Leya ngo baze mu rwuri, aho umukumbi we uri, 5 ababwirira ati "Nabonye so atakindeba nk'uko yandebaga mbere, ariko Imana ya data ihorana nanjye. 6Namwe muzi yuko nakoreye so, uko nashoye kose. 7Kandi so yagiye andiganya ahindura ibihembo byanjye incuro cumi, ariko Imana ntiyamukundiye kugira icyo antwara. 8Yambwira ati 'Iz'ubugondo ni zo zizaba ibihembo byawe', umukumbi wose ukabyara iz'ubugondo, yambwira

ati 'Iz'ibihuga ni zo zizaba ibihembo byawe', umukumbi wose ukabyara ibihuga. "Uko ni ko Imana yatse so amatungo ye, ikayampa.

10 "Kandi ubwo umukumbi warindaga, nubuye amaso ndota, mbona amapfizi y'ihene yimije umukumbi yari ibihuga n'ubugondo n'ibitobo. 11 Marayika w'Imana ampamagarira mu nzozzi ati 'Yakobo.' Nditaba nti 'Karama.' 12 Arambwira ati 'Ubura amaso urebe, amapfizi y'ihene yimije umukumbi yose, ni ibihuga n'ubugondo n'ibitobo, kuko nabonye ibyo Labani akugirira byose. 13 Ndi Imana, y'i Beteli, aho wasigiyeye amavuta ku nkingi ukampiga umuhigo, hagaruka uve muri iki gihugu usubire mu gihugu wavukiyemo.'"

14 Rasheli na Leya baramubaza bati, "Mu rugo rwa data, hari umugabane cyangwa ibyo tuzaragwa tugifiteyo? "Ntaduhwanya n'ab'ahandi, ko yatuguye akarya ibiguzi byacu? 16 Ubutunzi bwose Imana yatse data ni ubwacu n'abana bacu. Nuko icyo Imana ikubwiyeye cyose ugikore."

17 Yakobo arahaguruka, ashyira abana be n'abagore be ku ngamiya, 18 ayyana n'amatungo ye yose n'ubutunzi bwose yaronse, amatungo yaronkeye i Padanaramu, kugira ngo aye kwa se Isaka mu gihugu cy'i Kanani. 19 Labani yari agiye gukomeza intama ze, maze Rasheli yiba ibishushanyo by'ibigirwamana bya se. 20 Yakobo yiyiba Labani Umwaramu, kuko atamubwiyeye yuko ahunga. 21 Nuko ahungana ibyo afite byose, arahaguruka. yambuka uruzi, agenda yerekeje ku musozi w'i Galeyadi.

Labani akurikira Yakobo amurakariye

22 Ku musizi wa gatatu babwira Labani yuko Yakobo yahunze. 23 Ayyana na bene wabo aramurakariye, amugereraho iminsi irindwi, asanga ari ku musozi w'i Galeyadi. 24 Imana isanga Labani Umwaramu rnu nzozzi nijo To, iramubwira iti "Wirinde, ntugire icyo ubwira Yakobo ari icyiza, ari n'ikibi." 25 Labani afatira Yakobo. Yakobo yari abambye ihema rye ku musozi, Labani na bene wabo na bo bayabamba ku musozi w'i Galeyadi.

26 Labani. abaza Yakobo ati "Icyo wakoze icyo ni iki kunyiyiba, ukajyana

abakobwa banjye nk'abanyagano? 27 Watewe n'iki gihunga rwihishwa, ukanyiyiba, ntumbwire ngo ngusezeresheho ibiganiro by'ibyishirimo, n'indiririmo n'ishako n'inanga, 28 ntunkundire gusoma abuzukuru. banjye n'abakobwa banjye? Wakoze ibyubupfu. 29 Nabasha kugira icyo mbatwara, ariko Imana ya so yambwiye iri joro iti "Wirinde, ntugire icyo ubwira Yakobo ari icyiza, ari n'ikibi." 30 None ubwo ugiye rwose, kuko ukumbuye cyane inzu ya so, ni iki cyatumye wiba imana. zanjye?"

31 Yakobo asubiza Labani. ati "Irya mbere ni uko natinye ko wanyaga abakobwa bawe. 32 Irya kabiri, uwo uri bubonane imana zawe, ntazabeho. Imbere ya bene wacu saka icyawe kiri mu byanjye, ukijyane." Kuko Yakobo yari atazi yuko Rasheli yazibye.

33 Labani yinjira mu ihema rya Yakobo, no mu rya Leya, no mu rya za nshoreke zombi, arazibura. Aya mu ihema rya Leya, yinjira mu rya Rasheli. 34 Rasheli yari yenze bya bigirwamana, abishyira mu matandiko y'ingamiya, ayicaraho. Labani asaka mu ihema hose, arabubura. 35 Rasheli, abwira se ati "Ntundi ndakirire databuja yuko ntahagurukiye, ni uko ndi mu mihango y'abakobwa." Arasaka, abura bya bigirwamana.

36 Yakobo ararakara atonganya Labani aramubaza ati "Nagucumuyeho iki? Nakoze cyaha ki cyatumye unkurikira vuba vuba? 37 None usatse mu bintu byanjye byose, ubonye iki cyo mu rugo rwawe? Kizane hano ugishyire imbere ya bene wacu na bene wanyu, badukiranure. 38 Imyaka makumyabiri twabanye, intama zawe n'ihene zawe n'inyagazi ntizaramburaga, amapfizi y'intama yo mu mikumbi yawe sinayariye. 39 Iyicwaga n'inyamaswa sinakuzaniye, raga ikirira nayishyiraga ku mubare wanjye, wandihishaga izibwe naho haba ku manywa cyangwa nijoro. 40 Nameraganta: ku manywa nicwaga n'umwuma, nijoro nkicwa n'imbeho, ibitotsi bikanguruka. 41 Iyo myaka uko ari makumyabiri nabaga iwawe, nagutendeyeho abakobwa bawe bombi imyaka cumi n'ine, mara imyaka itandatu nkorerera umukumbi, wahinduye ibihembo byanjye incuru: cumi. 42 Iyaba Imana ya data, Imana ya Aburahamu, iyo Isaka yubaha itabanye nanjye,

ntuba warabuze kunsezerera nta cyo mfite. Imana yabonye kugirirwa nabi kwanjye n'umuruho w'amaboko yanjye, iri joro ryakeye iragukangara."

Yakobo na Labani basezerana; Labani asubira iwabo

43 Labani asubiza Yakobo ati "Abakobwa ni abakobwa banjye, n'abana ni abanjye, n'imikumbi ni iyanjye, ibyo ureba ibi byose ni ibyanjye. None nabasha nte kugira icyo ntware abakobwa banjye cyangwa abana babyaye? 44 None jye nawe dusezerane isezerano, ribe umuhama hagati yacu."

45 Yakobo yenda ibuye, arishinga nk'inkingi. 46 Yakobo abwira bene wabo ati "Nimuteranye amabuye." Barayazana, barema igishyamba, basangirira kuri icyo gishyamba. 47 Labani acyita Yegarisahaduta. Yakobo na we acyita Galedi. 48 Labani aravuga ati "Iki gishyamba ni umuhama hagati yacu uyu. muni." Ni cyo cyatumye cyitwa Galedi. 49 Kandi cyitwa na Misipa, kuko Labani yavuye ati "Uwiteka agezure hagati yacu, nituba tutakibonana. 50 Nugirira nabi abakobwa banjye cyangwa nubaharika, nta wundi uri kumwe natwe, dore Imana ni yo muhama hagati yacu." 51 Kandi Labani abwira Yakobo ati "Dore iki gishyamba n'iyi nkingi nshinze hagati yacu. 52 Iki gishyamba kibye umuhama, n'inkingi na yo ibe umuhama, yuko ntazarenga iki gishyamba ngo nze aho uri, nawe ko utazarenga iki gishyamba n'iyi nkingi ngo uze aho ndi, kugirirana nabi. 53 Imana ya Aburahamu, Imana ya Nahori, Imana ya se wa bombi, idukiranure." Yakobo arahira Iyo se Isaka yubaha. 54 Yakobo atambira igitarabo kuri wa musozi, ahagarara bene wabo, arabagaburira barasangira, barara kuri wa musozi buracya.

32 Labani azinduka kare mu gitondo, asoma abuzukuru be n'abakobwa be, abasabira umugisha. Labani aragenda, asubira iwabo.

Abamarayika b'Imana babonekera Yakobo

2 Yakobo akomeza urugendo, abamarayika b'Imana bahura na we. 3 Yakobo ababonye aravuga ati "Aba ni umutwe w'ingabo z'Imana." Yita aho hantu Mahanayimu.

4 Yakobo atuma intumwa ngo zimubanzirize zijye kwa Esawu mwene se mu gihugu cy'i Seyiri, mu ishyamba rya Edomu. 5 Arabategeka ati "Muzabwire databuja Esawu muti 'Umugaragu wawe Yakobo ngo yabanza na Labani, ageza ubu.' 6 Kandi muti 'Afite inka n'indogobe n'imikumbi n'abagaragu n'abaja. None adutumye kuza kubikubwira, databuja, kugira ngo akugirireho umugisha."

Intumwa za Yakobo zimubwira yuko Esawu aza

7 Izo ntumwa zisubirira aho Yakobo ari, zimubwira ziti "Twageze kuri mwene so Esawu, kandi araza kugusanganira, azanye n'abantu magana ane." 8 Yakobo aratinye cyane ahagarika umutima, abantu bari kumwe na we n'imikumbi n'amashyamba n'ingamiya, abigabanyamo imitwe ibiri ati 9 "Esawu yatungukira" ku mutwe umwe akawurimbura, usigaye wakira."

10 Kandi Yakobo ararinbaza ati "Mana ya sogokuru Aburahamu, Mana ya Data Isaka, Uwiteka, ntiwambwiye uti 'Subira mu gihugu cyanyu no muri bene wanyu, nanjye nzakugirira neza?' 11 Ku mhabazi zose n'umurava wose wagiriye umugaragu wawe, sinari nkwiriyeye guhabwaho n'ibyorohere hanyuma y'ibindi, kuko nambutse Yorodani iyi mfite inkoni nsa, none mpindutse imitwe ibiri. 12 Nda kwinginze, unkiye mwene data Esawu, kuko mutinye ngo ataza akanyicana. n'abana na ba nyina. 13 Nawe warambwiye uti 'Sinzabura kukugirira neza, nzahwanya urabyoro rwawe n'umumenyi wo ku nyanja, utabarika.'"

14 Aharara iryo joro, yenda ku byo yari afite ngo abihe Esawu mwene se ho impano: 15 Ihene z'abagazi magana abiri, n'iz'amapfizi makumyabiri, n'intama z'abigazi magana abiri, n'iz'amapfizi makumyabiri, 16 n'ingamiya z'ingore mirongo

32.13: Itang 22.17

P Yegarisahaduta: mu Runyaramaya risobanurwa ngo, 19 ishyamba gihama. Galedi: mu Ruheburayo risobanurwa kimwe na Yegarisahaduta.

r 32.1: Muri Bibiha Yera ya mbere, uyu murongo ni 31.55; bityo 32.1-32 ihwanye na 32.2-33 muri iyi Bibiliya, nk'uko biri mu Ruheburayo.

itatu n'anicanda yazo yonkaga, n'inka mirongo ine n'amapfizi cumi, n'indogobe z'ingore makumyabiri... n'ibyana byazo cumi. 17Abiba abagaragu be, umukumbi wose ukwawo arababwira' ati "Nimunjye imbere, mujye mushyira intera hagati y'umukumbi n'undi...". 18Abwira ugiye imbere ati "Esawu mwene data nimuhura, akakubaza ati 'Uri uwa nde, kandi urajya he, kandi n'ibyo ushoreye ni ibya nde?' 19Maze umubwirer uti 'Ni iby'umugaragu wawe Yakobo, ni impano uhawe databuja Esawu... kandi dore na we ari inyuma yacu.'" 2. Maze abitegeka n'uwa kabiri n'uwa gatatu, n'abakurikiye iyo mikumbi bose ati "Abe ari ko mubwira. Esawu... **nimumubona, 21kandi muti 'Dore n'umugaragu wawe Yakobo ari inyuma yacu.'**" 22 Nuko izo impano zimujya imbere, ahararana iryo joro o'u-mutwe w'abantu... be.

Yakobo akirana na Marayika w'Imana

23 Abyuka. muri iryo joro, ajyana n'abagore be bombi n'inshoreke ze zombi n'abana be uko ari cumi n'umwe, yambuka icyambu cya Yakobi. 24Arabajyana, abambutsa uwo mugezi, yambutsa n'ibyo yari afite byose. 25Yakobo asigarayo wenyine.

Haza umugabo aramukiranyaga, bageza mu museke. 26Abonye nuko atamutsinze, akora ku mutsi wo ku nyonga y'itako rye, umutsi wo ku nyonga y'itako rya Yakobo urareguka bagikirana. 27Uwo mugabo aramubwira ati "Ndekura, kuko umuseke utambitse."

Aramubwira ati "Sinkurekura utampaye umugisha."

28 Aramubwira ati "Witwa nde?"

Aramubwira ati "Ndi Yakobo"

29 Aramubwira ati "Ntucyitwa. Yakobo ukundi, ahubwo uzitwa Isirayeli, kuko wakiraniye Imana n'abantu ukagesha." 3. Yakobo aramubwira ati "Ndakwinginze, mbwira izina ryawe."

Aramubwira ati "Ni iki gitumye umbaza izina ryanjye?" Amuharaye umugisha.

31 Yakobo yita aho hantu Penuweli ati "Ndebesheje Imana amaso, sinapfa." 32Izuba rirasa akirenga Penuweli,

acumbagizwa n'ikibero cyo. 33Ibyo ni byo bituma Abisirayeli batarya umutsi wo ku itako, uri ku kibero; na bugingo n'ubu, kuko wa mugabo yakoze ku mutsi wo ku nyonga y'itako rya Yakobo.

Yakobo yuzura na Esawu; agura ubutaka i Shekemu

33 Yakobo yubura amaso, arebye abona Esawu azanye n'abantu magana ane. Agabanya abana, aha Leya abe, na Rasheli... abe, n'inshoreke zombi abazo. 2Ashyira imbere inshoreke n'abana bazo, akurikizaho Leya n'abana be, basezererwa na Rasheli na Yosefu. 3Maze ubwe abaragaza imbere, yikubita hasi karindwi, arinda agera aho yegereye mwene se. 4Esawu arirukana ajya kumusanganira, aramuhobera begamiranyaga **amajosi, aramusoma. bombi bararira.** 5Esawu yubura amaso abona ba bagore n'abana, aramubaza ati "**Abo muri kumwe bariya ni abahe?**"

Aramubwira ati "Abo ni abana Imana yahereye umugaragu wawe ubuntu bwayo." 6Maze za nshoreke zigira hafi zo n'abana bazo, bikubita hasi. 7Na Leya n'abana be bigira hafi, bikubita hasi, hakurikiraho... Yosefu na Rasheli, bigira hafi, bikubita hasi...

8 Aramubwira ati "Umukumbi twahuye wose ni uw'iki?"

Aramubwira ati "Ni ukugira ngo nkugirireho umugisha, databuja."

9 Esawu aramusubiza ati "Ibyo mfite birahagije. Mwana wa data, ibyo ufite ubyibarire."

10 Yakobo aramubwira ati "Oya ndakwinginze, niba nkugiriyeho umugisha, emera impano nguhaye, kuko mbonye mu maso h'Imana, ukanezererwa." 11 Ndakwinginze, emera impano yanjye bakuzaniye, kuko Imana yampereye ubuntu, kandi mfite ibinkwiriye byose. 12 **Aramugomeraga, arayemera.**

12 Aramubwira ati "Dukomeze urugendo tugende, nanjye ndakujya imbere."

13 Aramubwira ati "Databuja, uzi yuko abana badafite imbaraga kandi ko imikumbi n'amashyamba mfite byonsa, babigendeshaga uruhato, nahwo waba umunsi umwe gusa, byapfa byose. 14Ndakwinginze databuja, ujye imbere y'umugaragu

wawe, nanjye ndagenda buhoro, nk'uko kugenda kw'amatungo nshoreye kuri, kandi nk'uko kugenda kw'abana kuri, ngusange databuja, i Seyiri."

15 Esawu aramusubiza ati "Reka ngusigire bamwe mu bo turi kumwe."

Yakobo aramubaza ati "Ni ab'iki? Nkugirireho umugisha databuja." 16Nuko Esawu uwo muhanga asubiraye, agumya kugenda, ajya i Seyiri. 17Yakobo ajya i Sukoti yubakaye inzu, aciraye amatungo ye ibiriho. Ni cyo cyatumye aho hantu hitwa i Sukoti.'

18 Yakobo asohora amahoro mu mudugudu Shekemu, wo mu gihugu cy'i Kanani, ubwo yavaga i Padanaramu, abamba amahanga imbere y'umudugudu. 19Isambu yabambyeho ihema rye ayigura na bene Hamori; se wa Shekemu, ibice by'ifeza ijana. 'O Yubakaye igicaniro, acyita "Eli E10he Isirayeli."'

Shekemu akinda Dina, umukobwa wa Yakobo

34 Dina umukobwa wa Leya, uwo yabanyaga na Yakobo, arasohoka ajya kugendera abakobwa bo muri icyo gihugu. Shekemu mwene Hamori Umuhungu, umutwaga mukuru w'icyo gihugu aramubona, aramwenda aryamana na we, aramukunda. 2Amamara umutima kuri Dina, umukobwa wa Yakobo, aramukunda, amubwira neza. 3Shekemu abwira se Hamori ati "Nsabira uyu mukobwa."

5 Yakobo yumva yuko Shekemu yononye Dina umukobwa we, abahungu be bari mu matungo mu rwuri, Yakobo araceceka, ageza aho baziye. (Hamori se wa Shekemu aragenda ngo ajye kujya inama na Yakobo. 7Bene Yakobo babyumvise bava mu rwuri barataha. Barababwira kandi barakurakuraga cyane, kuko yakoreye ikizira mu Bisirayeli, ari cyo kuryamana n'umukobwa wa Yakobo bidakwiriye gukorwa. Hamori ajya inama na bo ati "Umutima w'umuhungu wanjye Shekemu wigombye umukobwa wanyu, ndabinginze, mumushyirire. 9Kandi mushyirirane natwe, mudushyirire abakobwa banyu, namwe murongore abakobwa bacu. 10Kandi muzaturana natwe, igihugu kizaba imbere yanyu ngo mujye

aho mushaka, mugituremo, mugitundemo. mukironkemo ibintu."

11 Shekemu abwira se wa Dina na basaza be ati "Mbagirireho umugisha, icyo muzanza cyose nzakibaha. 12Inkwanon'impano muzanyaka uko bizangana kose, nzabibaha uko mubinyatse, ariko munshyirire uwo mukobwa."

Basaza ba Dina bicisha Shekemu n'abe uburiganya

13 Bene Yakobo basubizanyaga uburiganya Shekemu na Hamori se, kuko yononye Dina mushiki wabo. 14Baramubwira bati "Ntitwabasha gushyirira mushiki wacu umuntu utakebwe, kuko ibyo byadutera isoni. 15Icyatuma twemera ibyo ni kimwe gusa, ko muba nka twe, ngo umugabo wese wo muri mwe akebwe. 16Ni ho tuzabashyirira abakobwa bacu, tukarongora abakobwa banyu, tugaturana, tukaba ubwoko bumwe. 17Ariko nimutatwumvira ngo mukebwe, tuzajyana umukobwa wacu twigendere."

18 Amagambo yabo anezeza Hamori na Shekemu mwene Hamori. 19Uwo muhungu ntiyatindiganya kubikora kuko yanezererwaga umukobwa wa Yakobo, kandi Shekemu yari afite icyubahiro kiruta icy'ab'inzu: ya se bose.

20 Hamori na Shekemu umuhungu we bajya mu marembo y'umudugudu wabo, bajya inama n'abagabo bo mu mudugudu bati 21"Abo bantu ntibashakira kurwana natwe, nuko bature mu gihugu bagitundemo kuko igihugu ari kigari bakagikwirwamo, turongore abakobwa babo, tubashyirire abacu. 22Ariko icyatuma batwumvira bakemera guturana natwe tukaba ubwoko bumwe ni iki gusa: ni uko umugabo wese wo muri twe akebwa nk'uko bo bakebwa. 23Mbere inka zabo n'ibintu byabo n'amatungo yabo yose n'ibizaba ibyacu? Tubemerere gusa, na bo bazaturana natwe." 24Hamori na Shekemu umuhungu we, bumvirira n'abavaga mu irembo ry'umudugudu wabo bose, umugabo wese arakebwa, uwavaga mu irembo ry'umudugudu wabo wese.

25 Maze: ku murli wa gatatu, barushijeho kubabwira, bene Yakobo babiri, Simeyoni na Lewi, basaza ba Dina, benda

33.19: Yos 24.32; Yoh 4.5

4 Sukoti risobanurwa ngo Ibiraro cyangwa Ingando.

5 Eli Elohe Isirayeli risobanurwa ngo Imana ni yo Mana ya Isirayeli.

inkota zabo; batera umudugudu gilunguro, bica abagabo. bo muri wo bose. 26Bicisha Hamori na Shekemu umuhungu. we inkota, bakura Dina mu nzu ya Shekemu, baragenda. 27Bene Yakobo bacuza intumbi, basahura mu mudugudu, babahora konona mushiki wabo. 28Banyaga imikumbi yabo. n'amashyo yabo. n'indogobe zabo, n'ibinlu byari mu mudugudu n'ibyo mu gasozi. 2. banyaga ubutunzi bwabo bwose, bafata mpiri abana babo bose n'abagore babo, n'ibyari mu mazu yabo. byose.

30 Mazé Yakobo abwira Simeyoni na Lewi ati "Mumpagaritse umutima, kuko mutumye nangwa urunuka na bene igihugu, Abanyakanani n'Abafenzi, kandi umubare wacu ari muke, bazaterana bose bantere, nanjye nzarimbukana. n'inzu yanjye."

31 Barámubaza bati "Bikwiriye ko agirira mushiki wacu atyo, nk'aho yari maraya?"

Rasheli apfa, amaze kubyara Benyamini

35 Imana ibwira Yakobo iti "Haguruka uzamuke, uje i Beteli ulureyo, wubakireyo igicaniro Imana yakubonekaye, ubwo wahungaga Esawu mwene so."

2 Maze Yakobo abwira abo mu rugo rwe n'abo. bari kumwe bose ati "Mukureho imana z'abanyamahanga ziri muri mwe, mwiziriye mwambare indi myenda, duhaguruke tuzamuke lujye i Beteli, nanjye nzubakiraye igicaniro Imana, yanyumviye ku muñsi w'umubabaro wanjye, kandi yagendanaga nanjye mu nzira nagenzemo." 4 Baha Yakobo imana z'abanyamahanga zose bari bafite, n'impeta zari mu matwi yabo, Yakobo abihisha muni y'igiti cyitwa umwela cyari hafi y'i Shekemu.

5 Baragenda, Imana itera ubwoba imidugudu ibagose, ntibakurikira bene Yakobo. 6 Nuko Yakobo asohora i Luzi ni yo Beteli, iri mu gihugu cy'i Kanani we n'abanlu bose bari kumwe. Yubakayo igicaniro, yita aho hanlu "Elj Beteli", kuko ari ho Imana yamwihishuririyeye, ubwo yahungaga mwene se. 8 Kandi Debora

wareraga Rebeka arapfa, bamuhamba he-pfo y'i Beteli muni y'igiti cyitwa umwaloni, bacyita. Alonibakuti. u

9 Imana yongera kubonekera Yakobo agarutse avuye i Padanaramu, imuha umugisha. 10 Imana iramubwira iti "Witwa Yakobo, ntuzitwa Yakobo, ukundi, ahubwo Isirayeli. ni ryo rizaba izina ryawe." Nuko imwita Isirayeli. 11 Imana iramubwira iti "Ndi Imana Ishoborabyose, woroke ugwire, ishyanga n'iteraniro ry'amoko bizagukomokaho, abami bazakomoka mu rukiryi rwawe, 12 kandi igihugu nahaye Aburahamu na Isaka nzakiguha nawe, n'urubyaro rwawe ruzakurikiraho nzarugihira." 13 Imana imusiga aho bavuganiraga, irazamuka. 14 Yakobo ashingira inkongi y'amabuye aho yavuganiraga na yo, ayisukaho iluro ry'ibykunywa, ayisukaho n'amavuta ya elayo. 15 Yakobo yita aho hanlu yavuganiye n'Imana Beteli.

16 Bava i Beteli baragenda, bari bashigaje akarere bakagera muri Efurata, Rasheli. araramukwa, aragumirwa. 17 Kandi akigumwe umubuyaza aramubwira ati "Witinya, kuko uri bubyare undi muhangu." 18 Kandi mu ipfa rye, ubugingo bwe buri mu igenda, yita umwana Benoni, ariko se amwita Benyamini. v

19 Rasheli arapfa, bamuhamba mu nzira ijya muri Efurata, ni ho Betelehemu. 20 Yakobo ashingira inkongi ku gituro cye, ari yo nkingi y'igiluro cya Rasheli ikirihwa na bugingo n'ubu. 21 Isirayeli aragenda, abamba ihema hirya y'inzu ndende y'amatafari, yo muri Ederi.

Bene Yakobo (1 Ngoma 2.1-2)

22 Kandi Isirayeli agituye muri icyo gihugu, Rubeni aflagenda asambana na Biluha inshoreke ya se, Isirayeli arabimanya.

Abahungu ba Yakobo bari cumi na babiri. 23 Aba Leya ni Rubeni impfura ya Yakobo, na Simeyoni na Lewi na Yuda na Isakari na Zebuluni, 24 abashigira ni Yosefu na Benyamini, 25 ababwira umujya wa Rasheli, ni Dani na Naftali, 26 ababwira Zilupa umujya wa Leya, ni Gadi na Asheri.

35.1: Itang28.11-17 35.10: I'oog32.28 35.11-12: I'ang 17.4-8 35.14-15: I'ang28.18-19 ~5.22: Itang 49.4

u Alonibakuti risobanutwa ngo umwaloni w'iririro. Umwaloni n'umwela n'umwelonu ni amazina y'igiti kinini kimwe.

v Benoni risobanurwa ngo Umwana w'urubabaro wanjye. Benyamini risobanurwa ngo Umwana w'ukuboko kwanjye kw'iburyo.

Abo ni bo bahungu ba Yakobo yabyariye i Padanaramu.

27 Yakobo agera kwa se Isaka i Marhure kuri Kiriyati Aruba ni ho Heburoni, aho Aburahamu na Isaka baturaga. 28 Imini Isaka yaramye ni imyaka ijana na mirongo inani. 29 Isaka umwuka urahera arapfa, asanga bene wabo ageze mu za bukuru, Esawu na Yakobo abana be baramuhamba.

Abuzukuruza ba Esawu (1 Ngoma 1.34-37)

36 Uru ni rwo rubyaro rwa Esawu, ni we Edomu. 2 Esawu yarongoye Abanyakani nikazi, Ada umukobwa wa Eloni Umuheti, na Oholibama umukobwa wa Ana, mwene Sibeyoni Umuhivi, 3 na Basemati umukobwa wa Ishimayeli, mushiki wa Nebayoti. 4 Ada abyarana na Esawu Elifazi, Basemati abyara Reweli, 5 Oholibama abyara Yewushi na Yalamu na K6ra. Abo ni bo bahungu ba Esawu, yabyariye mu gihugu cy'i Kaniini.

6 Esawu ajyana abagore be, n'abahungu be n'abakobwa be, n'abantu bose bo mu rugo rwe, n'inka ze n'amatungo ye yose, n'ibintu bye byose yarenkeye mu gihugu cy'i Kaniini, aya mu kindi gihugu ngo atandukane na mwene se Yakobo. 7 Kuho ubulunzi bwabo bwari bwinshi bugatuma badashobora guturana, igihugu cy'ubushuke bwabo nticyabakwiraga ku bw'amatungo yabo. 8 Esawu atura ku musozi Seyiri, Esawu ni we Edomu.

9 Uru ni rwo rubyaro rwa Esawu, sekuruza w'Abedomu bo ku musozi Seyiri. 10 Bene Esawu aya ni yo mazina yabo: Elifazi mwene Ada muka Esawu, na Reweli mwene Basemati muka Esawu. 11 Bene Elifazi bari Temani na Omari, na Sefo na Giitarnu na Kenazi. 12 Kandi Timuna yari inshoreke ya Elifazi mwene Esawu, abyarana na Elifazi Amaleki. Abo ni bo buzukuru ba Ada, muka Esawu. 13 Kandi aba ni bo bene Reweli: Nahati na Zera, na Shama na Miza. Abo ni bo buzukuru ba Basemati muka Esawu.

14 Kandi aba ni bo bene Oholibama muka Esawu, umukobwa wa Ana mwene Sibeyoni: abyarana na Esawu Yewushi na Yalamu na K6ra.

15 Aba ni bo batware bakomotse mu bahungu ba Esawu. Bene Elifazi impfura

35.27: Itang 13,18 36,2: Itang 26.34 36,3: Itang 28.9

ya Esawu ni aba: umutware Temani, n'umutware Omari, n'umutware Sefo, n'umutware Kenazi, 16 n'umutware K6ra, n'umutware Gatamu, n'umutware Amaleki. Abo ni bo batware bakomotse kuri Elifazi mu gihugu cya Edomu, abo ni bo buzukuru ba Ada.

17 Kandi aba ni bo bene Reweli. mwene Esawu: umutware Nahati, n'umutware Zera, n'umutware Shama, n'umutware Miza. Abo ni bo batware bakomotse kuri Reweli. mu gihugu cya Edomu, abo ni bo buzukuru ba Basemati muka Esawu.

18 Kandi aba ni bo bene Oholibama muka Esawu: umutware Yewushi, n'umutware Yalamu, n'umutware K6ra. Abo ni bo batware bakomotse kuri Oholibama: muka Esawu umukobwa wa Ana. 19 Abo ni bo bo mu nda ya Esawu, abo ni bo batware babo, uwo ni we Edomu.

Urubyaro rwa Seyiri (1 Ngoma 1.38-42)

20 Aba ni bo bene Seyiri Umuhori, bene icyo gihugu: Lotani na Shobali, na Sibeyoni na Ana, 21 na Dishoni na Eseri na Dishani. Abo ni bo batware bavuye mu Bahori, abana ba Seyiri bo mu gihugu cya Edomu.

22 Bene Lotani bari Hori na Hema-mu, mushiki wa Lotani yari Timuna.

23 Kandi aba ni bo bene Shobali: Alivani na Manahati, na Ebalu na Shefo na Onamu.

24 Kandi aba ni bo bene Sibeyoni: Ayiya na Ana. Ana uwo ni we wabonye amashyamba mu butayu, akiragira indogobe za se Sibeyoni. 25 Kandi aba ni bo bene Ana: Dishoni na Oholibama, umukobwa wa Ana. 26 Kandi aba ni bo bene Dishoni: Hemudani na Eshibani, na Yitirani na Kerani.

27 Kandi aba ni bo bene Eseri: Biluhani na Zavani na Yakani.

28 Kandi aba ni bo bene Dishani: Usi na Arani.

29 Kandi aba ni bo batware bavuye mu Bahori: umutware Lotani, n'umutware Shobali, n'umutware Sibeyoni, n'umutware Ana, 30 n'umutware Dishoni, n'umutware Eseri, n'umutware Dishani. Abo ni bo batware bavuye mu Bahori, nk'uko abatware babo bari mu gihugu cy'i Seyiri.

Abami ba Edomu
(1 Ngoma 1.43-54)

31 Kandi aba ni bo bami bimaga mu gihugu cya Edomu, hatarimo uwami mu Bisirayeli... 32Bela mwene Beyori yimye Edomu, ururambo rwe rwitwa Dinihaba. 33Bela atanze, Yobabu mwene Zera w'i Bosira yima amukurikiye. 34Yobabu ataziye, Hushamu wo mu gihugu cy'Abatamani yima amukurikiye. 35 Hushamu atanze, Hadadi mwene Bedadi, waneshereje Abamidiyani... mu ishyamba ry'i Mowabu yima amukurikiye, ururembo rwe rwitwa Aviti. 36Hadadi atanze, Samula w'i Masireka yima amukurikiye. 37 Samula atanze, Sawuli w'i Rehoboti... ihereranye na rwa ruzi, yima amukurikiye. 38 Sawuli atanze, Balihanani, mwene Akibori, yima amukurikiye. 39Balihanani mwene Akibori atanze, Hadadi yima amukurikiye, ururembo rwe rwitwa Pawu. Umugore we yitwa Mehetabeli, umukobwa wa Matiredi, umukobwa wa Mezahahu.

40 Aya ni yo mazina y'abatware bakomotse kuri Esawu nk'uko imiryango yabo iri, nk'uko ibihugu byabo biri, nk'uko amazina yaho ari: **umutware Timuna**, n'umutware. Aliva, n'umutware Yeteti, 41 n'umutware **Oholibama**, n'umutware **Ela**, n'umutware **Pinoni**, 42 n'umutware **Kenazi** n'umutware **Temani**, n'umutware Mibusari, 43 n'umutware Magidiyeli, n'umutware Iramu. Abo ni bo batware ba Edomu nk'uko ubuturo... bwabo bwari buri mu gihugu cya gakondo yabo. Uwo ni we Esawu, sekuruza w' Abedomu.

Yosefu atoneshwa na se, bene se bamugirira ishyari

37 Yakobo aba mu gihugu cy'ubusuhuke bwa se, ni cyo gihugu cy'i Kanani. 2Uru ni rwo rubyaro rwa Yakobo.

Yosefu amaze imyaka cumi n'irindwi avutse yaragiranaga na bene se intama, mu busore bwe yabanaga na bene Biluha na bene Zilupa baka se, akajya abarira se inkuru y'ibibi bakora.

3 Isirayeli atonesha Yosefu, amukunda birusha iby'abana, be bose kuko ari we yabyaye ashaje, amudodeshereza ikarizuru ndende. 4 Bene se bamenya yuko se amukunda birusha ibyabo bose baramwanga, **ntibajya** bagira ineza hamubwira.

37.11: Ibyak 7.9

wndende: cyangwa, y'amabara.

5 Yosefu arota inzosi azirotorera bene se, barushaho kumwanga. 6 Arababwira ati "**Ndabingize nimwumve inzosi narose**: ngo twahambiraga imiba mu murima, umuba wanjye urahagarara urema, iyanyu miba ikikiza uwanjye, iwikubita imbere."

8 Bene se baramubaza bati "Ni ukuri wowe uzaba uwami wacu? Ni ukuri wowe uzadutwara?" Izo nzosi ze n'ayo magambo ye bituma barushaho kumwanga.

9 Yongerera kurota izindi nzosi, azirotorera bene se ati "Nongeye kurota izindi nzosi: ngo izuba n'ukwezi n'inyenyeri cumi n'imwe binyukuhise imbere."

10 Azirotorera se na bene se, se aramucyaha aramubaza ati "Izo nzosi ni izizi ki? Ni ukuri jye na nyoko na bene so tuzaza twikubite hasi imbere yawe?" 11 Bene se bamugirira ishyari, ariko se aya yibuka ayo magambo.

Bene se ba Yosefu bamugurisha

12 Bene se baja kuragirira umukumbi wa se i Shekemu. 13 Isirayeli abwira Yosefu ati "Bene so ntibaragiriye umukumbi i Shekemu? Ngwino ngutume kuri bo."

Aramusubiza ati "Ntuma."

14 Arambwira ati "Genda umenye yuko bene so ari amahoro, n'umukumbi yuko uri amahoro, maze ugaruke umbwira." Nuko aramutuma, aya mu gikombe cy'i Heburoni, agera i Shekemu. 15 Umugabo amubona azerera mu gasozi, uwo mugabo aramubaza ati "**Urashaka iki?**"

16 Aramusubiza ati "Ndashaka bene data, ndakwinginze mbwira aho baragiye."

17 Uwo mugabo aramusubiza ati "Baragiye kuko numvise bavuga bati. 'Tujye i Dotani.'" Yosefu akurikira bene se, **abasanga i Dotani.**

18 Bamwitegere... akirir kute, bamugira inama yo kumwica atarahigira hafi. 19 Baravugana bati "Dore Karosi araje. 2. Nuko niruze tumwice, tumajugunye mu rwoborumwe muri izi zacukuriwe kubika, amazi, tuzavuge tuti 'Inyamashya y'inkazi yaramura'ye, tuzamenya inzosi ze, uko zizaba."

21 Rubeni arabyumva aramubakiza, arabahwira ati "**Twe kumuhwanya.**" 22 Kandi ati "**Mwe kuvusha amaraso**, ahubwo mumujugunye muri uru rwobo

ruri mu butayu, ariko amaboko yanyu ye kumubaho." Kwari ukugira ngo amubakize, amububize se. 23 Yosefu ageze kuri bene se, bamwambura ya kanzu ndende, 24 baramufata bamujugunya muri rwa rwobo, kandi rwarimo ubusa nta mazi yari arurimo.

25 Bicazwa no kurya umutsima, buye amaso babona itara ry' Abishimayeli bavuye i Galeyadi, bagenda bafite ingamiya zihetse imibavu n'umuti womora n'ishangi, babijyana muri Egipta. 2. Yu da abwira bene se ati "Kwica mwene data no guhisha amaraso ye byatumarira iki? 27 Niruze tumugure na bariya Bishimayeli, amaboko yacu ye kumubaho kuko ari mwene data, tukaba akara kamwe." Bene se baramwumyira. 2. Hahita Abamidiyani batundaga, bakurura Yosefu, bamukura muri rwa rwobo bamugura na ba Bishimayeli. ibice byifeza makumyabiri. Bajyana Yosefu muri Egipta.

29 Rubeni agaruka kuri rwa rwobo, asanga Yosefu atarimo, ashishimura imyenda ye. 30 Asubira kuri bene se arababwira ati "Umwana ntakirimo, nanjye ndajya he?"

31 Benda ya kanzu... ya Yosefu, babiiga isekurume y'ihene binika ikanzu mu maraso yayo, 32 bohereza ya kanzu ndende, bategeka ko bayijyana kwa se, bamutumaho bati "Twabonye iyi, none umenye ko yaba ikanzu y'umwana wawe cyangwa ko atari yo."

33 Arayimenya aravuga ati "Ni ikanzu y'umwana wanjye, inyarnaswa y'inkazi, yaramura nta gushidikanya, Yosefu yatanayaguye na yo." 34 Yakobo ashishimura iriyenda ye, akenyera ibigunira, amara iminsi myinshi ababaye yiraburiye umwana we. 35 Abahungu be bese n'ababobwa be bese barahaguruka ngo bamunare umubabaro, ariko yanga kumwira umubabaro ati "Nzarinda nsanga umwana wanjye ikuzimu nkirira." Nuko se aramuririra.

36 Ba Bamidiyani bajyana Yosefu muri Egipta, bamuguriraye na Potifari, umutware wa Farawo, watwaraga abamurinda.

Yuda abyara Peresi kuri Tamari, umukazana we

38 Muri icyo minsi Yuda ava muri bene se, aramanuka, acumbika ku Munyadulamu witwaga Hira. 2 Yuda

37.28: Ibyak 7.9

abonyo umukobwa wa Shuwa Umunya-kaniini, aramujyana aramurongora. 3 Asama inda abyara umuhungu, amwita Eri. 4 Yongerera gusama indi nda ayibyarimo umuhungu, amwita Onani. 5 Yongerera kubyara undi muhungu amwita Shela, Yuda ubwo yamubyaraga yari i Kezibu.

6 Yuda asabira impfura ye Eri umukobwa witwaga Tamari. 7 Eri impfura ya Yuda, yari umunyabyaha mu maso y'Uwiteka, aramwica. • Yuda abwira Onani ati "Hungura muka mwene so, nk'uko bikwiriyemo umugabo wabo, ukikure mwene so." 9 Onani amenya yuko umwana atazaba uwe, nuko aryamanye na muka mwene se ashira intanga hasi kugira ngo adacikurira mwene se. 10 icyo yakozeho icyo cyari kibi mu maso y'Uwiteka, na we aramwica. 11 Mazé Yuda abwira Tamari umukazana we ati "**Guma ruru nzu ya so** uri umupfakazi, ugeze aho umwana wanjye Shela azakurira." Kuko yibwiraga ati "Na we ye gupfa nka bene se." Tamari aragenda, aguma mu nzu ya se.

12 Hashize iminsi, umukobwa wa Shuwa muka Yuda, arapfa. Yuda amaze kumwerera, arazamuka aya i Timuna, aho abagaruye be bakemuriraga intama ze, we n'incuti ye Hira Umunyadulamu. 13 Babwira Tamari bati "Sobukwe arazamutse, agiye i Timuna gukemuza intama ze." 14 Yiyambura imyenda y'ubupfakazi, yitwikira umwenda mu mutwe arisesiira, yicara mu marembo ya Enayimu yo ku nzira ijya i Timuna, kuko yabonye Shela amaze gukura, ntibamumuhe ngo amuhungure.

15 Yuda amubonye agira ngo ni maraya, kuko yari yitwikiriye mu maso. Atambikira aho ari iruhande rw'inzira; aramubwirira ati "Ndakwinginze turayamane." Kuko yari atazi ko ari umukazana we.

Aramubaza: ati "Niturayamana urampa gisasuro ki?"

17 Aramusubiza ati "Ndakoherereza umwana w'ihene wo mu mukumbi."

Aramubaza ati "Urampa ingwate kuze aho uzawoherereza?"

18 Na we aramubaza ati "Ndaguha ingwate ki?"

Aramusubiza ati "Mpa impeta yawe iriho ikimenyetso, n'umuguzi wayo n'inkoni witwaje." Arabimuha, barayamane amutwika inda. 19 Arahaguruka aragenda,

iyambura umwenda wo mu mutwe, yambara imyenda ye y'ubupfakazi.

20 Yuda yohereza wa mwana w'ihene, awuhaye wa Munyadulamu incuti ye, ngo uwo mugore amushyiraye za ngwate, aramubura. 21 Abaza abagabo bo mu mudugudu yarimo ati "Maraya uwo ari he, wari Enayimu iruhanle TW'inzira?"

Baramusuhiza bati "Nta maraya wari aha."

22 Asubira aho Yuda ari aramubwira, ati "Ntawe nabonye, kandi abaho bambwiye ngo 'Nta maraya wari uhari.'"

23 Yuda aramusubiza ati "Nabyijyanire twe gukorwa n'isoni. dore nohereje uyu mwana w'ihene maze uramubura."

24 Hashize amezi nk'atatu, babwira Yuda bati "Tamari umukazana wawe yarasambanye, kandi afite inda y'ubusambanyi."

Yuda arababwirira ati "Mumusohore bamutwike."

25 Bakimusohora atuma kuri sebu-kwe ati "Nyar'ibi bintu ni we wantwitse inda." Kandi ati "Ndakwinginze, menya nyar'ibi: impeta iriho ikimenyetso n'imigozi yayo n'inkoni."

26 Yuda yemera ko ari ibye ati "Andushije gukiranuka, kuko ntamuhaye Shela umwana wanjye." Ntiyongera kuryamana na we ukundi.

27 Nuko mu iramukwa rye, impanga zari mu nda ye. 28 Akiramukwa, umwe hahinguka igikonjo cye, umubyaza aragifata ahambiraho urudodo rutukura ati "Uyu ni we mpfura." 29 Ashubijeyo igikonjo cye uwari inyuma aravuka, umubyaza aravuga ati "Dore uko usatuye uku! Gusatirira kwawe kukubeho!" Ni cyo cyatumye bamwita. Peresi. 30 Hanyuma mwene se aravuka, wari ufite urudodo ruhambiriye ku gikonjo, bamwita Zera.

Nyirabuja wa Yosefu amwoshya gusambana na we, aranga

39 Yosefu bamujyana muri Egipta. Potifari Umunyegiputa, umutware wa Farawo watwaraga abamurinda, amugira n' Abishimayeli bamuzanyeyo. 2 Uwitwika aba kumwe na Yosefu, agira ukuboko kwiza, aba mu nzu ya shebujya Umunyegiputa. 3 Shebujya abona yuko Uwitwika ari kumwe na we, kandi ko

39.2: Ibyak 7.9

y Peresi risobanurwa ngo Gusatura.

Uwitwika yamuhaye kugira ukuboko kwiza ku cyo akoze cyose. 4 Yosefu amugiriraho umugisha aba ari we akorera ubwe, amugira igisonga cy'urugo rwe rwose. amubitsa ibyo atunze byose. 5 Uhereye igihe yamugiriye igisonga cy'urugo rwe n'icy'ibintu byose byose, Uwitwika aha umugisha ufugoye rw'uwu Munyegiputa ku bwa Yosefu, umugisha w'Uwitwika uba ku byo atunze byose, ibyo mu rugo n'ibyo mu mirima no mu gasozi. 6 Abitsa Yosefu ibyo atunze byose, mu byo amubikije ntiyagira ikindi azenzura, keretse kwita ku byo yajyaga aya. Yosefu yari mwiza wese, afite mu maso heza. 7 Hanyuma y'ibyo, nyirabuja abunguka Yosefu, aramubwira ati "Turyamane." 8 Maze ariyanjira, abwira nyirabuja ati "Dore databuja ntazenzura ibyo mukubikije byo mu rugo, ndetse ambikije ibyo atunze byose. 9 Muri uru rugo nta wurundutamo, kandi nta cyo yasize ngo akinyime keretse wowe, kuko uri umugore we. None nabasha nte gukora icyaha gikomere gityo, ngacumura ku Mana?" 10 Akajya abibwira Yosefu uko bukeye ntamwumvire, ngo ariyamane na we cyangwa abane na we.

11 Bukeye yinjira mu nzu gukora umurimo we, ari nta bandi bagabo bo mu nzu barimo. 12 Uwo mugore afata umwenda we aramubwira ati "Turyamane." Amusigira umwenda we arahunga, arasohoka. 13 Abonye yuko amusigiyeye umwenda we agahunga agasohoka, 14 hamagara abagabo bo mu nzu ye arababwirira ati "Dore yatuzaniye Umuheturayo wo kudusekana agasuzuguro; yanyegereye ngo ariyamane nanjye atabarisha ijwi riranga, 15 maze yumvise nteye hejuru ntabaje, asiga umwenda we iruhande rwanjye arahunga, arasohoka."

Nyirabuja arega Yosefu; bamushyira mu nzu y'imbohe

16 Agumisha uwo mwenda iruhande rwe, ageza aho shebujya wa Yosefu yatahiye. 17 Maze amubwira amagambo amwe n'ayo ati "Wa mugurano wawe w'Umuheturayo watumuzanyeye nteye hejuru ntabaje, asiga umwenda we iruhande rwanjye arahunga, arasohoka."

19 Shebujya yumvise amagambo umugore we amubwiye ati "Uko ni ko umugurano wawe yamugiriye", uburakari bwe burakongezwaga. 20 Shebujya wa Yosefu aramujyana, amushyira mu nzu y'imbohe bakingiraniye imbohe z'umwami, aba muri iyo nzu y'imbohe. 21 Ariko Uwitwika aba kumwe na Yosefu, amugirira neza, amuha kugirira umugisha ku murinzi w'iyi nzu y'imbohe. 22 Uwo murinzi arindisha Yosefu imbohe zose zari muri ya nzu y'imbohe, ibyo bakore-ragamo byose ni we wabikoreshaga. 23 Umurinzi, w'inzu y'imbohe ntiyagira ikintu azenzura mu byo yamurindishije, kuko Uwitwika yari kumwe na we, kandi ibyo yakoraga Uwitwika yamuhaga kubikoresha ukuboko kwiza.

Yosefu asobanura inzozo z'abatware ba Farawo

40 Hanyuma y'ibyo, umuhereza wa vino w'umwami wa Egipta n'umuvuzi w'imitsima ye, barakaza shebujya umwami wa Egipta. Farawo arakirira abo batware be bombi, umutware w'abahereza ba vino n'umutware w'abavuzi b'imitsima. 3 Abarindishiriza mu nzu y'imbohe, jiri mu rugo rw'umutware w'abamurinda, aho Yosefu yakingiraniye. 4 Umutware w'abarinda umwami abarindisha Yosefu ngo ajye abakorera, bamara igihe bari mu nzu y'imbohe.

5 Umuhereza wa vino w'umwami wa Egipta n'umuvuzi w'imitsima ye, bakingiraniye muri ya nzu y'imbohe, bombi barotera ijoro rimwe inzozo zicishijye ukubiri, zigasobanurwa ukubiri. 6 Yosefu mu gitondo yinjira aho bari, asanga bababaye. 7 Abaza ba batware ba Farawo bakingiraniye hamwe na we mu nzu ya shebujya wa Yosefu ati "Ni iki gitumye mugaragaza umubabaro mutyo uyu muni?"

8 Baramusubiza bati "Ni uko twarose inzozo, kandi akaba ari nta wubasha kuzidusobanurira."

Yosefu arababaza ati "Gusobanura si ukw'Imana se? Ndabinginze, nimuzindotorere ..."

9 Umuhereza wa vino mukuru arotora Yosefu inzozo ze ati "Narose ngo umuzabibu wari imbere yanjye, 10 kandi wari ufite amashami atatu, mbona usa n'upfunditse uburabyo burarabya, amasere

39.21: Ibyak 7.9

yawo arahisha, Higikombe cya Farawo nari ngifite mu ntoki, nenda izo nzabibu nzikarnurira muri cyo, ngihereza Farawo."

12 Yosefu aramubwira ati "Uku ni ko zisobanurwa: ya mashami atatu ni iminsi itatu. 13 iminsi itatu itarashira Farawo azakuzamura, ashire umutwe wawe ejuru, agusubize mu butware bwawe, ubone guhereza Farawo igikombe, nk'uko wahoze ukora kera, uri umuhereza we wa vino. 14 Maze uzanyibuke ubwo uzabona ibyiza, uzangirire neza, ndakwinginze uzamvuge kuri Farawo, unkiye muri iyi nzu. 15 Ni ukuri koko banyibye mu gihugu cy'Abaheturayo, n'ino na ho banyishyize muri iyi nzu y'imbohe nta cyaha nkoze."

16 Ku muvuzi w'imitsima mukuru yumvise yuko amubabwirira ibyiza, abwira Yosefu ati "Nanjye narose nikoreye ibyibwo bitatu by'imitsima yera, 17 kandi icyibwo cyo hejuru y'ibindi cyarimo imitsima yokeje y'uburyo bwose nshyira Farawo, ibisiga biyindira ku mutwe, iri mu cyibwo."

18 Yosefu aramusubiza ati "Uku ni ko zisobanurwa: ibyo byibwo bitatu ni iminsi itatu, 19 iminsi itatu itarashira, Farawo azashyira hejuru umutwe wawe avugukuyeho akumanike ku giti, ibisiga bizakufata-aho inyama yawe."

20 Ku muni wa gatatu, ni wo muni wo kwibutsa kuvuka kwa Farawo, atekeshera, abagaragu be bese ibyokurya, ashira hejuru hagati y'abagaragu be umutwe w'umuhereza wa vino mukuru, n'uw'umuvuzi w'imitsima mukuru. 21 Asubiza umuhereza wa vino mukuru mu buhera bwe, ahereza Farawo igikombe, 22 maze amanika umuvuzi w'imitsima mukuru, nk'uko Yosefu yabasobanuriye inzozo zabo. 23 Ariko wa muhereza wa vino mukuru ntiyibuka Yosefu, ahubwo aramwibagirira.

Yosefu asobanura inzozo za Farawo

41 Imyaka ibiri ishize, Farawo arota ahagaze iruhande rw'uruzi. Mu ruzi havamo inka ndwi z'igikundiye zibyibushye, zirishiriza mu mifuzo. 3 Izindi nka ndwi z'umwaku zinanutse zirazikurikira, ziva mu ruzi zihagararana na za zindi ku nkombe y'uruzi. 4 Za nka z'umwaku zinanutse, zirya za zindi z'igikundiye zibyibushye uko ari indwi. Farawo

arihambura. 5 Arongera aribikira arota inzozo za kabiri, ngo amahundo arindwi ahunze meza, ameze ku giti kimwe. 6 Maze andi mahundo arindwi y'iminambe yumishijwe n'umuyaga uva iburasirazuba, akurikiraho aramera. 7 Ayo mahundo y'iminambe amira ya mahundo ahunze atsibaze, uko ari arindwi. Farawo aribambura, amenya yuko ari inzozo. 8 Mu gitondo ahagarika umutima, ahagaza abakonikoni ba Egipta bese n'abanyabwenge baho bese. Farawo abarotorera inzozo ze, ntiha gira uhasha kuzinsobanurira Farawo.

9 Maze umuhereza wa vino mukuru abwira Farawo ati "Uyu, muni ndakwibutsa ibyaha byanjye. 10 Farawo yarakariye abagaragu be andindishiriza mu nzu y'umutware w'abamarinda, jye n'umuvuzi w'imitsima mukuru. 11 Turoter a ijoro rimwe twemhi, turota inzozo zisobanurwa ukubiri. 12 Twari kumwe n'umuhungu w'Umuheburayo, umugurano w'umutware w'abakurinda, tumurorera inzozo za cyu arazidusobanurira. asohanurira umuntu wese nk'uko inzozo ze ziri. 13 Kandi uko yabidusobanuriye ni ko byasohoye, Farawo yansubije mu butware bwanjye, wa wundi aramumanika."

14 Maze Farawo ahagaza Yosefu, bamuhubura mu nzu y'imbohe, ariyogoshesha yambari indi myenda, yinjira aho Farawo ari. 15 Farawo abwira Yosefu ati "Narose none nta wushobora kuzisobanura. Numvise bavuga yuko ubasha gutsobanura inzozo bakuruteye."

16 Yosefu asubiza Farawo ati "Si jye, Imana ni yo iri busubize Farawo amagamba y'amahoro."

17 Farawo abwira Yosefu ati "Narose mpagaze ku nkombe y'uruzi, 18 havamo inka ndwi zibiyubushye z'igikundiro zishiriza mu mifunzo, 19 naze zikurikirwa n'izindi nka ndwi zizamuka zanze, ari umwaku zinanutse cyane. Sinari nabona inka mbi nk'izo mu gihugu cya Egipta hose. 20 Izo nka zinanutse z'umwaku zirya za nka zibiyubushye zabanje uko ari indwi, 21 zimaze kuzirya. ntivamenya yuko ziziriye, ziguma kuba umwaku nk'ubwa mbera. Nuko ndakanguka. 22 Kandi ndota ngo amahundo arindwi atsibaze meza. ameze ku giti kimwe, 23 maze andi mahundo arindwi yumye y'iminambe, yumishijwe

n'umuyaga uva iburasirazuba akurikiraho. aramera, 24 ayo mahundo y'iminambe amira ya mahundo meza uko ari arindwi. Nzirotorera abakonikoni, ntiha gira ubasha kuzinsobanurira. "

25 Yosefu abwira Farawo ati "Inzozo za Farawo ni zimwe: ibyo Imana igiye gukora yabibwiye Farawo. 26 Za nka ndwi nziza ni imyaka irindwi, na ya mahundo arindwi meza ni imyaka irindwi. Inzozo ni zimwe. 27 Na za nka zinanutse z'umwaku zazikurikiye ni imyaka irindwi, na ya mahundo arindwi y'imishishi yumishijwe n'umuyaga uva iburasirazuba na yo ni imyaka irindwi. Izaba imyaka irindwi y'inzara. 28 Cyo ni cyo nabwiye Farawo nli 'Ibyo Imana igiye gukora. yabibwiye Farawo.' 29 Hazaza imyaka irindwi y'uburumbuke bwinshi mu gihugu cya Egipta cyose, 30 hanyuma hazakurikiraho imyaka irindwi y'inzara, ubwo burumbuke bwose bwibagirane mu gihugu cya Egipta. Inzara izamara igihugu; 31 uburumbuke bwe kwibukwa ku bw'inzara ibukurikiye, kuko izaba nyinshi cyane. 32 Kandi icyatumye izo nzozi zibonekera Farawo kabiri, ni uko ibyo byakomejwe n'Imana kandi izabisohozwa vuba.

33 "Nuko Farawo nashake umuntu w'umunyabwenge w'umuhanga, amuhe ubutware bw'igihugu cya Egipta. 34 Farawo ashireho abahunikisha, ahunikisha igice cya gatanu cy'ubutaka bwa Egipta mu myaka y'uburumbuke, uko ari irindwi. 35 Bateranye ibihunikwa by'iyomyaka myiza igiye gutaha, bahunike mu midugudu imyaka y'impeke izatunga abantu, itegekwe na Farawo, bayirinde. 36 Kandi ibyo bihunikiye bizabera igihugu; ibibikiwe imyaka irindwi y'inzara izatera mu gihugu cya Egipta, igihugu cyekumarwa n'inzara."

Farawo yegurira Yosefu igihugu cya Egipta

37 Iyo nama inezeza Farawo n'abagaragu be bese. 38 Farawo abaza abagaragu be ati "Tuzabona hehe umuntu umeze nk'uyu, urimo umwaka w'Imana?" 39 Farawo abwira Yosefu ati "Kuko Imana ikweretse ibyo byose nta wundi munyabwenge w'umuhanga muhwaye, 40 ngu haye gutwara urugo rwanjye kandi abantu banjye bese bazumvira icyo utegetse,

ku ntebe yanjye y'ubwami yonyine nzagusumba." 41 Farawo abwira Yosefu ati "Dore nkweguriye igihugu cya Egipta cyose." 42 Farawo yiyambura impeta iriho ikimenyetso yo ku rutoki rwe ayambika Yosefu ku rutoki, amwambika imyenda y'ibitare byiza, amwambika n'umukufi w'izahabu mu ijosi, 43 amugendeshereza mu igare rikurikira irye bakajya bamurangana bati "Nimumpfukamire!" Nuko amwegurira igihugu cya Egipta cyose. 44 Farawo abwira Yosefu ati "Jye Farawo ndahiriye ko nta wuzunamura ukuboko, nta wuzashingura" ikirenge, mu gihugu cya Egipta cyose utabyemeye." 45 Farawo ahimba Yosefu Safunatipaneyi, amushyigira Asenati mwene Potifera, umutambyi wo mu mudugudu wa Oni. Yosefu atambagira igihugu cya Egipta. 46 Yosefu yari amaze imyaka mirongo itatu avutse, ubwo yakoreraga Farawo. Yosefu aho Farawo ari, atambagira igihugu cya Egipta cyose.

Yosefu ahunika imyaka myinshi

47 Mu myaka y'uburumbuke uko ari irindwi, igihugu kirera gisenyukamo imyaka. 48 Ahunikisha ibihunikwa byose byo mu gihugu cya Egipta uko iyo myaka irindwi ingana, abihunika mu midugudu, imyaka yo mu mirima ikikije umudugudu wose ayihunika muri wo. "Yosefu ahunika imyaka y'iropeke myinshi cyane ihwanye n'umunsi wo ku nyanja, ageza aho yarorereye kubara kuko itabarikaga.

50 Yosefu abyara abahungu babiri inzara itaratera, ababyarana na Asenati mwene Potifera, umutambyi wo mu mudugudu wa Oni. 51 Yosefu yita izopfura ye Manase ati "Ni uko Imana yanyibagije umuraho wanjye wose w'inzu ya data yose." 52 Uwa kabiri amwita Efurayimu ati "Ni uko Imana yanyorokereje mu gihugu nabonyemo umubabaro."

53 Ya myaka irindwi y'uburumbuke bwabaye mu gihugu cya Egipta irashira. 54 Imyaka irindwi y'inzara itangira gutaha nk'uko Yosefu yari yarabivuze, inzara itera mu bihugu byose ariko mu gihugu cya Egipta cyose bo bafite ibyokurya. 55 Igihugu cya Egipta cyose kibabajwe n'inzara, batakambira. Farawo ngo abaha ibyo barya. Farawo abwira Abanyegiputa

bese ati "Nimusange Yosefu, mukore icyo abategeka." 56 Inzara ikwira mu bihugu byose, Yosefu akingura ubuhuniko bwose ahahisha Abanyegiputa, inzara irakomera cyane mu gihugu cya Egipta. 57 Abo mu bihugu byose baja muri Egipta kuri Yosefu guhaha imyaka y'impeke, kuko inzara yari nyinshi mu bihugu byose.

Bene se wa Yosefu baza muri Egipta guhaha

42 Yakobo yumva yuko ubuhashyiruri muri Egipta abaza abana be ati "Ni iki gituma murebana?" 2 Kandi ati "Numvise yuko hari ubuhashyiruri muri Egipta, nimumanuke. mujyeye muduha-hireyo tubeho tudapfa." 3 Bene se wa Yosefu cumi baramanuka, baja guhaha imyaka y'impeke muri Egipta. 4 Ariko Benyamini mwene nyina wa Yosefu, Yakobo: ntiamutumana na bene se, kuko yibwiraga ati "Ahari yagira ibyago."

5 Abana ba Isirayeli baja guhahana n'abandi, kuho inzara yataye mu gihugu cy'i Kanani. 6 Kandi Yosefu ni we wari umutware w'igihugu cya Egipta, ni we wahahishaga abo muri icyo gihugu bese. Bene se wa Yosefu baraza, bamwikubita imbere bubamye. 7 Yosefu abona bene se arabamenya, arabirengagiza, ababwira nabi. Arababaza ati "Murava he?"

Baramusubiza bati "Turava mu gihugu cy'i Kanani tujye guhaha."

8 Yosefu amenya bene se ariko bo ntibamumenya. Yosefu yibuka za nzozi yabaroteye arababwira ati "Muri abatasi muje gutata aho igihugu gifite amaboko make."

10 Baramusubiza bati "Si ko biri databuza, ahubwo abagaragu bawe tuzanywe no guhaha. 11 Twese tva inda imwe, turi abanyakuri; abagaragu bawe nturi abatasi."

12 Arababwira ati "Si ko biri, ahubwo gutata aho igihugu gifite amaboko make ni ko kubazanywe."

13 Baramusubiza bati "Abagaragu bawe turi abavandimwe turi cumi na babiri, turi abana b'umwe wo mu gihugu cy'i Kanani, umuhereze yisigaranye na data, undi ntakiriho."

14 Yosefu arababwira ati "Icyo ni cyo nababwiye nti 'Muri abatasi.' 15 Iki ni cyo

kizabahanirira: ndahiye ubugingo bwa Farawo, ntimuzava hano umuhererezi wanyu ataje. 16 Mutume umwe muri mwe azane murumuna wanyu, namwe mura-bohwa, amagambo yanyu ageragezwe yuko muri abanyakuri. Nibitaba bityo, ndahiye ubugingo bwa Farawo, muri abatasi." 17 Bose abamaza mu nzu y'imbohe iminsi itatu.

18 Ku muni wa gatatu Yosefu arababwira ati "Mugenze mutya mudapfa kuko nubaha Imana: Iniba muri abanyakuri umwe muri mwe abavandimwe, asigare abohewe mu nzu yanyu y'imbohe, abandi mugende mujyane imyaka y'impeke yo kubamara inzara mu ngo zanyu, 20 maze munzanire umuhererezi wanyu. Ni ho amagambo yanyu azamenyekana ko ari ay'ukuri, bigatuma mudapfa."

Bagenza batyo. 21 Baravugana bati "Ni ukuri turibo urubanza rw'ibyo twagiriye mwene data, kuko twabonye uko umutima we wari ubabaye ubwo yatwiringagaga natwe ntitumwumvire, ni byo biduteye aya makuba."

22 Rubeni arababwira ati "Sinababwiye nti, mwe gukora icyaha kuri uwo mwana mukanga kunyumvira? Ni cyo gitumye amaraso ye adushakirwaho." 2 Ntibamenya yuko Yosefu yumva ibyo bavuga, kuko yavugirwaga n'umusemyi. 24 Abatera umugongo abasiga aho ararira, abagarukaho avugana na bo, abakuramo Simeyoni, amubohera mu maso yabo.

25 Yosefu ateguka ko babuzuriza imyaka y'impeke mu masaha yabo, kandi ngo basubize ifeza y'umuntu wese mu isaha ye, kandi babahye n'impamba. Babagirira batyo. 2 Bahekesha indogobe zabo ihaho ryabo, bavayo. 27 Aho baraye, umwe muri bo ahambuye isaha ye ngo agaburire indogobe ye, abona ifeza ye, asanga iri mu munwa w'isaha. 28 Abwira bene se ati "Ifeza yanjye irangurukiye, dore iri mu isaha yanjye." Bakuka imiti-ma, barebana bahinda imishyitsi bati "Ibi ni ibiki, ibyo Imana itugiriye?"

Yakobo yanga kohereza Benyamini

29 Basohora kuri se Yakobo mu gihugu cy'i Kanani, bamubwira ibyababaye byose bati .. "Umugabo ukomeye utwara icyo gihugu, yatubwiye nabi akeka yuko turi abatasi babatata. 11 Natwe

turamubwira tuti 'Turi abanyakuri, ntituri' abashakirwa. 2 Turi abavandimwe turi cumi na babiri dusangiye data umwe, umwe ntakiribo, umuhererezi yasigaranye na data mu gihugu cy'i Kanani." "Uwo mugabo ukomeye utwara icyo gihugu aratubwira ati 'Iki ni cyo kizambwira ko muri abanyakuri: nimunsigire umwe muri mwe abavandimwe, mujyane ibyo kubamara inzara mu ngo zanyu, mugende 34 munzanire umuhererezi wanyu. Ni ho nzamenya yuko mutari abatasi, ahubwo ko muri abanyakuri, nanjye nzabaha mwene so kandi muzatunda mu gihugu.' "

35 Basutse ibyo mu masaha yabo babona igipfunyika cy'ifeza cy'umuntu wese kiri mu isaha ye, bo na se babonye ibipfunyika byabo baratinya. 16 Se Yakobo arababwira ati "Mungize incike: Yosefu ntakiraho, Simeyoni ntariho, none kandi murashaka kunkuraho na Benyamini! Ibyo ni jye bibayeho byose!"

37 Rubeni abwira se ati "Nintamukugarurira. uzice abahungu banjye bombi, mumppe ndamwishingiye nzamukugarurira."

38 Aramusubiza ati "Umwana wanjye ntazajyana namwe, kuko mwene nyina yapfuye akaba asigaye ari ikinege, yagirira ibyago mu nzira muzacamo, muzatuma imvi zanjye ziranukana ishavu. zija ikuzimu."

Bene Yakobo basubira muri Egipta guhaha

43 Inzara irushaho kuba nyinshi mu gihugu. 2 Bamaze imyaka y'impeke bakuye muri Egipta, se arababwira ati "Nimsubireyo, muduhahire utwo kurya." 3 Yuda aramubwira ati "Wa mugabo yarátwihanangirije ati 'Ntimuzance iryera mutazanye na murumuna wanyu.' 4 Watwoherazanya na murumuna wacu, twagenda tukaguhahirayo, sariko nutamwoheraza ntujyayo, kuko wa mugabo yatubwiye ati 'Ntimuzance iryera mutazanye na murumuna wanyu ..'"

6 Isirayeli arababaza ati "Ni iki cyatumye mungirira nabi mutyo, mukabwira uwo mugabo yuko mufite mwene so wundi?"

7 Baramusubiza bati "Uwo mugabo yatubajije atwinja, uko turi ubwacu, na bene wacu uko bari ati 'Muracyafite so?

Mufite mwene so wundi?' Tumusubiza ibyo yatubajije. Tuba twarabwiwe n'iki yuko ari butubwire' ati 'Muzane murumuna wanyu?'"

8 Yuda abwira se Isirayeli ati "Nyoherezanya n'uko muhanga turahaguruka tugende, tubeho tudapfana nawe n'abana bacu. 9 Mbaye umwishingizi we abe ari jye uzamubaza, nintamukugarurira nkamugushyikiriza, nzaba ngukoreye icyaha kitazamyahe iteka. 10 Iyo tudatinda, nzi yuko none tuba tugarutse ubwa kabiri."

11 Se Isirayeli arababwira ati "Ubwobimeze bityo nimugenze mutya: mujyane mu masaha yanyu imbutu zo muri iki gihugu ziruta izindi ubwiza muzishyire uwo mugabo ho ituro, mujyane umuti womora muke n'ubuki buke, n'imibavu n'ishangi, n'ububemha n'indozi, 12 kandi mujyane ifeza z'ingereka zingana na 20, n'ifeza zagatutse mu minwa y'amasaha yanyu muzisubizeyo, ahari ni amahugwe yatumye zigaruka. 13 Mujyane na murumuna wanyu muhaguruke... musubire kuri uwo mugabo, 14 Imana Ishoborabyose ibahababwirira na we ngo ababohorere mwene so wundi na Benyamini. Nanjye niba bikwiriyeye ko mba incike, nzabeyo."

Bajyana na Benyamini; basanga Yosefu mu rugo

15 Ba bagabo benda ayo maturo, bajyana ifeza z'ingereka zingana na 20 bajyana na Benyamini, barahaguruka... baramanuka bajya muri Egipta, bahagarara imbere ya Yosefu. 16 Yosefu abonye Benyamini ari kumwe na 00, abwira igisonga cye ati "Injiza aba bantu mu nzu yanjye, ubage witagure ibyokurya, turi burire hamwe ku manywa y'ihangu." 17 Uwo mugabo akora ibyo Yosefu yamutegetse, yinjiza abo bagabo mu nzu ya Yosefu.

18 Baratinya kuko yabinjije mu nzu ya Yosefu, baravugaga bati "Ifeza zagatutse mu masaha yacu ubwo twazaga mhere, ni zo zatumye batwinjiza ngo adushakeho urwitwazo, adusumire, atunyagane n'indogobe zacu, tube imbata." 19 Begera cya gisonga cya Yosefu, bavuganira na cyo ku muryango bati "Datubajya, mberetwaramanuteza guhaha, 21 tugeze mu icumbi duhambura amasaha yacu, umuntu wese asanga ifeza ye iri mu munwa w'isaha ye, ifeza zacu dusanga

z'indozi ni imbutu zisa n'ububemba.

zingana uko zanganaga none turazigaru. ye. 22 Kandi tuzanye izindi feza zo guhaha, ntituzi uwashubije ifeza zacu mu masaha yacu."

23 Arabasubiza ati "Mushyitse imitima mu nda ntimutinye, Imana yanyu, Imana ya so, ni yo yabashyiriyeye ubutunzi mu masaha, jyweweho ifeza zanyu narazishyikiye." Asohora Simeyoni aramubazanira.

24 Nuko wa mugabo yinjiza abo bagabo mu nzu ya Yosefu, abaha amazi boga ibirenge, agaburira n'indogobe zabo. 25 Begeranya amaturo kugira ngo Yosefu naza ku manywa y'ihangu, asange biteguye kuyamuturira, kuko bari bumvise yuko bari burire hamwe na we. 26 Yosefu atashye, bamusangisha mu nzu ya maturo bazanye, bamwikubita imbere bubamye. 27 Ababaza uko bari, kandi ati "80 aracyakoma, wa musaza mwavugaga? Aracyariho?"

28 Baramusubiza bati "Data, umugaru wawe ni muzima, aracyariho." Barunama bikubita hasi.

29 Yubura amaso abona Benyamini murumuna we, mwene nyina arababaza ati "Uwo ni we muhererezi wanyu mwambwiraga?" Maze aramubwira ati "Imana ikugirire neza, mwana wanjye." 30 Yosefu yihuta kugenda, kuko umutima we wari ufiteye urukumbuzi mwene nyina, ashaka aho aririra, yinjira mu nzu hartuguru ayiriritiramo. 31 Yiyuhagira mu maso aragaruka, ariyumanganya aravugaga ati "Nimwarure ibyokurya." 32 Bamugaburira ukwe, na bene se babagaburira ukwabo, n'Abanyegiputa bariraga hamwe na we babagaburira ukwabo, kuko Abanyegiputa batasangiraga n'Abahaburayo, kuko cyari ikizira ku Banyegiputa... 33 Bicafa imbere ye, bicazwa uko bakurikiranira, impfura uko ubukuru bwayo buri, n'umuhererezi uko ubuto bwe buri, bavugana batangara. 34 Yosefu ateguka ko babazanira amagaburo yari imbere ye, ariko igaburo rya Benyamini riruta ayabo gatanu. Baranywa banezeranwa na we.

Igikombe cya Yosefu kibonwa mu isaha ya Benyamini

44 Yosefu ateguka igisonga cye ati "Nimwuzuze amasaha y'abo bagabo ihaho ringana, n'iryo bashobora kujyana, ushyire n'ifeza y'umuntu mu munwa w'isaha ye. 2 Ushyire n'igikombe

cyanjye cy'ifeza mu munwa w'isaho y'umuherezezi, ushyiranemo n'ifeza ye yahahishaga." Abigenza uko Yosefu yamutegese. ³Bukeye hamaze kubona, abo bagabo basezeranwa n'indogobe zabo. ⁴Bavuye mu mudugudu bataragera kure, Yosefu abwira igisonga cye ati, "Haguruka ukurikire ba bagabo, nubageraho ubawiririra uti 'Ni iki gitumye mwitwira inabi uwabagiriye neza?' ⁵Icyo mwibye si cyo databuja anyweshya, kandi si cyo yikingira aragura? Ubwo mwakoze mutyo, mwakoze icyaha." ⁶

⁶ Abageraho, ababwiriza ayo magambo. ⁷Baramubwirira bati "Databuja, ni iki kiku-vugishije amagambo amaze atyo? Ntibakabeho ko abagaragu bawe dukora ibimeze bityo. ⁸Dore ifeza twasanze mu minwa y'amasaho yacu twarazigushubije, tuzjavanye mu gihugu cy'i Kaniini. None twabashya dutwe kwiba ifeza cyangwa izahabu byo mu nzu ya shobujya? "Uwo uri bukiyonane wo mu bagaragu bawe yicwe, natwe duhinduke imbata zawe, databuja."

¹⁰ Arababwirira ati "Nuko rero bibe nk'uko mubivuze. Uwo kiri bubonekeho ni we uri bube imbata yanjye, namwe ntimuri bugibweho n'urubanza. ¹¹ Barihuta barururutsa, umuntu wese ahambura isaho ye, ¹² arasaka ahera ku mpfura ageza ku muhererezi, cya gikombe kiboneka mu isaho ya Benyamini. ¹³ Bashishimura imyambaro yabo, umuntu wese ahekesha indogobe ye imitwara, basubira mu mudugudu."

¹⁴ Yuda na bene se bagera mu nzu, ya Yosefu, basanga akiri aho bamwibwira imbere. ¹⁵ Yosefu arababaza, ati "Icyo mu-koze icyo ni igiki? Nimiruzi yuko umuntu umeze nkanjye ashobora kuragura koko?"

¹⁶ Yuda aramusubiza ati "Databuja, turagusubiza iki? Turavugaga iki? Turajyaga iki? Imana yamenye gukiranirwa kw'abagaragu bawe. Dore turi imbata zawe databuja, twe n'ubuho cya gikombe kibonetseho."

¹⁷ Aramusubiza ati "Ntibakabeho ko ngira ntyo: uwo igikombe kibonetseho ni we uri bube imbata yanjye, ariko mwe mwigendere mujye kwa so amahoro."

Yuda yemera kwitanga ho incungu ya Benyamini

¹⁸ Yuda aramwegera aramubwirira ati "Databuja, ndakwinginze, jyewe umugaru wawe reka mvugire ijamba mu

matwi yawe, uburakari bwawe bwe kugurumanira umugaragu wawe, kuko uhwanyeye na Farawo rwose." ¹⁹ Databuja, ntiwabajije abagaragu bawe uti, "Muracyafite so, cyangwa hari undi mwene so mufite?" ²⁰ Natwe tukagusubiza, databuja tuti, "Dufite data w'umusaza, harihwe n'umwana yabyaye ashaje aracyari muto, mukuru we yarapfuye, ni we usigaye ari ikinege mu nda ya nyina, se aramukunda." ²¹ "Maze ukabwirira twe abagaragu, bawe uti 'Muzamunzanire murebe.' "Tukabwirira" databuja tuti "Uwo muhunganu ntiyasiga se, yamusiga se yafata." ²² "Nawe ukabwirira twe abagaragu bawe uti 'Umuherezezi wanyu nimutamanuka: na. ntimuzongere kunga iryera.'"

²⁴ "Nuko tuzamutse tugeze kuri data, umugaragu wawe, tumubwirira amagambo yawe databuja. ²⁵ Data aratubwirira ati 'Nimwongere musubireyo, muduhagireyo utwo kuruya.' ²⁶ Turamusubiza tuti 'Ntitwasubiraye. Umuherezezi wacu nitujyana tuzamanuka tujyeyo, kuko tutabashya guca uwo mugabo iryera, umuherezezi wacu tutari kumwe.' ²⁷ Data, umugaragu wawe aratubwirira ati 'Muzi yuko umugore wanjye twabyaranye abahungu babiri, umwe akanyaho nkibwirira ndashidikanya yuko yatanyaguwe n'inyamaswa nanjye nkaba ntakimubona, ²⁸ nimunkuraho n'uyu akagira ibyago, muzatumira imvi zanjye zimanukana ishavu zijya ikuzimu.'"

³⁰ "Nuko none najya kuri data umugaru wawe tutari kumwe n'ubuho muhunganu, ³¹ data akabona tutazanyeye yafata, kuko ubugingo bwe bwiboshye ku bw'ubuho muhunganu, twebwe abagaragu bawe tukaba dutumye imvi za data umugaru wawe, zimanukana ishavu zijya ikuzimu." ³² Kuko jyewe umugaru wawe nishyigiyeye uwo muhunganu kuri data nti 'Ntitarumugushyiki... riza, nzaba ngukoreye icyaha data, kitazamvaho iteka.' ³³ Nuko none ndakwinginze, databuja, jyewe umugaru wawe ngumye mu cyimbo cy'ubuho muhunganu ndi imbata yawe, kandi uwo muhunganu atahaye na bene se. ³⁴ Nasubira nte ngo njye kuri data, ntari kumwe n'ubuho muhunganu? Ne kureba ibyago bizagera kuri data."

Yosefu yirondorera bene se

45 Yosefu ananirwa kwiyumanganya imbere y'abo bahagaranyeye bose, ahubwo avugaga cyane ati "Nimushohore

abantu bose bambise." Ntihagira umuntu uhagararana na Yosefu, yirondorera bene se. ² Atera hejuru ararira, Abanyegiputa barabyumva, abo mu nzu ya Farawo barabyumva. ³ Yosefu abwira bene se ati "Ndi Yosefu. Data aracyariho?" Bene se bashaka icyo bamusubiza kirabura, kuko bahagaritswe imitima no kuba imbere ye. ⁴ Yosefu abwira bene se ati "Ndabinginze nimunyegere." Baramwegera aravugaga ati "Ndi Yosefu, mwene so, mwaguze ngo njyanwe muri Egipta: 'None ntimubabare, ntimwirakirire yuko mwaguze ngo nzanwe ino, kuko Imana ari yo yatumye mbabanziriza ngo nkize ubugingo bw'abantu. ⁶ Izaza imaze imyaka ibiri mu gihugu, hasigaye indi myaka itanu, batazahingiramo ntibasaruriremo. ⁷ Kandi Imana yatumye mbabanziriza ngo ibabeshohe mugire icyo musiga mu isi, ibarokozeko gukiza gukomeye. ⁸ Nuko none si mwe mwanjyereye ino ahubwo ni Imana, kandi yangize nka se wa Farawo n'umutegeka w'urugero rw'ubwose, n'umutware w'igihugu cya Egipta cyose."

⁹ "Nimwihute, muzamuke mujye kuri data mumubwire muti 'Umwana wawe Yosefu, ngo tukubwirira yuko Imana yamugize umutware wa Egipta hose, manuka umusange ntutinde. ¹⁰ Kandi uzatura mu gihugu cy'i Gosheni, umube bugufi, wowe n'abana bawe n'abazukuru bawe, n'imiti kumbi yawe n'amashyamba yawe, n'ibyonyi ufite byose. ¹¹ Kandi ngo azakugereraye, kuko hahagisigaye imyaka itanu y'inzara, we gukenana n'ubuho yawe n'ibyonyi ufite byose."

12 HKandi murirebera, na mwene mamba Benyamini aritebera, yuko ari jye ubyikuriye mu kanwa. ¹³ Kandi muzabwirira data icyubahirira cyanjye cyose mfite muri Egipta, muzamubwirira ibyo mwabonye byose, kandi muzatebute data mumuzane ino."

¹⁴ Yosefu ahobereye mwene nyina Benyamini, begamiranya amajosi ararira, Benyamini ararira ku ijosi rya Yosefu. ¹⁵ Asoma bene se bose, abaririraho, nyuma bene se baganira na we.

Farawo na Yosefu batumira Yakobo

¹⁶ Inkuru y'ibyonyi igera kwa Farawo yuko bene se wa Yosefu baje, binezeza Farawo n'abagaragu be cyane. ¹⁷ Farawo

abwirira Yosefu ati "Bwira bene so ngo nimugenze mutya: muhekeshe indogobe zanyu. imitwara, mugende mujye mu gihugu cy'i Kanani, **18 muzane 80 n'abo mu ngo zanyu, muze iwe, ngo na we azabaha ibyiza byo mu gihugu cya Egipta, muzarya ibirushaho kuba byiza byo mu gihugu. ¹⁹ Ndagutegetse kubabwirira uti 'Nimugenze... mutya: mujyane amagare yo mu gihugu cya Egipta yo gushyiramo. abana banyu bato n'abagore banyu, muzane na so, muze ino. ²⁰ Kandi ntimwite ku bintu byanyu, kuko ibyiza byo mu gihugu cya Egipta cyose ari ibanyu.'"**

²¹ Abana ba Isirayeli babigenza batyo. Yosefu abaha amagare nk'uko Farawo yategetse, abaha n'impamba. ²² Kandi uko bangana, aha umuntu wese imyenda yo gukuranwa, ariko aha Benyamini ibice by'ifeza magana atatu, amuha n'umyenda yo gukuranwa gatanu. ²³ Na se amwoherereza izi ntashyamba: indogobe cumi zihetse ibyiza bya Egipta, n'indogobe z'ingore cumi zihetse imyaka y'impeke, n'imitsima n'ibyokurya bindi by'impamba bya se. ²⁴ Nuko asezerera bene se, bagenda ababwirira uti "Mwirinde, ntimutonganire... mu nzira."

²⁵ Bava muri Egipta barazamuka, bagera mu gihugu cy'i Kanani kuri se Yakobo. "Baramubwirira bati "Yosefu aracyariho, ni we mutware w'igihugu cya Egipta cyose." Yakobo arakakara, kuko atabemereye.

²⁷ Bamubwirira amagambo yose Yosefu yabatumye. Abonye ya magare Yosefu yohereje kumuhagurutsa, umutima wa se w'abo Yakobo urahembuka, ²⁸ Isirayeli aravugaga ati "Ni byo bizi! Yosefu umwana wanjye aracyariho, ndajya kubonana na we ntarapfa."

Yakobo aya muri Egipta

46 Isirayeli aragenda, aya ibyonyi atunze byose agera i Berisheba, atambiraye ibitamba Imana ya se Isaka. ² Imana ihamagara Isirayeli mu iyerekwara yayo ijoro itari "Yakobo, Yakobo!"

Aritaba ati "Karame."

³ Iramubwirira uti "Ndi Imana, Imana ya so. Ntutinye kumanuka ngo ujye muri Egipta, kuko ari ho zakugirira ishyinga rikomeye. ⁴ Ubwanjye nzajyana nawe

45.1: Ibyak 7.13 45.9-11: Ibyak 7.14

a Yakobo arakakara: cyangwa, umutima wa Yakobo ntiwakonjoka.

muri Egipta, kandi ubwanjye ni jye uzagukuraho, kandi Yosefu ni we uzabwambya amaso yawe."

5 Yakobo arabaguruka ava i Berisheba, abana ba Isirayeli bajyana Yakobo se n'abana babo bato, n'abagore babo mu magare Farawo yohereje kumuzana. 6 Bajyana amatungo yabo n'ibintu byabo baronkeye mu gihugu cy'i Kaniini baja muri Egipta. Yakobo n'urubonyo rwe rwose rujyana na we: 7 ababungu 00 n'abuzukuru 00: b'ababungu, n'abakobwa be n'abakobwa b'ababungu 00, n'urubonyo rwe rwose rujyana na we muri Egipta.

Amazina y'urubonyo rwa Yakobo

8 Aya ni yo mazina y'Abisirayeli bagiye muri Egipta: Yakobo n'ababungu be, impfura ye ni Rubeni. • Bene RuOOni ni Henoki na Palu, na Hesironi na Karumi. • Bene Simeyoni ni Yemuweli na Yamini, na Ohadi na Yakini, na Sohari na Shawuli umwana w'Umunya-kananikazi. • Bene Lewi ni Gerushoni na Kohati na Merari. 12 Bene Yuda ni Eri na Onani, na Shela na Peresi na Zera, ariko Eri na Onani bapfiriye mu gihugu cy'i Kanfili. Bene Peresi ni Hesironi na Hamuli. 13 Bene Isakari ni Tola na Puwa, na Yobu na Shimuroni. 14 Bene Zebuluni ni Sereidi na Eloni na Yabieleli. 15 Abo ni bo OOne Leya yabyaranye na Yakobo i Padanaramu, kandi babyaranye n'umukobwa Dina. Ababungu 00 n'abakobwa 00 bose ni mirongo itatu, na batatu.

16 Bene Gadi ni Sifiyoni na Hagi, na Shuni. na Esiboni na Eri, na Arodi na Areli. 17 Bene Asheri ni Imuna na Ishiva, na Ishivi na Beriya, na mushiki wabo Sera. Bene Beriya ni HeOri na Malikiyeli. 18 Abo ni bo bene Zilupa, Labani yabaye Leya umukobwa we ho indongoranyo. Abo ni bo yabyaranye na Yakobo, ni abantu cumi na batandatu. • Bene Rasheli muka. Yakobo ni Yosefu na Benyamini. 2 Yosefu yabyariye mu gihugu cya Egipta Manase na Efurayimu, ababyaranye na Asenati umukobwa wa Potifera, umutambyi wo mu mudugudu wa Oni. 21 Bene Benyamini ni Bela na Bekeri, na AshiOoli na Gera, na Nama ni na Ehi, na Roshi na Mupimu, na Hupimu na Arudi. 22 Abo ni bo OOne Rasheli yabyaranye na Yakobo, bose ni cumi na bane.

23 Mwene Dani ni Hushimu. 4 Bene Nafutali ni Yabiseli na Guni, na Yeseri na Shilemu. • Abo ni bo bene Biluha, Labani yabaye Rasheli umukobwa we ho indongoranyo. Abo ni bo yabyaranye na Yakobo, bose ni barindwi.

26 Abantu bose bajyanye na Yakobo muri Egipta bakomotse mu rukiryi rwe, utabariyemo abakazana ba Yakobo, bose bari mirongo itandatu. na batandatu. 7 Ababungu ba Yosefu yabyariye muri Egipta ni babiri, abantu bose b'inzu ya Yakobo bagiye muri Egipta, bari mirongo irindwi.

Yakobo na Yosefu babonana

28 Yakobo atuma Yuda imbere ye kuri Yosefu ngo amuhe inzira yo kujya i Gosheni, bagera mu gihugu cy'i Gosheni. • Yosefu yitegura igare ry'arazamuka ajya gusanganira se Isirayeli i Gosheni, aramwiyereka, aramuhora begamiranyama amajosi, aririra ku ijosi ry'umwanya munini. 3 Isirayeli abwira Yosefu ati "Nabo napfa, ni byo bizi, ubwo nkubonye nkamenya yuko ukiraho."

31 Yosefu abwira bene se n'inzu ya se ati "Ndagenda mbwirere Farawo, yuko bene data n'inzu ya data bari mu gihugu cy'i Kaniini bansanze, 32 kandi ko ari abashumba kuko baragirira amatungo, kandi ko bazanyeye imikumbi yabo n'amashyo yabo, n'ibyo bafite byose. 33 Nuko Farawo nababamagaza; akababaza; ati 34 'Umwuga wanyu, ni umuki?' Muzamubizwe muti 'Abagaragu bawe turagirira amatungo, twahereye mu buto bwacu tugeza n'ubu, twabwacu na ba sogokuruza.' Muvugirye mutyo kugira ngo muturere mu gihugu cy'i Gosheni, kuko umushumba wese ari ikizira ku Banyegiputa."

Yosefu ashira Farawo se Yakobo

47 Yosefu aragenda abwira Farawo ibyo byose ati "Data na bene data, n'imikumbi yabo n'amashyo yabo, n'ibyo bafite byose, bageze ino bavuye mu gihugu cy'i Kanani, none bari mu gihugu cy'i Gosheni." 'Muri OOne se atoranyamo batanu, abashyira Farawo. 3 Farawo abaza bene se wa Yosefu. ati "Umwuga wanyu ni umuki?"

Basubiza Farawo bati "Abagaragu bawe turi abashumba, twabwacu na ba sogokuruza." 4 Kandi babwira Farawo bati "Dusuhukiye muri iki gihugu, kuko abagaragu bawe twabuze ubwatsi bw'imikumbi yacu, kuko inzara ari nyinshi cyane mu gihugu cy'i Kaniini. None turakwinginze, emera ko abagaragu bawe dutura mu gihugu cy'i Gosheni." 5 Farawo abwira Yosefu ati "80 na bene so baje iwawe, igihugu cya Egipta kiri imbere yawe ngo utuze so na bene so aharuka ahandi ubwiza, bature mu gihugu cy'i Gosheni, kandi niba uzi muri bo ba rukunyu ubagirere abatahira b'inka zanjye."

7 Yosefu yinjiza na se Yakobo amushyira Farawo, Yakobo asabira Farawo umugisha. 8 Farawo abaza Yakobo ati "Imyaka y'ubukuru bwawe ni ingaha?"

9 Yakobo asubiza Farawo ati "Imyaka y'uruzerero rwanjye ni ijana na mirongo itatu, iyo myaka y'ubukuru bwanjye ibaye mike na mibi, ntingana n'imyaka y'ubukuru. bwa ba sogokuruza, mu minsi y'uruzerero rwabo." 10 Yakobo asabira Farawo umugisha, maze amuva imbere. 11 Yosefu atuzuye se na bene se, abaha gakondo mu gihugu cya Egipta aharuka ahandi ubwiza, mu gihugu cy'i Ramesesi, uko Farawo yategetse. 12 Yosefu ahora agerere se na bene se n'ab'inzu ya se bose igerere, uko abana babo bangana.

Yosefu agura ibyo Abanyegiputa bafite byose

13 Nuko mu gihugu cyose ntiha ibyokurya kuko inzara yari nyinshi, bituma abo mu gihugu cya Egipta n'abo mu gihugu cy'i Kanani barabishyira n'inzara. 14 Yosefu ateranya ifeza zose zari mu gihugu cya Egipta no mu gihugu cy'i Kanani bazanyeye guha/ishya, Yosefu azizana mu nzu ya Farawo. 15 Ifeza zose zishize mu gihugu cya Egipta no mu gihugu cy'i Kaniini, Abanyegiputa bose baja kuri Yosefu bati "Duhe ibyokurya. Twapfiriye iki imbere yawe, ko ifeza zacu zishize?"

16 Yosefu arababwira ati "Mutange amatungo yanyu nanjye ndabaha ibyokurya, muhahishije amatungo niba mubuze ifeza." 17 Bazanira Yosefu amatungo yabo, Yosefu abahishya ibyokurya ku mafarashi n'imikumbi n'amashyo n'indogobe, abagaburira ibyokurya uwo mwaka, abahishya ku matungo yabo yose.

18 Uwo mwaka ushize, mu mwaka wa kabiri baza aho ari, baramubwira bati "Ntitwahisha databuja yuko ifeza zacu zose zishize, kandi amashyo yacu yose abaye aya databuja. Nta gisigaye imbere ya databuja kitari imibiri yacu n'ubutaka bwacu. 19 Twapfiriye iki mu maso yawe twe n'ubutaka bwacu? Tugurane n'ubutaka bwacu, twe n'ubutaka bwacu tuzabimbata za Farawo, uduhe imbuto tubeho twe gupfa, igihugu kikaba umwirare."

20 Nuko Yosefu agurira Farawo ubutaka bwa Egipta bwose, kuk'Umunya-egiputa wese yaguraga umurima we, kuko inzara yabateye cyane, igihugu cyose kikaba gakondo ya Farawo. 21 Abantu arabimurira, ahera ku ngabano za Egipta z'uruhande rumwe ageza ku z'urundi, abashyira mu midugudu. 22 Ubutaka bw'abatambiyi ni bwo bwonyine ataguzwe, kuko abatambiyi bari bafite igerero bahawe na Farawo, bakajya barya iryo gerero Farawo yabahaye. Ni cyo cyatumye batagura ubutaka bwabo. 2 Yosefu abwira abantu ati "Dore uyu muni mbaguriye Farawo mwe n'ubutaka bwanyu, none imbuto zanyu ngizi muzabike bu butaka. 24 Kandi uko muzasarura muzajye muha Farawo igice cya gatanu cy'icyatamuri ma, ibice bine bizajya biba ibyanyu ngo mubikureho imbuto zo kubiba mu mirima, bibe n'ibyokurya byanyu n'abo mu ngo zanyu n'abana banyu bato."

25 Baramubwira bati "Udukijije urupfu, tukugirireho umugisha databuja, natwe tuzababimbata za Farawo." 2 Yosefu yandikisha iryo tegeko, riba itegeko ridakuka mu gihugu cya Egipta na bugingo n'ubu, yuko Farawo ahabwaga igice cya gatanu. Ubutaka bw'abatambiyi ni bwo bwonyine butabaye ubwa Farawo.

27 Abisirayeli, batura mu gihugu cya Egipta, mu gihugu cy'i Gosheni, baronkeraye ibintu, barororoka, bagwira cyane.

Yakobo arahiza Yosefu yuko azamuhamba i Kanani

28 Yakobo yongera kurama indi myaka cumi n'irindwi ari muri Egipta, nuko imyaka Yakobo yaramye yari ijana na mirongo ine n'irindwi. Iyo ni yo myaka y'ubugingo bwe. 29 Igihe cyo gupfa kwa Isirayeli kiri bugufi, ahamagaza umwana we Yosefu aramubwira ati "Niba nkugiriyeho umugisha, ndakwinginze shyira ukuboko kwawe muni y'ikibero cyanjye,

ungirire, neza umbere umunyam-rav-. Ndakwinginze, ntuzampambe mun Egiputa, ³⁰ ahubwo ninsinzirana na data, na sogokuru. uzanyjane unkure m-, Egiputa. umpambe mu gituro cyabo.

Aramusubiza ati "Nzabikora, uko utegetse."

31 Aramurahiza ali "Ndahira." Aramurahira, Isirayeli, yikubita ku musego yubamye.

Yakobo agiye gupfa, Yosefu amuzanira abahungu be bombi

48 Hanyuma y'ibyo b-bwira Yos-fu bali. "So ararwaye. Agyana n abahungu be bombi, Manase na Efurayimu. 'Haza umuntu abwira Yakobo ali 'Dore umwana wawe Yosefu araje.' Isirayeli, arihangana, yicara ku rutara. ³ Yakobo abwira Yosefu ali, 'Imana Ishoborabyose yambonekereye i Luzi yo mu gihugu cy'i Kanani, impa umugisha. ⁴ Irambwira' ili 'Dore nzakororotse nku-gwize, nguhindure iteraniro ry'amoko, kandi nzaha urubyarwo rwawe ruzakurikira raho iki gihugu, kibe gakondo yarwo iteka ryose.'

5 "None abahungu bawe bombi wabyariye mu gihugu cya Egiputa, m'abanyere. Efurayimu na Manase bazaba abanyere, nka Rubeni na Simeyoni. ⁶ Abandi bana wabyara hanyuma yabo bazaba abawe, mu iragwa ryabo bazilirirwa be-se. ⁷ Ku bwanyere ubwo navaga i Padan napfusha: rije Rasheli, mu rugendo mu gihugu cy'i Kanani, twari dushigajye akarere tukagera. Efurata. Byarambabaje, muhambayo mu nzira, iya Efurata. ari ho Betelehemu."

8 Isirayeli abona bene Yosefu aramusubiza ati "Aba ni bande?"

9 Yosefu asubiza se ari "Ni abana banjye Imana yampereye ino."

Aramubwira ati "Ndakwinginze, bazane mabasabire umugisha." ¹ Kandi amaso ya Isirayeli yari abeshejwe ibirorori n'uhusaza, ntiyashobora guhweza. Aramwegereza arabasoma, arabahobere. ¹¹ Isirayeli abwira Yosefu ati "Sini-bwiraga yuko nzabona mu maso hawe ukundi none Imana inyeretse n'urubyarwo, rwawe." ¹² Yosefu abakura hagali y'ama-zi ya se, yikubita hasi yubamye.

Yakobo asabira Efurayimu na Manase umugisha

13 Yosefu abajyana, bombi arabamwegereza, afatisha Efurayimu ukuboko kwe kw'iburyo, amwegereza ukuboko kw'ibumoso kwa Isirayeli, afatisha Manase ukuboko kwe kw'ibumoso, amwegereza ukuboko kwa Isirayeli kw'iburyo. ¹⁴ Isirayeli arambura ukuboko kwe kw'iburyo, arambika ikiganza cyako ku mutwe wa Efurayimu umuhereze, arambika, ikiganza cye cy'ibumoso ku mutwe wa Manase, anyuranya amaboko ye abizi. kuko Manase ari we wari impfura. ¹⁵ Asabira Yosefu umugisha ati "Imana, iyo sogokuru Aburahamu, na data Isaka bagenderaga imbere. Imana yantunze mu bugingo bwanyere bwose ikageza ubu, imarayika wancunguye mu bibi byose, ihe aba bahungu umugisha. bitirirwe izina ryanjye n'irya sogokuru. Aburahamu, na data Isaka, boroke babe benshi cyane mu isi."

17 Yosefu, abonye yuko se arambitse ikiganza cye cy'iburyo ku mutwe wa Efurayimu, biramubaza. Aterura ukuboko kwa se ngo agukure ku mutwe wa Efurayimu, agushyire ku wa Manase. ¹⁸ Yosefu abwira se ati "Ntugire utyo data. Uyu ni we mpfura, abe ari we urambika ikiganza cyawe cy'iburyo ku mutwe."

19 Se aranga ati "Ndabizi mwana wanyere, ndabizi. Uwo na we azahinduka, ubwoko kandi na we azakomera. ariko murumuna we azamurusha gukomera, urubyarwo rwe ruzahinduka, amoko menshi."

20 Abasabira umugisha uwo munsi: ati "Abisirayeli bazaguhindure, icyitegererezo, iyo basabiranyere umugisha bati 'Imana iguhindure nka Efurayimu na Manase.'" Abanza Efurayimu mbera ya Manase.

21 Isirayeli, abwira Yosefu ati "Dore ngiye gupfa ariko Imana izabana namwe, izabasubiza mu gihugu cya banyere, banyu. ²² Kandi nguhaye umugabane umwe uruta uwa bene so, uwo nanyagishije Abamori inkota yanjye n'umuheto wanjye."

Yakobo ahanurira abana be ibizababaho

49 Yakobo ahamagaza abana be arababwira ati "Nimuterane, mabwirire ibizababaho mu minsu izabaho kera.

² "Nimuterane mwumve bana ba Yakobo, Mwumve Isirayeli so.

³ "Rubeni uri impfura yanjye, n'imbaraga zanjye. Uwo gushobora kubyara kwanjye kwatangiriyeho, Urushaho icyubahiro, urushaho gukomera.

⁴ Uri nk'amazi kuko adahama hamwe, ntuzabona ubutware. Kuko wuriye uburiri bwa so, Ni ho wabuhumanije. Yuriye indyamo zanjye!

⁵ "Simeyoni na Lewi ni abavandimwe, Inkota zabo ni intwari z'urugomo. Mutima wanjye, ntuzajye mu nama zabo za rwihereranza, Bwiza bwanyere, ntugafatanye n'iteraniro ryabo. Kuko bicishije abantu uburakari, Bagatema ibitsi by'inka kugira ngo bimare agahinda.

⁷ Uburakari bwabo buvumwe kuko bwari bwinshi, Umujinya wabo uvumwe kuko wari uw'agashinyaguro. Nzabagabanya mu ba Yakobo, Nzabatataniriza mu Bisirayeli.

⁸ "Yuda, bene so bazagushima, Ukuboko kwawe kuzaba ku ijosi ry'abanzi bawe, Bene so bazakwikubita imbere. Yuda ni icyana cy'intare, Urazamutse, mwana wanjye uvuye mu muhigo.

Yunanye, abunda nk'intare, Kandi nk'intare y'ingore. Ni nde wayivumbura? Inkoni y'ubwami ntizava kuri Yuda, Inkoni y'ubutware ntizava hagati y'ibirenge bye, Nyirayo'ataraza,

Uwo ni we amahanga azumvira. ¹¹ Aziritse ishishi ye y'indogobe ku muzabibu, N'icyana cye cy'indogobe akiziritse ku muzabibu urutaho ubwiza,

Ameshesha imyenda ye vino, Imyambaro ye ayimeshesha amaraso y'inzabibu.

" Amaso ye atukujwe na vino, Amenyo ye yejewe n'amata.

¹³ "Zebuluni azatura ku kibaya cy'inyanja, Azaba ku kibaya kiriho inkuge, Urugabano rwe ruzerekera i Sidoni.

¹⁴ "Isakari ni indogobe y'inyamaboko, Iryanye hagati y'ingo z'intama.

¹⁵ Abona aho kuruhukira ko ari heza, N'igihugu ko ari icyo kwishimiramo.

Yunamishirije urutugu rwe kwikorera, Ahinduka umuretwa utegekwa icyate.

" Dani azacira abantu be imanza, Ubwo ari umwe mu miryango y'Abisirayeli.

¹⁷ Dani azaba inzoka mu nzira, N'incira mu kayira, Irya ibinono by'ifarashi, Uhekwa na yo akagaranzuka inyuma akagwa.

¹⁸ "Uwiteka ntegereje agakiza kawe.

¹⁹ "Gadi umutwe uzamutera, Ariko na we azabatera abirukane, abakurikire hafi.

²⁰ "Kuri Asheri hazava ibyokurya biryoha neza, Azatanga ibyokurya byiza bikwiriye abami.

²¹ "Nafutali ni ibuguma ry'isha izituwe, Avuga amagambo meza.

²² "Yosefu ni ishimi ry'igiti cyera cyane, Ishami ry'igiti cyera cyane kiri hagati y'isoko, Amahami yacyo arenga inkike y'igihome.

²³ Abarashi bamugiriye iby'urwango, Bamurashe imyambi y'akarengane.

24Ariko umuheto we nturakabangUka,
Amaboko ye n'intoki ze
bikomezwa n'amaboko ya
ya ntware ya Yakobo.

Ni yo yakomotsweho
n'Umushumba, ^c

Igitare cy' Abisirayeli.

25Ibyo byakozwe n'Imana ya so,
izagufasha,

Byakozwe n'Ishoborabyose,
izaguha umugisha.

Imigisha iva hejuru mu ijuru,
N'imigisha iva mu mazi y'ikuzimu,
N'imigisha yo mu mabere n'ayo
mu nda.

2. Imigisha so ahesha,

Irenze iyahesheje na data na
sogokuru,

Igera ku rugabano rw'imisozi ^d
ihoraho.

Izaba ku mutwé wa Yosefu,
Mu izingiró ryé, ni we mutware
wa bene se!^e

27"Benyamini ni isega ritanyagura,

Mu gitondo riryá umOO1go,

Nirngoroba akagabanya iminyago."

28 Abo bese ni imiryango y' Abisira-
yeli uko ari cumi n'ibiri. Ibyo ni byo se
yababwiye abasabira umugisha, umuntu
wese amusabira uwe mugisha.

Yakobo ategeka abana be aho
bakwiriye kuzamuhamba

29 Arabihanangiriza arababwira ati
"Ngiye gusanga ubwoko bwanjye, muza-
mpambe hamwe na data na sogokuru, mu
buvumo buri mu isambu ya Efuroni
UmOOeti, 30mu buvumo buri mu isambu
y'i Makipela iri imbere y'i Mamure mu
gihugu cy'i Kaniini, ni bwo Aburahamu
yaguranye n'ayo sambu kuba gakondo yo
gOOambamo, abuguze na Efuroni Umu-
heto. 31Ni bwo bahambyemo Aburahamu
na Sara umugore we, ni bwo bahambye-
mo Isaka na Rebeka umugore we, kandi
ni bwo nahambyemo Leya. 32Ya sambu
n'ubuvumo buyirimo byaguzwe ku Bahe-
ti." 33Yakobo amaze kwihanangiriza aba-
na 00, asubiza amaguru ku rutara, umwu-
ka urahera asanga ubwoko bwe.

49.30: Itang 23.3-20 49.31: Itang 25.9-10; 35.29 49.33: Ibyak 7.15 50.5: Itang 47.29-31
50.13: Ibyak 7.16

^c Ni yo . . . Umushumba: cyangwa, Ni ko yahindutse Umushumba.

^d ku ... imisozi: cyangwa mu mpinga y'imisozi.

^e bene se: cyangwa, warobanuwe muri bene se.

Yakobo arapfa baramwosa,
bamujuana i Kanani bamuhambayo

50 Yosefu. yubama mu maso ha se
amuririraho, aramusoma. 2Yosefu
ategeka abagaragu be b'abavuzi. kosa se,
abo bavuzi bosa Isirayeli. 3Bamara iminsi
mirongo ine bakimwosa, uko ni ko iminsi
yo koserezamo. ingana. Abanyegiputa 00-
mara iminsi mirongo irindwi bamuririra:

4 Iminsi yo kumuririra ishizé, Yosefu
abwira abo mu rugo rwa Farawo ati "Niba
mbagiriyeho umugisha, ndabingize. mu-
bwiré Farawo muti "Se yamurahiriye ibi:
dorengiye gupfa, mu mva nicukuriye mu
gihugu cy'i Kanani aho ari mo uzampa-
mba. None ngo arakwinginga azamuke,
ahambe se, kandi ngo azagaruka."

6 Farawo ati "Zamuka. uhambe so,
nk'uko yakurahiriye."

7 Yosefu arazamuka ajya guhamba
se, ajyana n'abagaragu. ba Farawo bese,
abakuru. bo mu rugo rwe, n'abakuru : bo
mu gihugu cya Egiptu. bese, 8n'abo mu
rugo rwa Yosefu bese, na bene se n'abo
mu rugo rwa se, abana babo bato,
n'imikumbi yabo n'amashyamba yabo, ibyo
byonyine ni byo basize mu gihugu cy'i
Gosheni. 9Ajyana n'amagare y'intamba-
ra n' abahetswe n'amafarashi, bagenda ari
itara rinini cyane.

10 Bagera ku mbuga y'igosorero yo
muri Atadi, hari hakurya ya Yorodani,
bacuriraye umuborogo mwinshi ukomeye
cyane, amara aho iminsi irindwi ahariyira
se amwiraburiye. 11 Bene igihugu. b' Aba-
nyakaniini, babonye baririra ku mbuga
y'igosorero yo muri Atadi, baravugaga bati
"Uyu ni umuborogo mwinshi w' Abanyeg-
iputa." Ni cyo cyatumye bahita Abeli
Misirayimu, hari hakurya ya Yorodani.

12 Abana ba Isirayeli bamukorera
uko yabategetse, 13bamujuana mu gihugu
cy'i Kanani, bamuhamba mu buvumo
bwo mu isambu y'i Makipela iri imbere
ya Mamure, ubwo Aburahamu yaguranye
n'ayo sambu kuba gakondo yo gOOamba-
mo, abuguze na Efuroni UmOOeti.

Yosefu ahumuriza bene se, arapfa

14 Amaze guhamba se, Yosefu asubi-
rana muri Egiptu na bene se, n'abandi
bose bajanyé na we kumuhambisha se.

15 Bene se wa Yosefu babonye ko
se yapfuye, baravugana bati "Ahari
Yosefu azatwanga, atwite rwose inabi
lwamugiriye. " 16Batuma kuri Yosefu
bati "80 atarapfa yaradutegetse ati
17Muzabwire Yosefu ibi; arakwinginze,
babarira bene so igicumuro cyabo n'i-
cyaha cyabo kuko bakugiriye nabi,
None turakwinginze, babarira abagaragu
b'Imana ya so igicumuro cyabo." Yose-
fu babimubwiye ararira.

18 Ndetse bene se baragenda bamwi-
kubita imbere, baramubwira bati "Dore
turi abagaragu bawe."

19 Yosefu arababwira ati "Mwitinya.
Mbese ndi mu cyimbo cy'Imana? 20Ku
bwanyu mwari mushatse kungirira nabi,
ariko Imana yo yashakaga kubizanza

ibyiza, kugira ngo isohoze ibi biribo
none, ikize abantu benshi urupfa. 21None
mwe gutinya, nzajya mbagaburirana n'a-
bana banyu bato." Arabahumuriza aba-
bwira neza.

22 Yosefu atuzana muri Egiptu n'u-
muryango wa se, Yosefu arama imyaka
ijana n'icumi... 23Yosefu abonaabuzukuru
ba Efurayimu, n'abana ba Makiiri mwene
Manase bavukiye ku mavi ya Yosefu.
24Yosefu abwira bene se ati "Ngiye
gupfa, ariko Imana ntizabura kubagende-
rera ikabakura muri iki gihugu, ikabajya-
na mu gihugu yarahiriyeye Aburahamu na
Isaka na Yakobo ko izabaha." 25Yosefu
arahiza abana ba Isirayeli ati "Imana
ntizabura kubagenderera, namwe muza-
jyana amagufwa yanjye, muyakure ino."
26Nuko Yosefu apfa aramye imyaka ijana
n'icumi. **Baramwosa, bamushyirira muri**
Egiptu mu isanduku yo gutambamo.